2025
Nyakanga – Nzeri

Vol. 101, No. 3

IBYIGISHO BYA BIBILIYA MU ISHURI RYO KU ISABATO

BY'ABAKUZE



UMUGABANE WA 3

# Ubutumwa Bwiza uko Bwanditswe na Yohana

**Kubwo kuguma muri Kristo, tugira imbaraga zo kunezerwa ku Bwe no kubabazwa ari We tuzira.**

# Ibirimo

ISHURI RYO KU ISABATO


1. Yesu, Simoni, na Mariya.............................................5
2. Ukwinjirana Ukunesha.............................................10
3. Turashaka kureba Yesu.............................................15
4. Yesu, Umugaragu w'Abagaragu.................................20
5. Inzira, Ukuri, n'Ubugingo.............................................26
6. Isezerano ry'Umwuka Wera.....................................31
7. Yesu, Umuzabibu w'Ukuri.........................................36
8. Urukundo rwa Kivandimwe.......................................41
9. Umurimo w'Umwuka Wera......................................47
10. Kristo asengera Abigishwa Be (1)..............................52
11. YKristo asengera Abigishwa Be (2)............................57
12. Kuregwa kwa Kristo.................................................62
13. Simoni Petero...........................................................67


**Ibyigisho bya Bibiliya mu Ishuri ryo ku Isabato**, Ni porogarame y' ibyigisho bya buri munsi.

**Ibi byigisho by' ishuri ryo ku Isabato** bishingiye kuri Bibiliya n' umwuka w' ubuhanuzi gusa. Kwiga byimbitse muri iki gihe bigomba gushishikariza buri wese witegura kugaruka k' Umukiza wacu Yesu.


**"IBYIGISHO BYA BIBILIYA MU ISHURI RYO KU ISABATO"**

Bitegurwa n'inteko y'ubuyobozi bukuru bw'itorero ry'Abadivantisite b'Umunsi wa 7 Bavugurura

**GENERAL CONFERENCE**

5240. Hollins Road

Roanoke - Virginia 24019-5048 USA

**Amashusho**: Advent Digital Media ku rupappuro rw'imbere, ikarita kuri p.4, 30, 72, Good Salt kuri p.51, 72

# Ijambo ry'Ibanze

Mu gihe dukomeje Ibyigisho dukura mu Butumwa Bwiza uko bwanditswe na Yohana, dutangiye kwegera iminsi ya nyuma y'umurimo wa Yesu wo ku isi. Umwuka w'Ubuhanuzi uratubwira uti: "Byatubera byiza buri munsi tugiye tumara isaha dutekereza kandi twiga imibereho ya Kristo. Tugomba kureba ingingo ku ngingo, kugira ngo ibitekerezo byacu bibashe gusobanukirwa buri mugabane w'imibereho ye, cyane cyane imibereho ye iheruka ya hano ku isi. Uko twibanda ku gitambo Cye gikomeye yatanze kubwacu, kumwiringira kwacu kuzarushaho gukomera, urukundo rwacu ruziyongera, kandi tuzarushaho kuzurwa n'Umwuka We. Niba amaherezo tugomba gukizwa, tugomba kwigira icyigisho cyo kwihana no kwicisha bugufi munsi y'umusaraba." – *Uwifuzwa Ibihe Byose*, p.83.

Intumwa ivuga ko uwa kabiri mu Bumana w'ukuri ari Yesu Kristo, akaba yarabaye umuntu akagaragaza ubwenge bw'Imana, ubushake bw'Imana, n'imbaraga z'Imana, binyuze muri We inzira y'agakiza yakinguriwe kandi ihishurirwa abantu bose. Yesu avugwaho ko ariwe Muremyi w'ibintu byose, isōko y'ubugingo, umucyo w'isi, akaba ari na we ugaragaza mu buryo buzima ibitekerezo bya Se. Icyo Imana ishaka ni uko "abantu bose bihana" (2Petero 3:9), binyuze mu murimo w'Umwuka Wera, nabyo bigaragazwa na Yohana, nyuma atwerekeza i Getsemani, aho iby'inyokomuntu byafatiwe umwanzuro.

Uko bigaragara, imwe mu ntego z'ibanze z'icyo gitabo, yari iyo gufasha abizera b'Abakristo bari baratatanye, batari barigeze bahura na Yesu ku giti cyabo kandi bakaba baremeranaga ubwuzu ibitekerezo by'abapagani, kugirango bamenye uwa kabiri mu Bumana w'ukuri, ariwe Mucyo nyakuri. Indi ntego y'ingenzi y'inyandiko ya Yohana kwari ugutegura Abakristo muri rusange guhangana n'akaga kari kugarije itorero mu mpera z'ikinyejana: kubaha Imana kwa mbere kwarimo kugenda kugabanuka (Ibyahishuwe 2:4) kandi gukunda iby'isi byarimo byiyongera mu bwoko bw'Imana (1Yohana 2:15). Ubuyobe nk'Ubuginositiki bwagendaga bukwirakwira mu mukumbi. Ubuginositiki bwahakanaga ko Yesu yari yarabaye umuntu koko, agafata kamere ya kimuntu. Abaginositiki bigishaga ko mu by'ukuri abantu batari barigeze babona Kristo, ko ibyo babonye byari ukwigaragaza gusa. Kubw'ibyo rero, ukuri kwahishuriwe muri Yohana 1:14 kwari ingirakamaro mu buryo bwihariye muri iyo minsi. Ikindi kintu cyari giteje akaga itorero, ni ugutotezwa kwaturukaga mu bategetsi b'Abaroma.

Nta gushidikanya ko igitabo cya Yohana cyafashije cyane itorero rya mbere rya Gikristo. Cyafashije bikomeye abayoboke ba Kristo bo mu bihe byose, kandi natwe kiradufasha cyane muri iki gihe.

Tubifurije ko ubuyobozi bw'Umwuka w'Imana bwahabwa abarimu n'abanyeshuri mu gihe dukomeje kunyura muri uru rukurikirane rw'ibyigisho.

*Icyiciro cy'Ishuri ryo ku Isabato mu Nteko Nkuru Rusange*

# Amaturo y'Isabato ya Mbere

Ku isabato 5 Nyakanga 2025

## Azafasha kubaka urusengero rwa Aruwe muri Tahiti






Ikirwa cya Tahiti gikunze kuvugwaho kuba gifite ubwiza bw'akarere k'ubushyuhe n'akarere keza cyane, kikaba giherereye muri Polineziya y'Abafaransa, akaba ari akarere k'u Bufaransa kagizwe n'ibirwa 121 biri ku buso bw'ibirometero kare 1,359 by'umurambararo, mu Majyepfo y'inyanja ya Pasifika.

Mu mateka, imyizerere yo gusenga imana nyinshi y'abatuye ibyo birwa byinshi yatumye bagira imigenzo myinshi ya gipagani, hakubiyemo gusenga izuba, kurya abantu, no gusenga imyuka. Ubukristo bwazanye impinduka binyuze mu mihati y'Abamisiyoneri b'Abakristo b'Abongereza baje muri ibyo birwa mu mwaka wa 1797. Nyuma yaho Abafaransa baje gukoroneza ako gace mu mpera z'imyaka ya 1800. Muri iki gihe, mu baturage baho bagera hafi ku 279,000 bahatuye, 54% ni Abaporotesitanti, 38% ni Abagatolika, irindi janisha risigaye rigizwe n'abandi bafite indi myizerere.

Ubutumwa bw'Ivugurura bwageze muri Polineziya y'Abafaransa mu mwaka wa 1982 ubwo hasurwaga na mwene data A.C. Sas. Abizera ba mbere, bose hamwe bari abantu 24, babatijwe nyuma y'umwaka. Ubutumwa bwiza bwakomeje gukwirakwira mu birwa kandi kuva icyo gihe hashyizweho amatsinda menshi y'amatorero.

Ikibabaje ni uko kugeza n'uyu munsi, itorero ryacu ryo muri Polineziya y'Abafaransa ritagira urusengero rwaryo, kandi bene data bateranira mu mazu bakodesheje cyangwa ku butaka bw'abizera. Mu mwaka wa 2013, nyuma y'amasengesho menshi yo kwiyiriza ubusa, kubw'ubuntu bw'Imana, habonetse ikibanza mu karere ka Aruwe; nko mu birometero hafi 20 uvuye i Papete, muri Tahiti.

Abagize iryo torero bake cyane, bamaze imyaka myinshi bashyiraho imihati mu kwitanga, bagateka ndetse bakagurisha ibyokurya bitarangwamo inyama buri cyumweru kugirango bashobore kugura icyo kibanza. Nubwo bene data na bashiki bacu bakoze uko bashoboye kose kugirango bishyure amafaranga y'iki kibanza, haracyakenewe urusengero rwo gufasha gukwirakwiza ubutumwa bw'ukuri hano muri iyi minsi iheruka amateka y'isi.

Kubw'ibyo rero, turarikira bene data na bashiki bacu bo hirya no hino ku isi, kwifatanya natwe mu gutanga amafaranga yo kubaka urusengero muri Aruwe rukazakoreshwa nk'itorero ry'ibanze, ahantu habera imyiherero, amateraniro makuru ndetse n'umurimo w'ubuvuzi mu murwa mukuru wa Polineziya y'Abafaransa.

Hari amagambo adutera umwete wo guhaguruka [tukagira icyo dukora] yo mu 1Ngoma 22:19, "Nuko rero nimuhaguruke, mwubake urusengero rw'Uwiteka Imana." Imana ibahe umugisha mwinshi kandi umurimo Wayo ukomeze gutera imbere ku isi hose.

*Bene so na bashiki banyu bo muri Polineziya y'Abafaransa*

Ku Isabato, 5 Nyakanga 2025

**Icyigisho 1**

# Yesu, Simoni, na Mariya

**ISOMO RYO KUZIRIKANWA:** "Ni cyo gitumye nkubwira yuko ababariwe bya byaha bye byinshi, kuko yagize urukundo rwinshi. Ariko ubabarirwa bike, akunda buke." (Luka 7:47).

**Ibitabo Byifashishijwe:** *Ibihamya by'Itorero,* vol 4, p.485 – 487; 550 – 552.

"Yesu azi ibyo umuntu wese ahura nabyo. Ushobora kuvuga uti, 'Ndi umunyabyaha, ndetse umunyabyaha wa ruharwa. Ni byo ushobora kuba umunyabyaha, ariko uko uri umunyabyaha ruharwa, niko urushijeho gukenera Yesu. Yesu ntaheza umuntu ufite umutima umenetse. Ntawe abwira ibyo akwiye guhishura byose, ahubwo akomeza umutima wose utentebutse ati, 'Komera.' Abamusanga bose basaba imbabazi no guhindurwa, azababababarira nta kiguzi." – *Uwifuzwa Ibihe Byose,* p.568.

## 1. GUSŪRA BETANIYA UBUHERUKA

Kuwa Mbere
29 Kamena

a. **Sobanura imimerere yari i Yerusalemu mu gihe Kristo yasuraga i Betaniya kandi ni gute ibi bishobora kuba hari impinduka byateye ku bantu bamwe na bamwe bari bitabiriye ibirori byo kwa Simoni? Yohana 11:55 – 57; Zaburi 55:21.**

"Simoni w'i Betaniya yabarwaga ko ari umwigishwa wa Yesu. Yari umwe mu Bafarisayo bake bifatanije ku mugaragaro n'abayoboke ba Kristo. Yemeraga ko Yesu ari Umwigisha kandi yiringiraga ko ashobora kuba ari we Mesiya, ariko yari ataramwemera nk'Umukiza. Imico ye n'amahame agenga imigenzereze ye byari bitarahinduka." – *Ibid.,* p.557.

b. **Ni uwuhe mugisha ukomeye wahawe Simoni, kandi ni gute icyo gihe yagaragarije Yesu ishimwe rye? Luka 7:36.**

"Simoni yari yarakijijwe ibibembe, kandi ibyo ni byo byamuteye gusanga Yesu. Yifuzaga kugaragaza gushima kwe, maze igihe Kristo yasuraga i Betaniya bwa nyuma, Simoni yateguriye umunsi mukuru Umukiza n'abigishwa Be." – Ibid.

## 2. KUMURIKA UMUCYO UVUYE MU MUTIMA

Kuwa Kabiri
30 Kamena

a. **Sobanura imiterere y'ibintu bikunze kubaho mu gihe cy'ibirori byo gusangira, n'uburyo byabayeho muri uwo mwanya. Zaburi 55:21.**

"Uwo munsi mukuru wahuje Abayuda benshi. Icyo gihe muri Yerusalemu hari ugukangarana cyane. Kristo n'umurimo We byakuruye intekerezo z'abantu benshi kurusha ibihe bya mbere. Abantu bari baje mu munsi mukuru kwa Simoni bitegerezaga ibyo Yesu yakoraga, ariko bamwe muri bo ntibari bamwishimiye." – *Uwifuzwa Ibihe Byose*, p.557.

b. **Vuga ibikorwa bya Mariya mu birori byo kwa Simoni. Luka 7:37,38; Yohana 12:3.**

"Mariya yari ateze amatwi ashishikaye buri jambo ryaturukaga mu kanwa ka Yesu. Kubw'imbabazi ze, Yesu yari yaramubabariye ibyaha bye, yari yarazuye musaza we, bityo umutima wa Mariya wari wuzuye gushima. Mariya yari yarumvise Yesu avuga ibyo gupfa kwe kwari kwegereje, maze kubera urukundo rwinshi n'agahinda yari afite; yari yarifuje kumugaragariza ko amwubahirije. Kubwo kwitanga gukomeye, yari yaraguze amavuta y'igiciro cyinshi cyane yo gusiga ku mubiri wa Yesu. Ariko ubu abantu benshi bavugaga ko agiye kwimikwa ngo abe umwami. Umubabaro wa Mariya wahindutse ibyishimo, bityo yifuza cyane kuba uwa mbere mu guha icyubahiro Umwami we. Yapfunduye amavuta ye, ayasuka ku mutwe no ku birenge bya Yesu; maze apfukama arira, amarira ye atonyangira ku birenge bya Yesu nuko abihanaguza umusatsi we wari muremure." – *Ibid.*, p.558,559.

c. **Ni gute Yuda yakiriye icyo gikorwa? Yohana 12:4,5; Matayo 26:8,9.**

"[Mariya] yabikoze adashaka ko hagira umubona, kandi koko byajyaga gushoboka, ariko impumuro y'ayo mavuta yakwiriye mu cyumba hose, maze abari aho bose bamenya ibyo akoze. Yuda yitegereje icyo gikorwa ababaye. Aho kugira ngo ategereze kumva icyo Kristo ari buvuge kuri icyo gikorwa, yatangiye kwivovota yongorera abantu bari hafi ye, agaya Kristo kuba yemeye uko gupfusha ubusa kumeze gutyo. Mu buryo bw'uburyarya yavuze amagambo yashoboraga gutuma abantu banga Yesu." – *Ibid.*, p.559.

## 3. IGOMWA RYA YUDA

Kuwa Gatatu
1 Nyakanga

a. **Mbese mu by'ukuri, ni ukubera iki Yuda yanenze igikorwa Mariya yakoze cyo gusuka amavuta ku birenge bya Yesu? Yohana 12:6.**

---

---

"Yuda yari umucungamutungo w'abigishwa, kandi mu bubiko bwabo buto yavanagamo amafaranga rwihishwa akayakoresha ibye, ku buryo umutungo wabo wari usigaye ari ubusabusa [wenda gushira]. Yifuzaga rero ko icyaboneka cyose cyajya mu bubiko. Akenshi bavanaga amafaranga mu bubiko maze bagafasha abakene; kandi iyo hagiraga ikintu kigurwa nyamara Yuda abona ko kitari ngombwa, yaravugaga ati: 'Ni mpamvu ki y'uku gupfusha ubusa? Kuki ayo mafaranga yaguzwe ibi atashyizwe mu bubiko ngendana bw'ibyo gufasha abakene? Noneho ubu icyo Mariya yakoze cyari gihabanye cyane no kwikanyiza kwe ku buryo byamuteye ikimwaro; kandi nk'uko yari amenyereye yashatse gutanga impamvu yumvikana ishyigikira kwanga impano ya Mariya kwe. Yarahindukiye abaza abigishwa ati: 'Ni iki gitumye aya mavuta atagurwa idenariyo magana atatu ngo bazifashishe abakene? Icyatumye avuga atyo si ukubabarira abakene, ahubwo ni uko yari umujura kandi ariwe wari ufite umufuka w'impiya, akiba ibyo babikagamo.' Ntabwo Yuda yakundaga abakene. Iyo Mariya aza kugurisha ayo mavuta maze amafaranga avuyemo akabitswa Yuda, ntacyo byari kumarira abakene." – *Uwifuzwa Ibihe Byose*, p.559.

b. **Ni gute abigishwa babonaga Yuda, kandi se, we yibonaga ate? Yohana 13:29.**

---

"Yuda yumvaga afite isumbwe ritewe n'ubushobozi yari afite. Nk'umucungamutungo, yumvaga asumba cyane abigishwa bagenzi be, kandi nabo yari yarabateye kumubona batyo. Bari baramugiriye icyizere, kandi yari afite ijambo cyane muri bo. Uburyo yagaragazaga ko afitiye abakene impuhwe byayobeje abandi bigishwa, maze amagambo ye y'uburyarya abatera kutishimira ubwitange bwa Mariya." – *Ibid.*, p.559,560.

c. **Sobanura ikintu gituma akenshi abantu bitotombera abandi bucece, kandi ni gute bishobora kugira ingaruka ku bantu babyumvise aribo bari kuvugwa? Yuda 1:16.**

---

"Mariya yumvise ayo magambo y'urucantege. Umutima we wagize ubwoba ahinda umushyitsi. Yatinye ko mukuru we Marita ari bumucyahe amuhora gupfusha ubusa. Yatinye kandi ko n'Umwami Yesu ari bumutekereze nk'umuntu utazigamira ahazaza. Yari hafi gusohoka ngo yigendere adasabye imbabazi cyangwa ngo yisegure." – *Ibid.*, p.560.

## 4. SIMONI NA MARIYA

Kuwa Kane
2 Nyakanga

a. Ni gute Simoni yagizweho ingaruka n'ubwibone bwe bwite bwa Gifarisayo n'ibyo Mariya yakoze, kandi ni gute yaciriye Yesu urubanza? Luka 7:39.

"Simoni wari wakiriye Yesu yayobejwe n'amagambo ya Yuda yo kunenga impano ya Mariya, kandi yatangajwe n'uburyo Yesu yabyitwayemo. Ubwibone bwe bwa Gifarisayo bwateshejwe agaciro.....

"Igihe Kristo yakizaga Simoni ibibembe, yamukijije urupfu rwashoboraga kumutwara. Ariko.... bitewe n'uko Kristo yemereye uwo mugore kumwegera, ntamwigizeyo amwinubira nk'umuntu wakoze ibyaha byinshi bitababarirwa, akaba ataragaragaje ko azi ko Mariya ari umunyabyaha, byateye Simoni kwibwira ko Kristo atari umuhanuzi." – *Uwifuzwa Ibihe Byose*, p.566.

b. Mbese Yesu yahishuye ubuhe bumenyi bw'ubuzima Simoni na Mariya nk'uko bwari buri rwose? Luka 7:40 – 43. Ni gute Yesu yacyashye Simoni; kandi ni ukubera iki? Luka 7:44 – 46.

"Ntabwo [Simoni] yamenye ko Umwana w'Imana agomba gukorera mu nzira z'Imana, afite impuhwe, kwiyoroshya, n'imbabazi. Imyumvire ya Simoni yari iyo kwirengagiza igikorwa cya Mariya kigaragaza kwihana. Igikorwa cye cyo gusoma ibirenge bya Yesu no kubisiga amavuta cyarakaje umutima unangiye wa Simoni. Yibwiye ko iyo Kristo aza kuba umuhanuzi yari kumenya abanyabyaha maze akabacyaha....

"Nk'uko Natani yabigenje kuri Dawidi, Kristo yanyujije mu mugani ibyo yashakaga kubwira Simoni. Yesu yahaye Simoni uburyo bwo kwicira urubanza. Simoni yari yaragushije mu cyaha uwo mugore yasuzuguraga. Yari yarariganyije Mariya mu buryo bukomeye.... Nyamara Simoni we yumvaga ko ari umukiranutsi kurusha Mariya, maze Yesu yifuza kumwereka mu by'ukuri uko icyaha cye cyari gikomeye. Yashatse kumwereka ko icyaha cye cyarutaga cyane icya Mariya." – *Ibid*., p.566,567.

c. Mbese Abayuda babyakiriye bate igihe Yesu yavugaga ko ibyaha bya Mariya abibabariwe? Luka 7:48,49. Ni izihe ngaruka umugani wa Kristo wagize ku mutima wa Simoni?

"Noneho Simoni yatangiye kubona uko ateye mu mucyo mushya. Simoni yabonye uburyo Mariya yabonwaga n'Uwarutaga umuhanuzi. Yamenye neza ko Kristo akoresheje amaso ya gihanuzi, yabonye umutima wa Mariya wuje urukundo no kwitanga. Simoni yakozwe n'ikimwaro, abona ko yari ahagaze imbere y'Ufite icyubahiro kumurusha." – *Ibid*., p.567.

## 5. GUHINDUKA KWA SIMONI

Kuwa Gatanu
3 Nyakanga

a. Nubwo dushobora kuba tutazi neza ibyo tuzabona hanyuma, ni kuki duterwa umwete wo kuvugana n'abanyabyaha ntacyo twishisha nka Simoni? Imigani 9:8; Yakobo 5:20.

---

"Mariya we yari umunyabyaha wababariwe, naho Simoni yari umunyabyaha utarababarirwa. Itegeko rikaze yari yarashatse ko ricira urubanza Mariya ni we ryaruciriye.

"Simoni yakozwe ku mutima n'ineza ya Yesu yatumye atamucyahira mu ruhame imbere y'abashyitsi be. Ntabwo Yesu yamugiriye nk'uko yifuzaga ko Mariya yagirirwa. Simoni yabonye ko Yesu atifuzaga gushyira ibyaha bye ku mugaragaro, ahubwo yashatse kwemeza umutima we akoresheje urugero rw'umugani kandi akoresha ineza yuje impuhwe kugira ngo yigarurire umutima we. Iyo Yesu aza gukoresha igitsure cyinshi byajyaga gutuma Simoni yinangira ntiyihane, ariko kumugira inama amwihanganira byatumye yemera ikosa rye. Yasobanukiwe n'ubunini bw'umwenda yari afitiye Umwami we. Ubwirasi bwe bwacishijwe bugufi, arihana, maze uwari Umufarisayo w'umwirasi ahinduka umwigishwa ucishije make kandi witanga." – *Uwifuzwa Ibihe Byose*, p.567,568.

b. Ni iki Yesu yavuze ku gikorwa cya Mariya, kandi ni ayahe magambo y'iremamutima yamubwiye? Matayo 26:12,13; Luka 7:50.

---

"Mariya yari yaragiye afatwa nk'umunyabyaha ruharwa, ariko Kristo yari azi ibyo yari yaranyuzemo byamugize uko yari ameze. Kristo yashoboraga gutera Mariya gutakaza ibyiringiro byose by'umutima we, ariko ntiyabikoze. Yesu ni we wari waramuvanye mu kwiheba no kurimbuka. Incuro ndwi, Mariya yari yarumvise Yesu acyaha abadayimoni bari barabase ubwenge n'umutima we. Yari yarumvise Yesu atakambira Se kubera we. Yari azi uburyo icyaha ari kibi imbere yo kwera kwa Yesu, bityo aheshejwe imbaraga na we aratsinda." – *Ibid*., p.568.

## 6. IBIBAZO BYO KUZIRIKANWA

Kuwa Gatandatu
4 Nyakanga

1. MU kugendana n'Imana kwanjye, ni gute nakwimenyereza kugira indangagaciro zirushijeho kuba nziza zaranze Mariya?
2. Ni uwuhe muburo ngomba gukura ku nyifato Yuda yagaragarije mu birori?
3. Ni gute nshobora kwirinda kugwa mu rwobo ibitekerezo bya Simoni byamuroshyemo?
4. Mbese amagambo Kristo yakoresheje ahumuriza Mariya, ni ryari nshobora kuyabwirwa mu buzima bwanjye?
5. Ni iki nshobora kwigira ku buryo Yesu yumvishije Simoni icyaha cye?

Ku Isabato, 12 Nyakanga 2025 **Icyigisho 2**

# Ukwinjirana Ukunesha

**ISOMO RYO KUZIRIKANWA:** "Mubwire umukobwa w'i Siyoni muti 'Dore umwami wawe aje aho uri, ari uw'ineza ahetswe n'indogobe, n'icyana cy'indogobe.' " (Matayo 21:5).

**Ibitabo Byifashishijwe:** *Uwifuzwa Ibihe Byose,* p.569 – 579.

"Kristo yaje gukiza Yerusalemu hamwe n'abana bayo; ariko ubwirasi, uburyarya, ishyari n'igomwa bya Gifarisayo byari byarabujije Kristo kugera ku mugambi We." – *Uwifuzwa Ibihe Byose,* p.577.

## 1. KU MUSOZI WA ELAYONO

Kuwa Mbere
6 Nyakanga

a. Igihe Yesu n'abigishwa Be begeraga i Yerusalemu, ni ayahe mabwiriza yabanje guha babiri muri bo? Matayo 21:1 – 5.

"Yesu yohereje babiri mu bigishwa Be kugira ngo bamuzanire indogobe n'icyana cyayo. Igihe yavukaga, Umukiza yacumbikiwe n'abatari Abayuda. Umuvure w'inka yaryamishijwemo, wari ahantu ho kuruhukira nyamara hatiwe. Icyo gihe nubwo amashyo y'indogobe ku misozi igihumbi byari ibye, yatiye indogobe umuntu bataziranye kugira ngo ayigendereho yinjira muri Yerusalemu nk'Umwami wayo." – *Uwifuzwa Ibihe Byose*, p.569,570.

b. Sobanura icyo abigishwa bakoze. Matayo 21:6,7.

"Abigishwa be, bafite ubwuzu bwinshi, bashashe imyenda yabo kuri iyo ndogobe, maze bicazaho Shebuja. Mbere yaho Yesu yagendeshaga amaguru, maze icyo gihe abigishwa be babanza gutangazwa no kubona ahisemo kugendera ku ndogobe. Ariko ibyiringiro byujujwe imitima yabo n'ibitekerezo binejeje by'uko agiye kwinjira muri Yerusalemu, agatangaza ko ari Umwami, maze agashimangira ubushobozi bwe bwa cyami." – *Ibid.*, p.570.

## 2. IGIHE GISHIMISHIJE

Kuwa Kabiri
7 Nyakanga

a. Ni iki imbaga y'abantu yakoze, igihe bumvaga ko Yesu agiye kuza i Yerusalemu? Yohana 12:12,13.

---

---

"Igihe [abigishwa] bajyaga gushaka icyana cy'indogobe, bamenyesheje incuti za Yesu iby'ibyiringiro byagurumanaga mu mitima yabo, maze gusabwa n'ibyishimo bikwira hirya no hino, bituma abantu buzurwa n'ubwuzu." – *Uwifuzwa Ibihe Byose*, p.570.

b. Ni iki cyatumye imbaga y'abantu yishimira ko Yesu yari Mesiya muri icyo gihe cy'ibyishimo? Zekariya 9:9; Yohana 12:14,15.

---

"Kristo yari akurikije umugenzo wa Kiyuda w'uburyo umwami yinjiraga. Itungo Yesu yagendeyeho ryari iryagenderwagaho n'abami bo mu Isirayeli, kandi ubuhanuzi bwari bwaravuze ko ari ko Mesiya azaza kwima ubwami Bwe. Akimara kwicara ku cyana cy'indogobe, humvikanye amajwi yo kunesha asākara ikirere. Imbaga y'abantu benshi bari aho bamwakiriye nka Mesiya, Umwami wabo. Ubu noneho Yesu yemeye ko bamuha icyubahiro kandi mbere atari yarigeze abyemera, maze abigishwa babifata nk'ikimenyetso cy'uko ibyo biringiraga bigiye gusohozwa no kumubona yima ingoma ye." – Ibid.

c. Ni gute abantu bari bategerezanyije amatsiko ukurokorwa, basubiyemo amagambo y'Umunyezaburi bafite umunezero? Matayo 21:9; Zaburi 118:26.

---

---

"Abantu benshi bari aho bemeye badashidikanya ko igihe cyo kubohorwa kwabo kigeze. Mu bitekerezo byabo babonaga ingabo z'Abaroma zirukanwa muri Yerusalemu, maze Isirayeli ikongera kuba igihugu cyigenga. Bose basabwe n'ibyishimo n'ibinezaneza, maze barushanwa kumuha icyubahiro. Ntibashoboraga kwerekana icyubahiro no gukomera bigaragarira inyuma, ariko bamuhaye icyubahiro giturutse ku mitima inezerewe. Ntibashoboraga kumuha impano z'igiciro cyinshi, ariko bashashe imyenda yabo mu nzira yacagamo, kandi barambura amashami y'imikindo n'imyelayo aho yanyuraga. Ntabwo bashoboraga kumuherekeza mu buryo bugaragaza icyubahiro ku rugero rw'ubwami, ariko baciye amashami y'imikindo yakoreshwaga mu kugaragaza insinzi, maze bagenda bayazunguza barangurura Hoziyana." – Ibid.

## 3. UGUSOHORA K'UBUHANUZI

Kuwa Gatatu
8 Nyakanga

a. Ni gute bamwe mu Bafarisayo babyakiriye igihe Kristo yahabwaga icyubahiro mu buryo bugaragara? Yohana 12:19; Luka 19:39.

---

---

"Abafarisayo benshi babonye ibyo, maze bazabiranywa n'ishyari ryinshi n'igomwa, bashaka uburyo babuza abantu gukurikira Yesu. Bakoresheje ubushobozi bwabo bwose ngo bacecekeshe abantu; nyamara uko babuzaga abantu bakabakangisha byatumye bongera umurava mwinshi. Batinyaga ko abo bantu, kubera ubwinshi bwabo, bashoboraga kwimika Yesu ngo abe umwami. Umwanzuro wa nyuma bafashe wabaye uwo kwinjira muri iyo mbaga begera Yesu maze bamubwira amagambo yo kumucyaha no kumukangisha bati: 'Mwigisha, cyaha abigishwa bawe.' Bavuze yuko iyo myidagaduro yuzuye urusaku ityo itemewe n'amategeko, kandi ko ubuyobozi budashobora kubibemerera." – *Uwifuzwa Ibihe Byose,* p.572.

b. Ni ikihe gisubizo Yesu yabahaye? Luka 19:40.

---

---

"Uwo mwanya wo kugaragaza insinzi wari warateganyijwe n'Imana ubwayo. Wari waravuzwe n'umuhanuzi kandi umuntu nta bushobozi yari afite bwo guhindura gahunda y'Imana. Iyo abantu bananirwa gusohoza umugambi w'Imana, yashoboraga guha amabuye ijwi, maze akakira Umwana wayo n'amajwi arangurura yo guhimbaza." – *Ibid.*, p.572.

"Nk'iyo biza kuba ibishoboka abatambyi n'abategetsi bari kugerageza kwima isi umucyo w'izuba, nk'uko n'ubundi isi bayimye umucyo w'ubwiza buturuka kuri Zuba ryo Gukiranuka. Nubwo abantu barwanyijwe cyane, bavugaga iby'ubwami bwa Kristo." – *Ubuntu bw'Imana Butangaje*, p.47.

"Umurimo w'Imana uzakomeza kujya mbere nubwo abantu bakora ibishoboka byose kugirango bawubangamire cyangwa bawusenye." – *Inkuru ya Yesu*, p.85.

c. Ni gute icyo gitangaza cyasohoje ubuhanuzi nk'uko byavuzwe na benshi muri rubanda? Zekariya 9:9.

---

"Mu gihe Abafarisayo bari bacectse basubiraga inyuma, amagambo ya Zekariya yasubiwemo n'amajwi abarirwa mu magana. [Zekariya 9:9]" – *Ibid*., p.572 – 575.

## 4. AMASO YOSE KURI KRISTO

Kuwa Kane
9 Nyakanga

**a. Ni iyihe mpamvu yatumye Yesu yemera ko habaho icyo gikorwa gikomeye ku munsi yinjiriyeho i Yerusalemu agaragara nk'umuneshi? Yohana 12:16, 23 – 28.**

---

"Mbere y'icyo gihe mu buzima bwe bwo ku isi, nta na rimwe Yesu yari yarigeze yemerera abantu kumuha icyubahiro no kumuramya bene ako kageni. Yesu yabonye mbere icyo ibyo byari kuzabyara. Byari kumuganisha ku musaraba. Ariko byari umugambi wa Yesu kugaragariza abantu bose ku mugaragaro ko ari Umucunguzi. Yifuzaga kuganisha imitima y'abantu ku gitambo cyendaga gusoza umurimo yagombaga gukorera isi yacumuye. Mu gihe abantu bari bateraniye i Yerusalemu kugira ngo bizihize Pasika, Yesu, washushanyaga Umwana w'intama, ku bushake bwe, yaritoranyije ngo abe igitambo. Byari kuzaba ngombwa ko itorero Rye mu bihe byari gukurikiraho byose, ryari kuzafata ingingo y'urupfu yapfiriye ibyaha by'abari mu isi maze bakayitekerezaho kandi bakayiga bashimikiriye. Buri gihamya cyose cyerekeranye n'urupfu Rwe cyagombaga kugaragara mu buryo budashidikanywaho. Byari ngombwa rero ko amaso y'abantu bose yerekezwa kuri Yesu; ibyabanzirizaga igitambo cye gihebuje byari bikwiriye gutuma abantu bahanga amaso ku gitambo ubwacyo. Nyuma yo kumushagara bene ako kageni ubwo yinjiraga muri Yerusalemu, amaso yose yari gukurikira urugendo Rwe rwihutaga rwerekeza ku musaraba.

"Ibyabaye byerekeranye no kwinjira mu murwa ashagawe byari kuvugwa n'abantu bose, kandi bigatuma intekerezo zose zerekezwa kuri Yesu. Nyuma yo kubambwa Kwe, abantu benshi bari kuzibuka ibyabaye byerekeranye n'urubanza ndetse n'urupfu Rwe. Byari kuzabatera gushakashaka mu buhanuzi maze bakamenya neza ko Yesu ari we Mesiya; kandi umubare w'abahindukiriye ukwizera gushya ukiyongera mu bihugu byose." – *Uwifuzwa Ibihe Byose*, p.571.

**b. Mbese ni iki Yesu yakoze mu buryo butunguranye ubwo yageraga mu murwa wa Yerusalemu kandi ni ukubera iki? Luka 19:41 – 44.**

---

"Muri icyo gihe bishimaga, ubwo abantu bose bamuhaga icyubahiro, Umwami wa Isirayeli we yararize. Ntiyari amarira atuje y'umunezero, ahubwo yari amarira n'umuborogo by'intimba itavugwa. Imbaga y'abari aho yaguye mu kayubi, bagira umubabaro utunguranye. Amajwi yabo yo gutera hejuru kubw'umunezero yaracecetse. Benshi muri bo bagize agahinda barizwa n'umubabaro batashoboraga gusobanukirwa.

"Amarira ya Yesu ntiyayatewe no gutekereza umubabaro wari imbere Ye.... Ahubwo kureba Yerusalemu ni byo byashenguye umutima wa Yesu. Yerusalemu yari yaranze kwakira Umwana w'Imana, ikerensa urukundo Rwe. Yerusalemu yanze kwizezwa n'ibitangaza bikomeye Yesu yakoze, kandi Yerusalemu yari hafi kumwica. Yabonye uko Yerusalemu imeze iriho icyaha cyo kwanga Umucunguzi wayo." – *Ibid*., p.576.

## 5. KUGERA MURI YERUSALEMU

**Kuwa Gatanu 10 Nyakanga**

a. Igihe Yesu yinjiraga i Yerusalemu, ni ikihe kibazo abategetsi bamubajije, kandi ni ikihe gisubizo bahawe muri iyo midugararo? Matayo 21:10,11.

"Igihe abo bantu bamanukaga umusozi wa Elayono, bahuye n'abategetsi barabatangira. Bababajije impamvu bafite ibyishimo byinshi. Igihe babazaga bati: 'Uyu ni nde?' abigishwa basubije iki kibazo buzuye Umwuka. Bavuze bashize amanga, basubira mu buhanuzi bwerekeye Kristo." – *Uwifuzwa Ibihe Byose*, p.578.

b. Igihe Yesu yageraga mu murwa, ni iki yahise akora mu rusengero? Matayo 21:12 – 16; Zaburi 8:2.

"Mu myaka itatu yari ishize, abakuru b'urusengero bari barakojejwe isoni n'uburyo bahunze ubwo Yesu yabacyahaga. Kuva icyo gihe, bari barakomeje kwibaza iby'ubwo bwoba bwabo, n'uburyo bukomeye bumviraga Umuntu wicishije bugufi. Bumvaga bidashoboka ko ubwo bugwari bwakongera kugaragara. Nyamara noneho bari bafite ubwoba bukabije kurusha mbere, maze bihutira kumvira itegeko Rye. Nta muntu n'umwe watinyutse gushidikanya iby'ubutware Bwe. Abatambyi n'abacuruzi bose barahunze bava aho ari bashoreye amatungo yabo.....

"Igihe benshi bahungaga bava mu rusengero, hari abandi benshi basigaye. Abo biyongereyeho abari bazaniye Yesu abarwayi. Urusengero rwongeye kuzura abarwayi n'indembe maze na none Yesu atangira kubitaho." – *Ibid*., p.591,592.

## 6. IBIBAZO BYO KUZIRIKANWA

**Kuwa Gatandatu 11 Nyakanga**

1. Ni gute inyifato y'Abafarisayo ikunze guhora isubirwamo muri iki gihe?
2. Ni iki cyaranze abantu bubahaga Kristo nk'umwami wasezeranywe?
3. Ni iki gishobora gutuma Yesu andirira nkuko yaririye Yerusalemu?
4. Ni gute ubuhanuzi bwo muri Zekariya 9:9 bwasohoye icyo gihe?
5. Kubera iki icyo gihe Yesu yemeye ko abantu benshi bamuhimbaza ku mugaragaro?

Ku Isabato, 19 Nyakanga 2025

**Icyigisho 3**

# Turashaka kureba Yesu

**ISOMO RYO KUZIRIKANWA:** "Ni ukuri, ni ukuri, ndababwira yuko iyo akabuto k'ishaka kataguye hasi ngo gapfe kagumaho konyine, ariko iyo gapfuye kera imbuto nyinshi." (Yohana 12:24).

**Ibitabo Byifashishijwe:** *Imigani ya Kristo,* p.80 – 89.

"Urupfu rwa Yesu gusa nirwo rwashoboraga gusenya ubwami bwa Satani. Ni muri ubwo buryo gusa inyokomuntu yashoboraga gucungurwa, maze Imana igahabwa icyubahiro." – *Uwifuzwa Ibihe Byose,* p.624.

## 1. BARI BATURUTSE IBURASIRAZUBA N'IBURENGERAZUBA

Kuwa Mbere
13 Nyakanga

a. Ni bande bari barashakishije Yesu igihe yavukaga – mu ntangiriro z'ubuzima bwe, kandi ni iki bamuzaniye? Matayo 2:1,2,10,11.

b. None se ni bande bashatse Yesu – ku iherezo ry'umurimo We, kandi bagereranyaga nde? Yohana 12:20. Ibyo bitwigisha iki? Matayo 8:11.

"Abo bantu [aribo Bagiriki] baturutse iburengerazuba baza gushaka Umukiza ku iherezo ry'ubuzima Bwe, nk'uko abanyabwenge baturutse iburasirazuba bakaza kureba Umukiza mu ivuka rye. Mu gihe cyo kuvuka kwa Yesu, Abayuda bari bahugiranye bibereye mu migambi yabo y'ahazaza ku buryo batamenye ivuka rya Yesu. Abanyabwenge baturutse mu gihugu cy'abanyamahanga bazanye amaturo mu kiraro, maze baramya uwo Mukiza wavutse. Bityo rero, abo Bagiriki na bo bari bahagarariye amahanga, amoko, ndetse n'abantu batuye isi, igihe bazaga kureba Yesu. Kandi abantu bo mu bihugu byose, ababayeho n'abazabaho mu bihe byose, bagombaga guhurizwa ku musaraba w'Umukiza.

"Bamwe na bamwe nk'uko bakwije inkuru hose, batekerezaga ko yirukanye abatambyi n'abakuru mu rusengero, maze yima ingoma ya Dawidi, ahinduka umwami wa Isirayeli. Abagiriki rero bifuzaga kumenya ukuri ku byerekeye umurimo We." – *Uwifuzwa Ibihe Byose*, p.621,622.

## 2. ICYIFUZO CY'AB'ISI

a. Ni gute Abagiriki bagaragaje icyifuzo cyabo? Yohana 12:21.

b. Sobanura uburyo Yesu yamenye ibyo basabye n'ukuntu umutima We wabyakiriye? Yohana 12:22,23.

"Ubwo Kristo yumvaga kwinginga kw'abo Bagiriki ngo "Turashaka kureba Yesu", amagambo yerekanaga gutakamba kw'abatuye isi, mu maso He harabagiranye umucyo; maze aravuga ati, "Igihe kirasohoye ngo Umwana w'umuntu ahabwe ubwiza bwe." Muri uko kwinginga kw'Abagiriki Yesu yabibonyemo umusaruro mwiza ukomoka ku gitambo Cye gikomeye." – *Uwifuzwa Ibihe Byose*, p.621.

"Igihe icyo cyifuzo bakigezaga kuri Yesu, yari mu gice cy'urusengero ahemerewe kugerwa gusa n'Abayuda, maze Yesu arasohoka asanga abo Bagiriki mu gikari cy'urusengero, arabakira, bagirana ikiganiro." – *Ibid.*, p.622.

c. Ni gute tugomba guterwa imbaraga n'ubwuzu Kristo yagiriye abo bashyitsi? Luka 14:23; Umubwiriza 11:1,2.

"Dukwiriye gukoresha imbaraga zacu zose tukamamaza hose ukuri kukamenyekana mu bantu bazakumva, kandi hari benshi bazagutega amatwi. Mu mijyi yacu minini yose, Imana ihafite abantu biringirwa bashishikajwe no kumenya ukuri.... 'Ongera uvuge ubwo butumwa, Ongera uvuge ubwo butumwa', ayo niyo magambo nabwiwe inshuro nyinshi. [Imana yarambwiye iti]: "Bwira ubwoko bwanjye bwongere buvuge ubutumwa aho bwabwirijwe bwa mbere, n'ahantu insengero zagiye zikurikirana mu kwakira ukuri [tubwiriza], kandi imbaraga z'Imana zigashimangira ubwo butumwa mu buryo butangaje." – *Ivugabutumwa*, p.394.

"Ntabwo tubwirwa ko tugomba kwiyerekana mu buryo budasanzwe bw'igitangaza. Ukuri gukwiriye kubwirizwa ku mihanda nyabagendwa no mu mihora, kandi muri ubwo buryo, umurimo ugakorwa mu buryo bwumvikana kandi burangwa no gushishoza.... Mu gihe tuvuga kubyo kwiyerekana, umurimo Kristo yakoreye hano ku isi ukwiriye kutubera urugero. Dukwiriye kwirinda gukora nk'abakina ikinamico no gukora ibintu by'indengakamere nk'uko Kristo na we yabyirinze mu murimo We. Ntabwo iyobokamana ari ugukangura amarangamutima nubwo iyobokamana rizagaragaza imbaraga yaryo yera, itunganye, izahura, kandi yeza, maze ikazana imibereho y'iby'umwuka n'agakiza mu muntu." – *Ibid.*, p.396.

## 3. UBUGINGO BUTANGWA NO GUPFA

Kuwa Gatatu
15 Nyakanga

**a. Ni irihe gereranya Yesu yavuze hagati y'akabuto k'ishaka hamwe n'umurimo We? Yohana 12:24.**

"Akabuto gahambwe mu butaka kera imbuto, kandi izo mbuto na zo zirongera zigaterwa mu butaka. Hanyuma umusaruro ukiyongera. Bityo rero urupfu rwa Kristo ku musaraba w'i Kaluvari ruzera imbuto arizo bugingo buhoraho. Abazanyurwa n'icyo gitambo cyo ku musaraba bizababera ubwiza, bizababera imbuto nziza, kandi bazabaho ibihe bidashira.

"Akabuto k'ishaka gakomeza kubika ubuzima bwako ntigashobora kwera imbuto. Kagumaho konyine. Kristo iyo aza kubishaka, yari kwikiza, ntagerweho n'urupfu. Ariko iyo aza kubikora, yari kwikiza wenyine. Nta bahungu n'abakobwa yari kugeza ku Mana. Yahisemo gutanga ubugingo Bwe kugira ngo abantu babubone. Yemeye gupfa arahambwa kugira ngo abe imbuto yakomotseho umusaruro munini, — kandi abantu benshi bakomotse mu mahanga yose, amoko yose, indimi zose, n'imiryango yose, bacunguwe n'Imana." – *Uwifuzwa Ibihe Byose*, p.623.

**b. Ni ubuhe buryo bwa kabiri Yesu yifashishije agirango agire icyo yigisha yifashishije ako kabuto? Yohana 12:25,26.**

"Abazera imbuto mu murimo nk'abakozi bakorana na Kristo bagomba kubanza bakagwa mu butaka bagapfa. Ubugingo bwacu dukwiye kubutaba mu butaka bugizwe n'ibyo isi ikeneye. Kwikunda no kwishakira inyungu bigomba gucika muri twe. Kandi itegeko ryo kwitanga ni na ryo tegeko ryo kwibungabunga. Umuhinzi abungabunga imbuto ze kubwo kuzijugunya mu butaka. Ni nako bimeze ku buzima bw'umuntu. Iyo tubutanze tubaho. Ubugingo tuzibikira ni ubwo tuzatanga ngo bukoreshwe mu gukorera Imana n'abantu. Abatanga ubugingo bwabo ku bwa Kristo kuri iyi si, bazahabwa ubugingo buhoraho.

"Ubugingo bukoreshejwe mu bikorwa by'inarijye bumeze nk'imbuto ziriwe. Burashira, nyamara nta nyungu ibukomokaho. Umuntu ashobora kwirundaniriza ibyo ashoboye byose; akabaho, agatekereza, ndetse agateganya ibimwerekeyeho gusa; maze ubugingo bwe bugashira, agasigarana ubusa. Itegeko ryo kwihugiraho ni na ryo tegeko ryo kwirimbura.

"[Yohana 12:26] Abantu bose bafatanije na Yesu kwikorera umusaraba wo kwitanga ni bo bazasangira na We ubwiza Bwe. Yesu mu kubabara Kwe no kwicisha bugufi, ashimishwa no kubona abigishwa Be basangira icyubahiro na We. Na bo ni imbuto zo kwitanga Kwe." – *Ibid*., p.623,624.

## 4. YESU YARUBAHISHIJWE

Kuwa Kane
16 Nyakanga

**a. Ni irihe sengesho Yesu yasenze ubwo yatekerezaga iby'urupfu Rwe rwo ku musaraba? Yohana 12:27,28 (ahabanza).**

---

---

"Mu buryo buziguye, Kristo yari arimo kunywera ku gikombe cy'umubabaro. Kamere ye ya kimuntu yaterwaga ubwoba n'igihe bose bazamuhana, igihe bose bazabona ko yatereranywe ndetse akarekwa n'Imana, igihe bose bazamubona nk'uwakubiswe n'Imana, agahanwa na Yo, kandi akagerwaho n'imibabaro. Yaterwaga ubwoba no gushyirwa ku karubanda, agafatwa nk'umugome kabuhariwe, akicwa urupfu rw'agashinyaguro kandi rukojeje isoni. Kwiyumvamo intambara yari agiye kurwana n'ingabo z'umwijima, kumva aremerewe n'umutwaro w'icyaha cya mwenemuntu, hamwe n'uburakari Se yari afitiye icyaha, byateraga umutima wa Yesu gucika intege, n'ishusho Ye igahindurwa n'urupfu rwari rumwugarije.

"Hanyuma y'aho Yesu yicisha bugufi kandi yumvira ubushake bwa Se. Aravuga ati, "Iki gihe, nazanywe ngo nkigeremo, Data, ubahiriza izina ryawe." Urupfu rwa Yesu gusa ni rwo rwashoboraga gusenya ubwami bwa Satani. Ni muri ubwo buryo gusa inyokomuntu yashoboraga gucungurwa, maze Imana igahabwa icyubahiro. Yesu yemeye umubabaro, yemera kutubera igitambo." – *Uwifuzwa Ibihe Byose,* p.624.

**b. Ni ikihe gisubizo cyumvikanye kivuye mu ijuru? Yohana 12:28 (ahaheruka). Ni iki imbaga y'abantu bari bahagaze aho bavuze? Yohana 12:29.**

---

"Mu gihe iryo jwi ryumvikanaga, umucyo warasiye mu gicu maze uzenguruka Kristo, umeze nk'aho amaboko y'Umunyabubasha Uhoraho amumanukiyeho akamutwikira ameze nk'inkingi y'umuriro. Abantu babonye ibyo bintu bahinda umushyitsi kandi baratangara. Nta n'umwe wahangaye kugira icyo avuga. Bose bahagaze batumbiriye Yesu batuje kandi badahumeka. Data wa twese amaze gutanga ubwo buhamya, igicu cyahise cyeyuka, maze gikwira mu ijuru. Kubwo ako kanya, umushyikirano ugaragarira amaso wahuzaga Imana Data n'Umwana wayo wari urangiye.

" 'Abantu bahagaze aho baryumvise baravuga bati: 'Ni inkuba.' Abandi bati: 'Ni marayika uvuganye na we.' Ariko Abagiriki bari baje kubonana na Yesu bamaze kubona igicu, bakumva ijwi, basobanukiwe n'icyo rivuze, maze basobanukirwa byuzuye Kristo; abihishurira ko ari Uwatumwe n'Imana.

"Ijwi ry'Imana ryari ryarumvikanye mu gihe cy'umubatizo wa Yesu ubwo yatangiraga umurimo we, na none ryongera kumvikana mu gihe yahindurwaga mu ishusho irabagirana ari ku musozi. Ubu noneho mu gihe yari yegereje gusoza umurimo We, iryo jwi ryongeye kumvikana ku nshuro ya gatatu." – *Ibid.*, p.625.

## 5. UKUTIZERA KW'ABAYUDA

Kuwa Gatanu
17 Nyakanga

a. Batitaye ku bitangaza byinshi Yesu yakoze, wongeyeho ijwi ryongeye kuvuga riturutse mu ijuru, mbese abenshi mu Bayuda bamwakiriye bate? Yohana 12:37 – 41.

---

"Yesu yari yavuze amagambo y'ukuri kweruye yerekeye uko Abayuda bameze. Yari yatanze irarika Rye riheruka, kandi ababwira iherezo ryabo ribi. Ubu na none Imana yari ishyize ikimenyetso Cyayo ku murimo w'Umwana Wayo. Yari izi ko Uwo ari we Abisirayeli banze. Yesu yaravuze ati, "Iryo jwi ntirije ku bwanjye, rije ku bwanyu." Icyo cyari igihamya kidasubirwaho cyemeza ko Yesu ari Mesiya, ikimenyetso cyatanzwe n'Imana Data cy'uko Yesu yavuze ukuri, kandi ko ari Umwana w'Imana." – *Uwifuzwa Ibihe Byose*, p.625.

"Bari barigeze kubaza Umukiza bati, 'Urakora kimenyetso ki ngo tukirebe tukwizere?' Yohana 6:30. Bari barahawe ibimenyetso byinshi; ariko babirenza amaso kandi binangira imitima yabo. Nyamara nubwo Imana Data ubwayo yari yamutangiye ubuhamya, ku buryo batashoboraga kugira ikindi kimenyetso basaba, bakomeje na none kwanga kumwizera." – *Ibid.*, p.626.

b. Ni gute duhabwa umuburo n'ibikorwa bya bamwe mu bategetsi, nubwo bari barahamirijwe ko umurimo wa Kristo wari ukuri? Yohana 12:42,43.

---

"Bakundaga gusingizwa n'abantu aho gushimwa n'Imana. Kugira ngo birinde gusuzugurwa no gukorwa n'isoni, bahisemo kwanga Kristo, bityo baba banze impano y'ubugingo buhoraho. Mbega uburyo kuva icyo gihe abantu benshi bagiye babaho mu binyejana byose bagiye bakora ibisa bityo!" – Ibid.

## 6. IBIBAZO BYO KUZIRIKANWA

Kuwa Gatandatu
18 Nyakanga

1. Mbese abashatse Yesu igihe yavukaga, n'Abagiriki b'icyo gihe bagereranya iki?
2. Ni gute umugani w'akabuto k'ishaka ufitanye isano n'imibereho yanjye?
3. Ni gute namenya ijwi ry'Imana mu gihe benshi batekereza ko ari inkuba?
4. Ni izihe mpungenge no guhangayika by'abategetsi b'Abayuda ngomba kwirinda?
5. Vuga ahantu habiri hagereranywa n'akabuto k'ishaka kajugunywa mu butaka.

Ku Isabato, 26 Nyakanga 2025 **Icyigisho 4**

# Yesu, Umugaragu w'Abagaragu

**ISOMO RYO KUZIRIKANWA:** "Mbahaye icyitegererezo, kugira ngo mukore nk'uko mbakoreye." (Yohana 13:15).

**Ibitabo Byifashishijwe:** *Uwifuzwa Ibihe Byose,* p.642 – 651.

"Imibereho yose ya Kristo yaranzwe no kwitangira abandi. "Nk'uko Umwana w'umuntu ataje gukorerwa, ahubwo yaje gukorera abandi no gutangira ubugingo bwe kuba incungu ya benshi." (Matayo 20:28). Uyu muhamagaro ni wo warangaga ibikorwa byose bya Kristo." – *Uwifuzwa Ibihe Byose*, p.642.

## 1. IMYUMVIRE Y'ABANYAMAHANGA

Kuwa Mbere
20 Nyakanga

**a. Ni iyihe myumvire kirimbuzi yakomotse kuri Satani yagize ingaruka ku idini rya Kiyuda (hakubiyemo n'abigishwa ba Kristo), kandi ikaba ishobora kutugiraho ingaruka natwe muri iki gihe? Luka 22:24,25.**

"Lusiferi yifuje intebe y'Imana, ariko ntiyigeze yifuza imico Yayo. We yifuje umwanya usumba iyindi, kandi buri wese ugengwa n'umwuka nk'uyu na we azakora ibisa n'ibya Lusiferi. Bityo rero intonganya, kwicamo ibice n'umuvurungano ntibizabura. Ububasha n'ubutegetsi nicyo gihembo ku barusha abandi imbaraga. Ubwami bwa Satani ni ubwami bw'imbaraga; buri muntu abona mugenzi we nk'inzitizi imubuza kugera ku majyambere ye, ndetse amubona nk'ibuye akwiriye kuririraho kugira ngo agere ku mwanya wo hejuru." – *Uwifuzwa Ibihe Byose*, p.435,436.

"Mu bwami bwo ku isi, kugira umwanya wo hejuru bivuze kwishyira hejuru. Abantu baberagaho gukorera inyungu z'abategetsi babo. Kumenyekana, ubukire n'amashuri, byari uburyo bwinshi bwakoreshwaga n'abategetsi kugira ngo bigarurire abari munsi yabo. Abakomeye bagombaga gutekereza, bagafata imyanzuro, bakinezeza kandi bagategeka; naho aboroheje bagombaga kumvira kandi bagakorera abakomeye. Iyobokamana, nk'ibindi byose, ryari uburyo bw'ubutegetsi. Abantu bagombaga kwizera kandi bagakora nk'uko abayobozi babo babategetse. Uburenganzira bw'umuntu bwo gutekereza no gukora icyo yitekerereje, ntibwari bugihabwa agaciro na mba." – *Ibid.*, p.550.

"Kubera ubwibone bw'iby'umwuka, icyifuzo cyo gutegeka abandi, kwifuza guhabwa icyubahiro cyangwa umwanya ukomeye.... bishobora guhungabanya itorero kandi bigatuma ritakaza amahoro yaryo." – Ibihamya by'Itorero, vol 5, p.241.

## 2. IMPINDUKA MU MYIFATIRE ZIRAKENEWE

Kuwa Kabiri
21 Nyakanga

**a. Mu buryo butandukanye cyane no kwifuza umwanya wo hejuru, ni irihe hame Kristo yashyizeho, kandi ni uruhe rugero ruryerekeyeho? Luka 22:26,27; Yohana 13:13 – 16.**

---

---

"Nyamara Kristo we yimikaga ubwami bushingiye ku mahame atandukanye n'ayo. Ntabwo yahamagariye abantu kuza kuba abategetsi, ahubwo yabahamagariye gukorera abandi no kugira ngo abanyambaraga bafashe abanyantegenke. Kugira ubushobozi, imyanya ikomeye, impano, n'amashuri byatumaga ababifite bagira inshingano ikomeye yo gukorera abayoboke Be....

"Mu bwami bwa Kristo nta gukandamiza kubamo kandi nta guhatira abandi uko bakwiriye kwitwara. Ntabwo abamarayika bo mu ijuru bazanwa ku isi no gutegeka, cyangwa gushaka icyubahiro, ahubwo baza ari intumwa zuzuye impuhwe kugira ngo bafatanye n'abantu mu kuzahura inyokomuntu." – *Uwifuzwa Ibihe Byose*, p.550,551.

**b. Sobanura uburyo Kristo yafataga abantu b'abanyamakosa, n'inyifato igomba gusimbura imyifatire yacu ya kamere dusanganywe. Abafilipi 2:3,4.**

---

---

"Kwishimira imyumvire yacu no gutsimbarara mu kwibukiriza amakosa n'ibibi by'abandi ni ingeso ya kamere yo mu mico yacu, ariko idashimishije.

"Mwene data B ntagerageza kunga ubumwe na bene se; kwiyemera kwe kwamuteye kumva ko kunga ubumwe n'abandi atari ngombwa mu buryo bwihariye. Yumva ko intekerezo zabo ziri munsi y'ize kandi ko kwakira ibitekerezo byabo n'inama zabo nk'ibigomba kwitabwaho kwaba ari ukwisuzuguza gukomeye.... Yumva ko afite ubwenge bwinshi kandi ko afite ubunararibonye buhagije ku buryo adakeneye ubushishozi bw'ingenzi kuri benshi. Afite igitekerezo gihanitse ku bijyana n'ubushobozi kandi yishingikiriza ku byo yagezeho kuburyo yizera ko yiteguye guhangana n'ikintu cyose cy'akaga cyatungurana." – *Ibihamya by'Itorero,* vol 3, p.445.

"Imbaraga ihindura y'ubwikanyize bw'ab'isi itwarwa na bamwe imeze nk'igicu, ihumanya umwuka abandi bahumeka, igatera umutima kurwara, kandi akenshi igatera urupfu." – *Ibid.*, p.528.

"Niba rwa rukundo ruri muri bene data ruzaberekeza ku guha icyubahiro abandi bakabirutisha bo ubwabo, bazareka inzira zabo bwite n'ibyifuzo byabo ku bandi." – *Ababwiriza b'Ubutumwa Bwiza*, p.447.

## 3. IMIKORERE IHAMYE

Kuwa Gatatu
22 Nyakanga

a. **Ni iki cyari gihangayikishije intumwa mbere gato yuko Pasika iba? Matayo 20:20 – 24; Luka 22:24.**

"Habaye "impaka muri bo, ngo ni nde muri bo ukwiriye gutekerezwa ko ari we mukuru." Izi mpaka bagiriye imbere ya Kristo, zamuteye agahinda kandi zirushaho kumutera umubabaro. Abigishwa bakomeje kugundira muri bo igitekerezo cy'uko Kristo azashyiraho ubutegetsi Bwe, maze akima ingoma ya Dawidi. Buri wese mu mutima we yifuzaga umwanya wo hejuru [mu bwami bibwiraga ko bugiye kwima]. Bihugiyeho kandi barigereranya, aho kugira ngo bahe agaciro bagenzi babo, bakomeje kubona ko ari bo b'imbere. Ubwo Yakobo na Yohana basabaga ko umwe azicara iburyo undi ibumoso bw'intebe ya Kristo, byatumye abandi bigishwa babagirira ishyari. Kumva ko abo babiri basabaga imyanya yo hejuru mu butegetsi, byateye abandi icumi kwiremamo ibice. Biyumvaga nk'aho badafashwe neza, ndetse ko ubunyangamugayo bwabo n'impano zabo bitigeze bihabwa agaciro. Yuda ni we wabangamiwe cyane kurusha abandi agirira ishyari Yakobo na Yohana.

"Igihe abigishwa binjiraga mu cyumba cyo hejuru, imitima yabo yari yuzuye intekerezo z'ishyari n'urwango. Yuda yicaye yegereye Yesu ku ruhande rwe rw'ibumoso; naho Yohana yicara iburyo bwa Yesu. Iyo haza kubaho umwanya wo hejuru utangwa, Yuda yari yiyemeje kuzawuhabwa." – *Uwifuzwa Ibihe Byose,* p.643,644.

b. **Ni iyihe mfashanyigisho abigishwa bari barahawe kera ikaza kwibagirana, bityo bikaba byaratumye havuka ikindi kibazo cyo kwirema ibice hagati yabo? Matayo 18:1 – 4.**

"Hari indi mpamvu yabateye kwiremamo ibice. Byari umuco usanzwe ko mu birori, umugaragu ari we woza ibirenge by'abahari, bityo ibya ngombwa by'uwo muhango byari byateguwe. Igitambaro cy'amazi, igikoresho cyo gusuka amazi ndetse n'ibesani byose byari byateguwe ngo umuhango wo kozanya ibirenge utangire; ariko nta mugaragu wari uhari. Bityo rero, abigishwa bagombaga gukora uwo murimo. Ariko buri mwigishwa, kubera ubwibone bwari mu mutima we, yiyemeje kudakora uwo murimo ukorwa n'abagaragu. Bose bitwaye nk'aho bitabareba, ndetse bisa n'aho nta murimo wari uhari wo gukora. Kubwo gutuza kwabo [bakanga kugira icyo bakora]; banze kwicisha bugufi." – *Ibid.*, p.644.

"Nimureke dutekereze uko amagambo yacu yumvikana mu matwi y'Imana, uko ibitekerezo byacu byo kwikunda bigaragara mu maso Yayo, igihe ducira abandi imanza kandi tukabaciraho iteka; kandi wenda bashobora kuba bafite umutima n'umugambi byiza kuturusha." – *Ibimenyetso by'Ibihe*, kuwa 19 Gashyantare 1885.

## 4. ICYITEGEREREZO GISHYIZWE MU BIKORWA

Kuwa Kane
23 Nyakanga

a. **Nyuma yo gutegereza yihanganye ko abigishwa bafata iya mbere, ni iki Yesu yakoze hanyuma? Yohana 13:3 – 5.**

---

---

"[Yohana 13:5]. Iki gikorwa cyatumye amaso y'abigishwa ahumuka. Buzuye ikimwaro no gucishwa bugufi mu mitima yabo. Basobanukiwe n'igikorwa cya Yesu cyo kubacyaha, maze bakira umucyo mushya.

"Muri ubwo buryo Kristo yagaragarije abigishwa Be urukundo. Umutima wabo wo kwikunda wamuteye agahinda, ariko ntiyahanganye nabo kubera iyo myifatire yabo mibi. Ahubwo yabahaye urugero batari kuzigera bibagirwa." – *Uwifuzwa Ibihe Byose*, p.644,645.

b. **Petero yabyakiriye ate igihe yari agezweho? Yohana 13:6 – 8 (ahabanza).**

---

---

"Petero ntiyashoboraga kwihanganira kubona Umwami we, uwo yizeraga ko ari Umwana w'Imana, akora uwo murimo w'umugaragu. Umutima wa Petero wivumburiye uko kwicisha bugufi kwa Kristo. Ntabwo yari asobanukiwe n'uko ari cyo cyazanye Kristo ku isi." – *Ibid.*, p.645,646.

c. **Mbese Yuda yemeye gushukwa na Satani ku rugero rungana iki, kandi ni gute Kristo yagaragaje ko yari abizi? Yohana 13:2,10,11.**

---

---

"Mbere ya Pasika, Yuda yari yongeye guhura ubwa kabiri n'abatambyi ndetse n'abanditsi, nuko arangizanya na bo isezerano bagiranye ryo kugeza Yesu mu maboko yabo. Nyamara yaraje yifatanya n'abandi bigishwa nk'aho nta kibi yakoze, ndetse agaragaza umurava wo gutegura ibirori bya Pasika. Abigishwa bandi ntacyo bari bazi ku mugambi wa Yuda. Yesu wenyine ni we washoboraga gusoma ibyo ahishe mu mutima. Ariko ntiyigeze amushyira hanze. Yesu yifuzaga kwigarurira umutima we. Yamugiriye impuhwe nk'izo yagiriye umurwa wa Yerusalemu, maze akawuririra. Yakomeje kuririra Yuda, ndetse yibaza ati, nshobora nte kukureka? Imbaraga z'urwo rukundo zageze kuri Yuda. Igihe intoki z'Umukiza zozaga ibirenge biriho umukungugu bya Yuda, maze akabihanaguza igitambaro, umutima wa Yuda wakomeje gukorwaho ndetse yumva yifuza kwicuza icyaha cye. Ariko yananiwe kwicisha bugufi." – *Ibid.*, p.645.

## 5. AKAMARO KO KOZANYA IBIRENGE

**Kuwa Gatanu 24 Nyakanga**

a. **Ni iki mu by'ukuri Yesu yifuzaga gukora abinyujije muri icyo gikorwa? Yohana 13:8 (ahaheruka).**

---

---

"Binyuze mu gikorwa cy'Umwami wacu, uyu muhango wo kwicisha bugufi wagizwe gahunda yera. Wari umuhango wagombaga kuziririzwa n'abigishwa, kugira ngo bahore bibuka ibyigisho byo kwicisha bugufi no gukorera abandi yabasigiye.

"Uyu muhango Kristo yawushyizeho kugira ngo habeho kwitegura umuhango w'ifunguro ryera. Igihe hakiriho kwikuza, amacakubiri, no kurwanira imyanya yo hejuru, umutima ntushobora gusabana na Kristo mu muhango wera. Ntabwo tuba twiteguye kwakira umubiri n'amaraso bya Kristo mu muhango w'Ifunguro Ryera. Bityo rero ni muri ubwo buryo Yesu yashyizeho urwibutso rwo kwicisha bugufi kwe ngo bizajye bibanza kuziririzwa." – *Uwifuzwa Ibihe Byose,* p.650.

b. **Ni ayahe magambo y'ingenzi Yesu yavuze nyuma y'umuhango wo kuboza ibirenge; kandi ni iki ibyo bigomba kutwibutsa igihe twizihiza uwo muhango? Yohana 13:12 – 17.**

---

---

"Turi abanyantege nke kandi twabaye impabe inshuro nyinshi. Nimutyo tugarukire Uwiteka twicuza ibyaha kandi tubyatura. Mu gihe duteraniye hamwe kugirango twifatanye mu mihango ikorerwa mu nzu y'Uwiteka, nimureke dukosore ikosa iryo aríryo ryose, uko dushoboye kose mu mbaraga zacu. Mu gihe upfukamye imbere ya mwene so, ukamwoza ibirenge, ibaze uti: 'mbese mu mutima wanjye haba harimo ikintu icyo aricyo cyose kintandukanya n'uyu muvandimwe? Ese hari ikintu navuze cyangwa nakoze cyaduteranya?' Niba ari uko bimeze, bikemure binyuze mu kwatura icyaha cyawe ubikuye ku mutima. Ni muri ubwo buryo umutima uzaba womatanye n'undi, kandi imigisha y'Imana izagaragara." – *Reflecting Christ,* p.283.

## 6. IBIBAZO BYO KUZIRIKANWA

**Kuwa Gatandatu 25 Nyakanga**

1. Sobanura itandukaniro riri hagati y'imyitwarire y'ab'ijuru n'iy'ab'isi?
2. Niba nanze koza ibirenge bya mwene data, mbese mu by'ukuri mba nanze gukora iki?
3. Ni gute ibyababaye mu mutima wa Yuda byambera umuburo?
4. Sobanura uburyo Kristo yahinduye inyifato y'abigishwa.
5. Ni iyihe ntego n'akamaro by'umuhango wo kozanya ibirenge?

## Amaturo y’Isabato ya Mbere

Ku isabato 2 Kanama 2025

**Azagenerwa Icyiciro cy’Uburezi mu Nteko Nkuru Rusange**



Uburezi, kimwe no kwezwa, ni umurimo w’ubuzima bwose. Uhereye mu myaka ya kera cyane kugeza iteka ryose, uburezi buzahora ari ikintu cy’ingenzi mu mibereho y’abantu. Kuri iyi Satabo, turabasaba kudufasha kugirango icyo gice cy’ingenzi cy’itorero cyongere ibikorwa byacyo.

Tugomba kwiga kuba ababwirizabutumwa uhereye mu myaka y’ubuto bwacu. “Buri mwigishwa nyakuri avukira mu bwami bw’Imana ari umubwirizabutumwa.” – *Uwifuzwa Ibihe Byose*, p.195. “Ujye ugira umwete wo kuyigisha abana bawe, ujye uyavuga wicaye mu nzu yawe, n’uko ugenda mu nzira n’uko uryamye n’uko ubyutse.” (Gutegeka kwa Kabiri 6:7). Kandi igihe insinzi izaba igezweho, icyaha n’abanyabyaha bikaba bitakiriho, umurimo w’uburezi uzakomeza.

Muri iki gihe, kurusha ibindi bihe byabayeho mbere, itorero ryacu rikwiriye kuba ryiteguye gutanga ibikoresho byo gushyiraho urufatiro rukwiriye rw’inyigisho ku bantu b’imyaka yose bo mu muryango wa mwenemuntu.

Ikibabaje ni uko ibigo by’amashuri hafi ya byose byagiye bireka kwigisha amahameshingiro, maze bigahinduka ibigo byo kwigishirizamo abantu iby’isi. Abantu benshi bamaze kubona ukuntu amashuri agira ingaruka ku bana babo, basabye ibitabo bizababafasha kubigisha ibintu bihesha Imana icyubahiro. Niyo mpamvu icyiciro cy’Uburezi mu Nteko Nkuru Rusange kirimo gutegura gahunda yose y’amasomo ifite intego nk’iyi. Mu bufatanye n’abarimu bacu n’inzego zitandukanye, igikorwa cyo gutegura iyi gahunda y’amasomo kiri kugenda neza.

Ariko kandi, uwo mushinga ni mugari cyane, urenze amafaranga dufite. Dukeneye impano zanyu kugirango dushobore gutegura ibyo bitabo, bisemurwe, kandi biboneke ku giciro gito kugirango bigere no ku bantu bo mu turere dukennye. Ubufasha mutanga butuma dushobora gutegura ibitabo byiza cyane, ku buryo abanyeshuri babikoresha “bahabwa ibisabwa kugirango babe ingirakamaro muri ubu buzima no mu murimo w’Imana mu gihe cy’iteka ryose.” – *Inama ku Babyeyi, Abarimu n’Abanyeshuri,* p.495.

Dusobanukiwe ko uwo mushinga ari munini, ariko ni uw’agaciro. Mu kudufasha, tuzatanga ibitabo bizafasha guhera ku mibare kugeza ku ndimi no ku bumenyi bw’imibanire y’abantu, bizatuma abakiri bato cyane muri twe bashobora kugeza ubutumwa bwiza ku isi yose mu buryo butanga umusaruro cyane bushoboka.

Murakoze cyane, Imana ihire impano n’abazitanga.

*Icyiciro cy’Uburezi mu Nteko Nkuru Rusange*

Ku Isabato, 2 Kanama 2025 **Icyigisho 5**

# Inzira, Ukuri, n'Ubugingo

**ISOMO RYO KUZIRIKANWA:** "Yesu aramubwira ati "Ni jye nzira n'ukuri n'ubugingo: nta wujya kwa Data ntamujyanye." (Yohana 14:6).

**Ibitabo Byifashishijwe:** *Ibihamya by'Itorero,* vol 8, p.265 – 269.

"Iyi si, yari yaratandukanyijwe n'ijuru kubera igicumuro. Gushyikirana hagati y'umuntu n'Umuremyi we kwari kwarahagaze; ariko inzira yaruguruwe kugirango ashobore gusubira mu nzu ya Data wa twese." – *Imibereho Yanjye y'uyu Munsi*, p.260.

## 1. YESU ATANGAZA KO AGIYE GUSUBIRA KURI SE

Kuwa Mbere 27 Nyakanga

a. Ni ayahe magambo Yesu yakoresheje mu gutangaza ko umurimo We wo ku isi wari urangiye? Yohana 13:33. Ni ubuhe butumwa bundi yabagejejeho? Yohana 13:34,35.

---

---

"Rimwe mu mategeko aheruka Kristo yahaye abigishwa Be ni iri ngo 'Mukundane nk'uko nabakunze.' (Yohana 13:34). Mbese twumvira iryo tegeko, cyangwa twaba turi kurangwa no kuba abanyabukana, n'ingeso z'akahebwe zitari iza Gikristo? Niba mu buryo ubwo aribwo bwose twararakaje cyangwa tugakomeretsa abandi, ni inshingano yacu kwatura icyaha cyacu no gushaka uburyo twakwiyunga. Ibyo ni ngombwa kugirango twitegure kuza imbere y'Imana dufite ukwizera, kugirango tuyisabe umugisha." – *Imigani ya Kristo,* p.144.

b. Ni ikihe kiganiro cyabaye hagati ya Petero na Yesu ku byerekeranye no kugenda k'Umwami? Yohana 13:36 – 38.

---

---

"Muri iki gihe, abantu benshi bahagaze aho Petero yari ahagaze ubwo mu kwiyiringira yavuze ko atazihakana Umwami we. Kandi bitewe n'uko bumva ko bihagije, bagwa mu mitego ya Satani bakaba umuhigo we mu buryo bworoshye. Abantu bazi intege nke zabo biringira imbaraga zisumba izabo. Kandi mu gihe bahanze amaso ku Mana, Satani nta bubasha abagiraho. Nyamara abantu biyiringira biroroshye ko batsindwa." – *Umuhamagaro wacu Uhanitse,* p.307.

## 2. UBUTUMWA BW'IHUMURE

Kuwa Kabiri
28 Nyakanga

a. Igihe bari bakiri mu cyumba cyo hejuru, Ni ayahe magambo y'ihumure Yesu yabwiye abigishwa Be, kandi ni irihe sezerano yabahaye? Yohana 14:1,2.

"[Yohana 14:1 – 4]. Naje muri iyi si ku bwanyu. Ibyo nkora mbikora ku bwanyu. Kandi ningenda, nzakomeza kugira umwete wo kubakorera. Naje mu isi kugira ngo mbiyereke, maze mushobore kwizera. Ngiye kwa Data gufatanya na we ku bwanyu. Umugambi wari utumye Yesu agenda wari utandukanye cyane n'icyo abigishwa batinyaga. Ntibyari bivuze ko agiye gutandukana na bo by'iteka. Yari agiye kubategurira aho bazaba, ngo azagaruke maze abajyane iwe. Mu gihe rero yari agiye kububakira amazu, bagombaga gusigara bubaka muri bo imico ikwiriye ab'ijuru." – *Uwifuzwa Ibihe Byose*, p.663.

b. Ni ikihe kintu cy'ingenzi Yesu yashyize mu butumwa Bwe? Yohana 14:3.

"Isezerano ryo kugaruka kwa Kristo ryagombaga guhora riri mu bitekerezo by'abigishwa Be. Yesu wa wundi babonye azamuka ajya mu ijuru, ni we uzagaruka kujyana abitangira gukora umurimo We kuri iyi si bajye kubana nawe. Rya jwi ryari ryarababwiye ngo: 'Dore ndi kumwe na mwe iminsi yose kugeza ku mperuka,' ni naryo ryari kuzabakira bageze imbere ye mu Bwami bw'ijuru." – *Ibyakozwe n'Intumwa*, p.33.

c. Mbese ni ikihe kibazo Toma yabajije Yesu ku byerekeranye n'inzira, kandi ni ikihe gisubizo yahawe? Yohana 14:5,6.

"Ntabwo hari inzira nyinshi zijya mu ijuru. Buri muntu ntabwo yahitamo inzira ye yishakiye. Kristo aravuga ati, 'Ni jye nzira: ... nta wujya kwa Data ntamujyanye.' Uhereye igihe ubutumwa bwiza bwa mbere bwigishwaga, ubwo muri Edeni byavugagwa ko urubyaro rw'umugore ruzakomeretsa umutwe w'inzoka, Kristo yashyizweho nk'inzira yonyine, ukuri ndetse n'ubugingo. Kristo yari inzira igihe Adamu yabagaho, igihe Abeli yazanaga imbere y'Imana amaraso y'umwana w'intama, ari byo byashushanyaga amaraso y'Umucunguzi. Kristo ni we wari inzira abakurambere n'abahanuzi banyuzemo ngo bakizwe. Ni we nzira rukumbi dushobora kunyuramo ngo tugere ku Mana." – *Uwifuzwa Ibihe Byose*, p.663.

## 3. IMANA MU MUBIRI W'ABANTU

Kuwa Gatatu
29 Nyakanga

a. Ni gute Yesu yigereranyije na Se, kandi ni gute ibyo bifitanye isano natwe? Yohana 14:7.

"Kristo yaje guhishurira ab'isi ko Imana ari Imana y'urukundo, yuje imbabazi, ineza, n'impuhwe. Umwijima w'icuraburindi Satani yari yarihatiye gutwikiriza intebe ya cyami y'Imana wakuweho n'Umukiza w'isi; maze Data wa twese yongera kugaragarira abantu ari umucyo w'ubugingo." – *Ibihamya by'Itorero,* vol 5, p.738,739.

b. Ni iki Filipo yasabye Yesu, kandi se igisubizo Umwami yamuhaye gisobanura iki? Yohana 14:8 – 11.

"Igihe Filipo yasangaga Yesu akamusaba ati: 'Twereke Data biraba bihagije'... Kristo ubwe yivugiye ko yoherejwe mu isi nk'uhagarariye Data wa twese. Mu mico Ye myiza y'agahozo, mu mbabazi Ze n'impuhwe byamuranze, ahagarara imbere yacu afite ubutungane bw'Imana, ishusho y'Imana itagaragara." — *Ibid.*, vol 5, p.739.

"Kristo yaberetse mu buryo bugaragara ko bashoboraga kubona Data wa twese kubwo kwizera gusa. Imana ntishobora kubonwa n'umuntu uwo ariwe wese mu ishusho igaragarira inyuma." – *Ellen G. White, Ubusobanuro bwa Bibiliya bw'Abadiventisiti b'Umunsi wa Karindwi*, vol 5, p.1141,1142.

"Kristo ntabwo yigeze arekeraho kuba Imana ubwo yihinduraga umuntu. Nubwo yicishije bugufi akemera kuba umuntu, ubumana bwari bukiri ubwe. Kristo wenyine ni we washoboraga kugaragariza abantu Imana, kandi abigishwa bagize umugisha wo kubyibonera ubwo babanaga na we igihe kirenze imyaka itatu....

"Kwizera kwabo kwashoboraga guturuka ku gihamya Kristo yagaragarizaga mu mirimo akora, imirimo itarigeze ikorwa n'umuntu cyangwa washoboraga kuzigera ayikora. Imirimo ya Kristo yagaragazaga ubumana Bwe. Muri we niho Data wa twese yerekaniwe.

"Iyo abigishwa baza kwemera iyi sano y'ingenzi iri hagati y'Imana n'Umwana wayo, ntibari gushobora gutakaza kwizera kwabo igihe babonaga kubabazwa ndetse n'urupfu rwa Kristo agira ngo akize iyi si yari igeze aharindimuka. Kristo yifuzaga kubavana mu kwizera kwabo guke akabageza mu kugira ubunararibonye bari kugira iyo baramuka bamenye neza uwo yari we — Imana yigize umuntu." – *Uwifuzwa Ibihe Byose,* p.663,664.

## 4. IMIRIMO MYINSHI = IMIGISHA MYINSHI

Kuwa Kane
30 Nyakanga

a. Ni ibihe bintu birushijeho gukomera Yesu yahaye abigishwa Be? Yohana 14:12.

---

---

"Umukiza yifuzaga cyane ko abigishwa Be basobanukirwa n'impamvu yatumye ahuza ubumana Bwe n'ubumuntu. Yazanywe mu isi no kwerekana icyubahiro cy'Imana, kugira ngo umuntu ashobore kuzahurwa n'imbaraga y'Imana ihembura. Imana yiyerekaniye muri Yesu, kugira ngo na we yiyerekanire muri bo. Yesu ntiyagaragaje imico cyangwa ngo agaragaze ububasha abantu batashobora kugira igihe bafite kwizera muri we. Ubumuntu bwe butunganye ni bwo abayoboke Be bose bashobora kugira, niba bazagengwa n'Imana nk'uko Yesu yagengwaga na Yo.

" 'Ndetse azakora n'iyiruta, kuko njya kwa Data'. Aha ntabwo Kristo yashakaga kuvuga ko imirimo y'abigishwa izaba iy'agaciro kenshi kuruta iye, ahubwo yavugaga ko izagera kure. Ntabwo yashakaga kuvuga mu buryo bwo gukora ibitangaza gusa, ahubwo yavugaga ibikorwa rusange bizakorwa mu mbaraga z'Umwuka Wera.

"Ubwo Yesu yari amaze gusubira mu ijuru, abigishwa babonye ugusohora kw'isezerano Rye. Ibyabaye mu gihe cyo kubambwa kwa Kristo, kuzuka Kwe ndetse no gusubira mu ijuru Kwe; kuri bo byababereye ibintu by'ukuri kandi bifatika. Babonye neza ko ubuhanuzi busohoye. Bashakashatse mu Byanditswe Byera, maze bemera inyigisho bahawe bafite kwizera ndetse n'ibyiringiro batigeze bagira mbere. Basobanukiwe neza ko Umwigisha mvajuru yari uwo yababwiraga ko ariwe. Igihe rero bavugaga ibyo babonye, ndetse bakerereza urukundo rw'Imana, imitima y'abantu yarushijeho kunyurwa no kwicisha bugufi, maze abantu benshi bizera Yesu." – *Uwifuzwa Ibihe Byose*, p.664,667.

b. **Ni ubuhe bwishingizi Yesu yatanze kugirango azane ibyiringiro mu bihe byose? Yohana 14:13,14.**

---

"Abigishwa bari batamenyereye neza iby'ububasha n'imbaraga bitagira akagero by'Umukiza. Yarababwiye ati, "Kugeza none nta cyo mwasabye mu izina ryanjye." Yohana 16:24. Yabasobanuriye ko ibanga ryo kugera ku ntsinzi yabo kwari ugusaba imbaraga n'ubuntu mu izina Rye. Yari kuba ari imbere ya Se abasabira. Isengesho ry'usabye yicishije bugufi arigeza ku Mana nk'aho ari rye mu mwanya w'urisenze. Buri sengesho ry'ukuri ryumvikana mu ijuru. Byashoboka ko urisenze yaba atarivuze neza; ariko niba arikuye ku mutima, rizazamuka rijye mu ijuru aho Yesu akorera, maze na we arigeze kuri Se risobanutse, ari amagambo meza, atunganye, kandi ahumura umubavu w'ubutungane bwa Kristo." – *Ibid.*, p.667.

## 5. IGIHE CYIHARIYE

Kuwa Gatanu
31 Nyakanga

a. Sobanura ibihe byihariye abigishwa bagiranye na Yesu ubwo yasobanuraga umushyikirano umuhuza na Se (Yohana 14:8 – 10) n'uburyo natwe dushobora kwishimira uko gusabana n'ijuru. Indirimbo ya Salomo 2:3,4.

---

"Mu gihe Kristo yavugaga aya magambo [aboneka muri Yohana 14:8 – 10], ubwiza bw'Imana bwarabagiraniraga mu maso He, kandi abari bahari bagize ubwoba ubwo bategeraga amatwi amagambo Ye bitonze. Bumvise mu mitima yabo barushijeho kwiyemeza kwiyegurira Kristo; kandi uko barushagaho gukunda Kristo ni ko nabo ubwabo bakundanaga. Bumvise ijuru ribegereye, kandi bumva ayo magambo ari ubutumwa bohererejwe na Data wa twese wo mu ijuru." – *Ellen G. White, Ubusobanuro bwa Bibiliya bw'Abadiventisiti b'Umunsi wa Karindwi*, vol 5, p.1142.

"Hariho abantu benshi bavuga ko ari Abakristo bahangayitse kandi bihebye, benshi bafite imirimo myinshi cyane ku buryo badashobora kubona igihe cyo kuruhuka ngo baturize mu masezerano y'Imana, bakora nk'aho badashobora kubona amahoro n'umutuzo. Abo bose Kristo arabararika agira ati: 'Nimuze munsange.... Ndabaruhura'....

"Nimutyo tujye kure y'ubuzima burimo umukungugu n'umuriro, kugirango tujye kuruhukira mu gicucu cy'urukundo rwa Kristo. Aho niho tubonera imbaraga zo guhangana. Aho niho twigira uko twagabanya imihati n'imihangayiko, n'uburyo twavuga kandi tukaririmba duhimbaza Imana. Nimureke abarushye n'abaremerewe bigire kuri Kristo icyigisho cyo kwiringira Imana batuje. Bakwiriye kwicara munsi y'igicucu Cye niba bashaka kugira amahoro Ye n'uburuhukiro atanga." – *Ibihamya by'Itorero,* vol 7, p.69,70.

"Igihe ubwoko bw'Imana buzaba bwujujwe ubugwaneza n'impuhwe, bazamenya ko ibendera ry'Imana riri hejuru yabo ari urukundo, kandi ko imbuto Zayo zizabaryohera. Bazagira ijuru mu isi kugirango bitegure ijuru ryo hejuru." – *Ibid.*, p.131.

## 6. IBIBAZO BYO KUZIRIKANWA

Kuwa Gatandatu
1 Kanama

1. Ni gute nshobora kwirinda kugwa mu rwobo Petero yaguyemo?
2. Mbese ko Kristo yansezeraniye inzu, ni iyihe nshingano mfite hano ku isi?
3. Ni gute nashobozwa gusohoza imirimo ya Kristo?
4. Ni gute Yesu yahumurije abigishwa Be igihe bumvaga ko agiye kugenda?
5. Ni iki Yesu yari ashatse kuvuga igihe yavugaga ko hari 'imirimo myinshi' yagombaga gukorwa?

Ku Isabato, 9 Kanama 2025

**Icyigisho 6**

# Isezerano ry'Umwuka Wera

**ISOMO RYO KUZIRIKANWA:** "Natwe turi abagabo bo guhamya ibyo hamwe n'Umwuka Wera, uwo Imana yahaye abayumvira." (Ibyakozwe n'Intumwa 5:32).

**Ibitabo Byifashishijwe:** *Ibihamya by'Itorero,* vol 8, p.19 – 23*; Ibyakozwe n'Intumwa,* p.47 – 56.

"Isezerano ryo guhabwa Umwuka Wera ntabwo ryahawe ab'igihe runaka cyangwa ubwoko runaka. Kristo yavuze ko imbaraga mvajuru y'Umwuka We yagombaga kubana n'abayoboke Be kugeza ku mperuka." – *Ibyakozwe n'Intumwa,* p.49.

## 1. KUMVIRA: IMBUTO YO KWIZERA

Kuwa Mbere 3 Kanama

a. Igihe Abakristo bakiriye Yesu kubwo kwizera, mbese burya ni iki baba bakiriye mu mitima yabo? Abaroma 5:1 – 5.

b. Ni gute urukundo rwa Kristo rugaragarira mu mibereho y'umwizera? Yohana 14:15,21; 1Yohana 2:3.

"[Kristo] akiza abantu, ntabwo abakiriza mu cyaha, ahubwo abakiza icyaha; kandi abamukunda bazagaragaza urukundo rwabo bamwumvira.

"Ukumvira kose nyakuri gukomoka mu mutima. Umurimo Kristo yakoraga wageraga ku mitima y'abantu. Natwe nitumwemerera, azihanga mu ntekerezo zacu no mu migambi yacu, maze imitima yacu n'intekerezo zacu bigendane n'ubushake Bwe, ku buryo kumwumvira bizaba ari ugukora ibiturimo. Ubushake bwacu, kuko buzaba butunganye kandi bwejejwe, buzashimishwa no gukora umurimo We. Nitumara kumenya Imana nk'uko ari ihirwe dufite ryo kuyimenya, imibereho yacu izarangwa no kumvira ibihe byose. Binyuze mu kugira imibereho yo kunyurwa n'imico ya Kristo, binyuze mu gusabana n'Imana, nibwo tuzarushaho kwanga icyaha." – *Uwifuzwa Ibihe Byose*, p.668.

## 2. IKINTU CY'INGENZI GIKENEWE

Kuwa Kabiri
4 Kanama

**a. Ni nde Yesu yasezeranyije ko yari kuzohereza kugirango ahumurize abigishwa Be? Yohana 14:16 – 18.**

"Kuva mu itangira ry'umurimo wo gucungura umuntu, [Umwuka] yagendagendaga mu mitima y'abantu. Ariko igihe Kristo yari ku isi, abigishwa ntibari bakeneye undi wo kubafasha. Kugeza ubwo yabasize bonyine, ni bwo bajyaga gukenera Umwuka, maze akaza kubafasha." – *Uwifuzwa Ibihe Byose*, p.669.

**b. Ni gute Kristo yari "kuzaba" mu mitima y'abigishwa Be? Yohana 14:19 – 23.**

"Umwuka Wera ahagarara mu cyimbo cya Kristo, ariko we ntafite akamero ka kimuntu, bityo akora ku giti cye. Kubera ko Kristo yari afite akamero ka kimuntu, ntiyashoboraga kubera hose icyarimwe. Kubera iyo mpamvu, byari bibabereye byiza ko ajya kwa Se, maze akabohereza ugomba kumusimbura hano ku isi. Bityo nta washoboraga kugira icyo arusha abandi kubera aho aherereye cyangwa kubera ko abana na Yesu. Binyuze mu Umwuka Wera, Kristo noneho yari kuzashobora kugera kuri bose icyarimwe. Mu yandi magambo, yashoboraga kubaba hafi kuruta uko yari kubigenza atarazamuka mu ijuru....

"Yesu yarebaga ahazaza h'abigishwa Be. Yabonye hari uzamanikwa ku giti, undi ku musaraba, undi agahungira mu bitare byo ku nyanja, abandi bakarenganywa ndetse bakicwa. Yabasubijemo intege abereka ko azabana nabo mu bigeragezo byose bazahura nabyo. Iryo sezerano yabahaye ntabwo rirahinduka. Imana izi abagaragu bayo bayikunda bari muri za gereza cyangwa baciriwe mu birwa bahorwa izina Ryayo. Imana ibana na bo ikabahumuriza. Iyo umwizera ahagaze mu nkiko z'isi avugira ukuri, Kristo ahagarara iruhande rwe. Akarengane n'ibitutsi byose ahura na byo, bigera no kuri Kristo. Kristo yongera gucirwa urubanza binyuze muri uwo mwigishwa We. Iyo hari ushyizwe mu nzu y'imbohe, Kristo yuzuza urukundo Rwe mu mutima we....

"Mu bihe byose kandi ahantu hose, mu mibabaro yose no mu magorwa yose, igihe tubudikiwe n'umwijima kandi ahazaza hakadutera ubwoba, maze tukumva ducitse intege kandi turi twenyine, Umwuka Wera azoherezwa atubere igisubizo mu gihe dusenze twizeye. Hari ibitubaho bimwe bishobora gutuma dutandukana n'incuti zacu hano ku isi; ariko nta bitubaho cyangwa intera y'aho duherereye byashobora kudutandukanya n'Umufasha mvajuru. Aho turi hose, aho twaba tujya hose, ahora iburyo bwacu kugira ngo adukomeze, adushyigikire, atubungabunge ndetse aduhe umunezero." - *Ibid.*, p.669,670.

## 3. UMWIGISHA

a. Ni gute Umufasha yari kugira impinduka ateza mu ntekerezo z'abigishwa no kubyo bari basobanukiwe? Yohana 14:26.

“Ntabwo [abigishwa] bari basobanukiwe n'agaciro k'ibyanditswe Yesu yabagezagaho. Inyigisho nyinshi za Yesu zasaga n'izitagera mu ntekerezo zabo. Yesu yabonye neza ko batumvaga neza ibyo yababwiraga. Afite impuhwe nyinshi; yabasezeraniye ko Umwuka Wera azabibutsa ibyo yababwiye byose. Kandi hari byinshi batashoboraga gusobanukirwa yirinze kubabwira. Ibyo nabyo Umwuka Wera yagombaga kuzabibasobanurira. Umwuka Wera yagombaga gukangura intekerezo zabo, kugira ngo bashobore kunyurwa n'iby'ijuru. Yesu yarababwiye ati, “Uwo Mwuka w'ukuri naza azabayobora mu kuri kose.” – *Uwifuzwa Ibihe Byose,* p.670,671.

b. Ni iki kindi Umufasha yari kuzakorera abayoboke nyakuri ba Kristo? Yohana 16:12 – 14.

“Niba hari ingingo y'ukuri mudasobanukiwe, mukaba mutayemeranyaho, mushakashake, mugereranye ibyanditswe n'ibindi kandi mucukuze umutarimba w'ukuri mumanuke hasi mu birombe by'ijambo ry'Imana. Mwishyire ku gicaniro cy'Imana ubwanyu n'intekerezo zanyu; mukureho intekerezo zanyu musanganywe kugira ngo Umwuka wo mu ijuru ubayobore mu kuri kose.” – *Ubutumwa Bwatoranyijwe,* vol 1, p.412,413.

“Ntidushobora gusobanukirwa neza cyangwa guha agaciro ibyo Imana yahishuye tutabifashijwemo n'uwo Mwuka watanze ijambo.” – *Ibihamya by'Itorero,* vol 5, p.241.

“Kenshi ibishuko bisa nk'ibitari ibyo gutsindwa bitewe n'uko ugeragezwa yirengagiza gusenga no kwiga Bibiliya, maze ntiyitegure kwibuka amasezerano y'Imana no guhangana na Satani yitwaje intwaro zo mu Byanditswe. Ariko abamarayika bahora hafi y'abashaka kwigishwa ibyo mu ijuru; kandi mu gihe bibaye ngombwa cyane bazabibutsa ukuri kose bazaba bakeneye. ‚'Nuko rero, ubwo umwanzi azabatera ameze nk'umugezi uhurura cyane, Umwuka w'Uwiteka azabagota amubarinde.” Yesaya 59:19.

“Yesu yasezeraniye abigishwa Be ati, “Ariko Umufasha naza ariwe Mwuka Wera, uwo Data azatuma mu izina ryanjye ni we uzabigisha byose, abibutse ibyo nababwiye.” Yohana 14:26. Ariko inyigisho za Yesu zikwiriye kubanza kubikwa mu ntekerezo kugira ngo Umwuka w'Imana azabashe kuzitwibutsa mu gihe cy'akaga.” – *Intambara Ikomeye,* p.599,600.

## 4. UMURAGE W'AMAHORO

Kuwa Kane
6 Kanama

**a. Ni irihe sezerano ry'agahebuzo Yesu yahaye abayoboke Be b'indahemuka – rikaba ari isezerano ryari kubafasha mu bihe bahuye n'ibibarwanya? Yohana 14:27 – 29.**

---

---

"Mu magambo Yesu yabwiye abigishwa be, ntabwo yigeze agaragaza kuganya kubera kubabazwa kwe ndetse no gupfa byari byegereje. Ahubwo umurage We wa nyuma yasigiye abigishwa Be ni umurage w'amahoro." – *Uwifuzwa Ibihe Byose*, p.672.

"[Yohana 14:27]. Aya mahoro ntabwo ari amahoro azanwa no gukora ibyo ab'isi bakora. Kristo ntiyigeze ashakira amahoro mu kuzura n'ikibi. Amahoro Kristo yasigiye abigishwa Be ni ay'imbere mu mutima si ay'inyuma kandi aya mahoro yagombaga kuzabana n'abahamya Be mu mivurungano no mu makimbirane." – *Ibyakozwe n'Intumwa*, p.84.

"Amateka y'ukuri kuva kera yigaragaje nk'intambara hagati y'icyiza n'ikibi. Umurimo wo kwamamaza Ubutumwa Bwiza wakomeje gutera imbere muri iyi si ubangamiwe no kurwanywa, kwicwa, kuba mu kaga kenshi, guhomba, no kubabazwa.

"Imbaraga yatumaga abantu bo mu gihe cyatambutse bemera gutotezwa bazira Kristo yari iyihe? Iyo mbaraga yari ubumwe bari bafitanye n'Imana, ubwo bari bafitanye n'Umwuka Wera ndetse n'ubumwe bari bafitanye na Kristo. Gutukwa bagakozwa isoni ndetse no gutotezwa byatandukanyije benshi n'incuti zo ku isi nyamara ntibyigeze bibatandukanya n'urukundo rwa Kristo. Nta na rimwe umuntu ugeragezwa n'umugaru w'iyi si akundwa n'Umukiza we nk'igihe arenganywa azira ukuri. Kristo yaravuze ati, "Nanjye nzamukunda mwiyereke." (Yohana 14:21). Igihe umwizera ahagaze imbere y'inkiko z'iyi si kubera ukuri, Kristo amuhagarara iruhande. Igihe ari mu nzu y'imbohe, Kristo aramwiyereka kandi agakomeresha umutima we urukundo Rwe." – *Ibid.*, p.85.

**b. Ku iherezo ry'umurimo We, ni iki Yesu yashoboye gushimangira ku bimwerekeyeho? Yohana 14:30.**

---

---

"Satani ashaka akanya mu mitima y'abantu yaba yigobetsemo; ibyifuzo byo gukora ibyaha byaragundiriwe kandi aho ni naho Satani yibanda mu bishuko bye. Ariko Kristo yarivugiye ati: "Umutware w'ab'iyi si araje kandi ntacyo amfiteho." Imiraba y'ibishuko yamugezeho, ariko ntiyashoboye gutuma atentebuka ngo areke kubaha Imana." – *Ellen G. White, Ubusobanuro bwa Bibiliya bw'Abadiventisiti b'Umunsi wa Karindwi,* vol 7, p.927.

## 5. AMAHORO YA KRISTO

Kuwa Gatanu
7 Kanama

a. Ni mu buhe buryo rukumbi dushobora kugirana amahoro n'Imana? Yohana 16:33; Abefeso 2:13,14.

"Mu mbaraga zacu ntibyashoboka ko twakwirengagiza iby'imibereho yacu yangiritse idusaba. Uyu muyoboro ni wo Satani azakoresha ngo aduteze ibishuko. Kristo yari azi ko Satani azagera kuri buri muntu, yifashishije amahirwe y'intege nke twakomoye ku babyeyi bacu, maze mu gushyashyariza kwe kurangwamo ikinyoma akagusha mu mutego abo bose batiringira Imana. Mu kunyura aho umuntu yagombaga kunyura, Umwami wacu yaduteguriye inzira yo kunesha. Si ubushake Bwe ko twagira ibyo tuvutswa mur'iyi ntambara hagati Ye na Satani. Ntashaka ko duterwa ubwoba cyangwa gucibwa intege n'ibitero by'ikiyoka. "Mu isi mugira umubabaro, ariko nimuhumure naneshеje isi." (Yohana 16:33)." – *Uwifuzwa Ibihe Byose*, p.122.

b. Mbese ni iki gisabwa umwizera wifuza kubana amahoro n'Imana? Zaburi 119:165. Mbese umwizera nk'uwo azagira iyihe mibereho? 1Yohana 3:22.

"Uwiteka azatwigisha inshingano yacu, kandi azabikora abikunze nk'uko yakwigisha uwo ariwe wese ubishaka. Nitumusanga twizeye, azatubwira ubwiru Bwe bukomeye umuntu ku giti cye. Imitima yacu izagira ubwuzu bwinshi mu gihe Imana izaba iri hafi yacu nk'uko yabanye na Henoki. Abiyemeza kutagira icyo bakora mu mirimo yababaza Imana, bazasobanukirwa nibamara kugeza ibyifuzo byabo imbere Yayo, icyo bakwiriye guhitamo. Icyo gihe ntibazahabwa ubwenge gusa, ahubwo bazahabwa n'imbaraga. Nk'uko Kristo yabisezeranye, bazahabwa imbaraga zo kumvira no gukora umurimo." – *Ibid.*, p.668.

## 6. IBIBAZO BYO KUZIRIKANWA

Kuwa Gatandatu
8 Kanama

1. Ni gute nshobora kumenya neza ko mu by'ukuri ndimo gusenga mu izina rya Kristo?
2. Ni ukubera iki amahoro ya Kristo yakagombye kunshimisha kuruta amahoro isi itanga?
3. Ni gute narushaho kugira amahoro ya Kristo?
4. Sobanura imibereho y'umwizera ubanye n'Imana amahoro.
5. Vuga muri make umurimo w'Umwuka Wera.

Ku Isabato, 16 Kanama 2025

**Icyigisho 7**

# Yesu, Umuzabibu w'Ukuri

**ISOMO RYO KUZIRIKANWA:** "Kuko ari ntacyo mubasha gukora mutamfite" (Yohana 15:5, ahaheruka).

**Ibitabo Byifashishijwe:** *Ibihamya by'Itorero,* vol 4, p.353 – 355; vol 1. p.248,249.

"Ubumwe na Kristo bushingiye ku kubeshwaho no kwizera buramba; ariko ubundi bumwe bwo bugomba gusenyuka.... Ariko ubu bumwe hari icyo budusaba. Ni ubumwe bushingiye ku kwishingikiriza ku Mana burundu kugirango umuntu w'umwibone abwinjiremo." – *Ibihamya by'Itorero,* vol 5, p.231.

## 1. UKOROHA NO KWISHINGIKIRIZA KU KINDI

Kuwa Mbere
10 Kanama

**a. Mbese Yesu yigereranyije n'iki kandi ni ukubera iki? Yohana 15:1 (ahabanza).**

---

---

"Aho kugira ngo Yesu ahitemo umukindo mwiza, igiti cy'isederi kinini, cyangwa se igiti cy'umushishi kigari, yahisemo umuzabibu wagendaga urandaranda ku yandi mashami kugira ngo awutangeho urugero rumwerekeyeho. Umukindo, isederi ndetse n'igiti cy'umushishi bihagarara byonyine. Ntibikenera icyo byuririraho. Ariko umuzabibu uzamukira ku yandi mashami, maze ugakura werekeje hejuru. Bityo rero na Kristo ari mu mubiri wa kimuntu yishingikirizaga ku mbaraga z'ijuru. Yesu yaravuze ati, 'Ntacyo mbasha gukora ubwanjye.' Yohana 5 :30." – *Uwifuzwa Ibihe Byose*, p.674,675.

**b. Ni ikihe cyigisho kindi Yesu yashatse gutanga akoresheje imfashanyigisho y'umuzabibu? Yohana 15:1 – 3.**

---

"Abayuda bahoraga babona umuzabibu nk'igiti cyiza cyane kandi gifite akamaro gakomeye, kuruta ibindi byose by'ibinyembaraga, byiza, kandi byera imbuto. Abisirayeli bafatwaga nk'umuzabibu Imana yateye mu Gihugu cy'Isezerano. Abayuda rero bibwiraga ko agakiza kabo kazakomoka ku kuba ari urubyaro rwa Isirayeli. Nyamara Yesu arivugira ubwe ati, Ni jye Muzabibu w'ukuri. Ntimwibwire yuko kuba muri urubyaro rwa Isirayeli bizababhesha kuba abaragwa b'ubugingo bw'Imana n'amasezerano Yayo. Muri Jye gusa, ni mo ubugingo bw'iby'umwuka bubonerwa." – *Ibid.*, p.675.

## 2. IBISABWA KUGIRANGO HABEHO KWERA IMBUTO

Kuwa Kabiri
11 Kanama

**a. Ni ikihe kintu cy'ingenzi gisabwa kugirango Umukristo agire imibereho yera imbuto? Yohana 15:4.**

---

"Yababwiye yuko isano iri hagati y'umuzabibu n'amashami yawo, igaragaza neza isano bakwiriye kugirana na We. Ishami iyo ritewe ku muzabibu, rifatana na wo, ibigize iryo shami byose bigahuza n'umuzabibu, maze rigahinduka naryo igihimba kigize uwo muzabibu. Ubuzima uwo muzabibu ufite, ni nabwo buzima iryo shami rigira. Ni muri ubwo buryo umuntu wapfiriye mu bicumuro n'ibyaha ashobora kongera kugira ubuzima bikomotse ku isano afitanye na Kristo. Iyo sano iboneka binyuze mu kwizera Kristo nk'Umukiza wawe bwite. Umunyabyaha mu mbaraga nke afite, yifatanya n'ububasha bukomeye bwa Kristo, umutima we urimo ubusa ugahazwa na Kristo, gucika intege kwe kukifatanya no kwihanganira byose kwa Kristo. Noneho akagira umutima wari muri Kristo. Ubumuntu bwa Kristo bugasingira ubumuntu bwacu, kandi ubumuntu bwacu bukegera ubumana. Bityo rero binyuze mu murimo w'Umwuka Wera, umuntu ahinduka usangiye [na Kristo] kamere y'ubumana. Yemerwa nk'umwana ukundwa [binyuze muri Kristo]." – *Uwifuzwa Ibihe Byose*, p.675.

**b. Bigendekera bite umuntu watandukanyijwe na Kristo? Yohana 15:6.**

---

"Ubu bumwe tugirana na Kristo, igihe bubayeho, bukwiriye gusigasirwa.... Iyi ntabwo ari isano y'urwiyerurutso, kandi si iy'akanya gato. Ahubwo ishami rihinduka igice kigize umuzabibu muzima. Ihererekanya ry'ubugingo, imbaraga ndetse n'uburumbuke bwo kwera imbuto, biva mu mizi bigakwira mu mashami yose kandi ku buryo buhoraho. Iyo ishami ritandukanyijwe n'umuzabibu, ntirishobora kubaho. Niyo mpamvu Yesu yavuze ati, 'Ntimushobora kubaho mutari muri Jye.' Ubugingo mwaboneye muri Jye muzabuhorana ari uko mukomeje isano mufitanye nanjye. Mutari muri Jye, ntimwashobora kunesha icyaha naho cyaba kimwe cyangwa se igishuko kimwe." – *Ibid.*, p.676.

**c. Ni gute ukuba umwigishwa nyakuri kwahishuwe? Yohana 15:4; 8:31; 13:35.**

---

"Iyo abantu bahurije hamwe, batabitewe n'inyungu runaka cyangwa ko babihatiwe, ahubwo babitewe n'urukundo, baba bagaragaje ugukora kw'imbaraga isumba ubushobozi bwa kimuntu. Ahantu uku guhuriza hamwe kugaragaye, ni igihamya ko ishusho y'Imana iba yerekaniwe mu bantu, kandi ko ihame rishya rihesha ubugingo ryashinze imizi. Ibyo bigaragaza ko hari imbaraga muri kamere y'Imana ituma dushobora gutsinda abamarayika ba Satani, kandi ko ubuntu bw'Imana bukuraho kwikanyiza gusanzwe mu mutima w'umuntu." – *Ibid*., p.678.

## 3. KUGUMA MURI KRISTO

Kuwa Gatatu
12 Kanama

**a. Ni uwuhe musaruro utazabura guturuka mu kuba dufitanye na Kristo umushyikirano uhoraho? Yohana 15:5,8.**

---

---

"Imizi yohereza ibyo gutunga igiti kugera no ku dushami duto. Ni ko na Kristo atanga imbaraga mu by'umwuka kuri buri mwizera. Igihe cyose umutima wunze ubumwe na Kristo, ntuzigera uraba cyangwa ngo wangirike....

"Igihe tubeshejweho no kwizera Umwana w'Imana, imbuto z'Umwuka zigaragara mu mibereho yacu hatabuzemo n'imwe." – *Uwifuzwa Ibihe Byose,* p.676.

"Yesu ni we dukeneye, umucyo We, ubugingo Bwe, n'umwuka We, bikwiriye kuba ibyacu buri gihe. Turamukeneye buri saha. Kandi tugomba gusenga mu gitondo dusaba ko nk'uko izuba rimurikira imirambi iteye neza, rigakwiza umucyo ku isi, abe ariko Zuba ryo Gukiranuka amurikira mu byumba by'ubwenge n'umutima, bityo twese atugire umucyo mu Mwami. Ntacyo dushobora gukora tutamufite. Umwanzi aba azi igihe tugiye gutangira kubaho tudafite Umwami wacu, kandi aba ahari, yiteguye kuzuza mu bwenge bwacu ibitekerezo bye bibi kugirango dushobore kuva mu gushikama kwacu; ariko Umwami ashaka ko igihe cyose twaguma muri We, bityo tukamubamo mu buryo bwuzuye." – *Imibereho Yanjye y'uyu Munsi*, p.15.

"Abantu bose bakira Kristo nk'Umukiza wabo bwite bagomba kugaragaza ukuri k'ubutumwa bwiza n'imbaraga yako ikiza ubugingo. Nta kintu na kimwe Imana isaba umuntu itabanje gushyiraho uburyo bwo kugisohoza. Binyuze mu buntu bwa Kristo, dushobora gusohoza ibyo Imana idusaba byose. Ubutunzi bwose bwo mu ijuru bugomba guhishurirwa mu bwoko bw'Imana." – *Imigani ya Kristo*, p.301.

**b. Ni ikihe kintu gisabwa tugomba gukora kugirango tugume mu rukundo rwa Kristo? Yohana 15:9,10; 1Yohana 2:5.**

---

---

"Imana ishaka kwerekanira muri wowe, ubutungane, kugira neza ndetse n'impuhwe biranga imico Yayo. Nyamara Umukiza ntabwira abigishwa kugira icyo bakora ngo bere imbuto. Ahubwo ababwira kuguma muri We." – *Uwifuzwa Ibihe Byose*, p.677.

"Intego ikomeye y'Imana mu murimo ikora wo kugira Ubuntu ni ukugerageza abantu, kugirango ibahe uburyo bwo gukuza imico. Ni muri ubwo buryo ibagerageza kugirango harebwe niba bumvira amategeko Yayo cyangwa niba batayumvira. Imirimo myiza ntishobora kugura urukundo rw'Imana, ariko ihishura ko dufite urwo rukundo." – *Imigani ya Kristo,* p.283.

## 4. GUCENGERA KUGIRANGO HABEHO KUGARURA MU NZIRA NZIZA

Kuwa Kane
13 Kanama

a. Ni iki Yesu avuga ku byerekeranye n'ijambo Rye nk'umuhuza hagati Ye n'abizera? Yohana 15:3,7; 6:63.

---

---

"Yesu aguma mu bayoboke Be binyuze mu ijambo. Iyo sano kandi y'ingenzi igaragarira no mu gihe turya umubiri We ndetse tukanywa n'amaraso Ye. Amagambo ya Kristo ni umwuka ndetse n'ubugingo. Iyo wakiriye amagambo Ye, uba wakiriye ubugingo bukomoka ku Muzabibu. Ubeshwaho "n'ijambo ryose rituruka mu kanwa k'Imana." Matayo 4:4. Ubugingo bwa Kristo buri muri wowe bwera imbuto nk'iziboneka muri We. Iyo uba muri Kristo, ukayoborwa na We, ukunganirwa na We kandi ukagaburirwa na We, bituma wera imbuto zisa n'iza Kristo." – *Uwifuzwa Ibihe Byose*, p.677.

b. Sobanura uburyo kubagwa mu buryo bw'umwuka bihindura ibidusunikira kugira icyo dukora n'imyifatire yacu mu gihe twumvira ijambo ry'Imana. Abaheburayo 4:12; Zaburi 51:10.

---

---

"Abagaragu b'Imana bagomba gutanga ubuhamya bwahuranyije, buzahinguranya umutima wa kamere kandi bugakuza imico." – *Ibihamya by'Itorero,* vol 1, p.249.

"Bibiliya… ni ijwi ry'Imana rivugana buri munsi n'umutima…. Umurimo w'Umwuka Wera ni ukumurikira intekerezo zijimye, kunesha inarijye, gutsinda umutima ukomeye nk'ibuye, gutuma abanyabyaha b'ibyigomeke bitanga, ndetse no kubakingira ibishuko by'iyi si. Isengesho rya Kristo yasabiye abigishwa Be ryari iri ngo: 'Ubereshe ukuri: ijambo ryawe niryo kuri.' Inkota y'Umwuka, ariyo jambo ry'Imana, yahuranya umutima w'umunyabyaha ikawujanjagura." – *Ibid.*, vol 4, p.441.

"Ihame rishya ry'ubugingo rigomba guterwa mu bantu bose bazemera kuyoborwa n'Umwuka Wera; kandi ishusho y'Imana yari yaratakaye igomba kugarurwa mu bantu." – *Imigani ya Kristo*, p.96.

"Uko [abantu b'Imana bashonje kandi bafite inyota] bakomeza kugaburirwa n'ijambo Ryayo, babona ko ritanga umwuka n'ubugingo. Ijambo risenya iby'isi n'ibya kamere yayo, maze rigatanga ubugingo bushya muri Kristo Yesu. Umwuka Wera aza mu mutima ari Umuhumuriza. Binyuze mu mbaraga ihindura y'ubuntu bw'Imana, ishusho y'Imana yigaragaza mu mwigishwa; maze agahinduka ikiremwa gishya. Ahari urwango hajya urukundo, maze umutima ukakira ubwiza bw'ijuru. Ubu nibwo busobanuro bwo kubeshwaho 'n'ijambo ryose rituruka mu kanwa k'Imana.' " – *Uwifuzwa Ibihe Byose*, p.391.

## 5. GUTWIKWA CYANGWA GUKATWA

Kuwa Gatanu
14 Kanama

a. Ni iki Kristo azakorera umwizera uvuga ko ari muri Kristo ariko akaba atera imbuto? Yohana 15:2 (ahabanza).

---

---

"Byashoboka ko mu bigaragarira amaso, ishami risa n'iriteye ku muzabibu, nyamara ridafasheho. Icyo gihe ntirizakura kandi nta mbuto rizera. Birashoboka ko rero abantu bibwira ko dushamitse kuri Kristo, nyamara nta sano y'ukuri mu kwizera dufitanye na We. Kuba abanyedini bizanira abantu gusa kuba mu itorero, ariko ingeso n'imyitwarire byabo nibyo bigaragaza ko bashamikiye by'ukuri kuri Kristo. Iyo batera imbuto, baba atari amashami y'ukuri. Gutandukana na Kristo bibazanira kurimbuka kukaba kugereranywa n'ishami ryumye." – *Uwifuzwa Ibihe Byose*, p.676.

b. Ni iki Yesu akorera amashami aguma muri We? Yohana 15:2 (ahaheruka).

---

"Yesu yabasobanuriye yitonze umugambi wa nyir'uruzabibu. Gukaragira uruzabibu byagombaga kubazanira ububabare, ariko Data wo mu ijuru ni we wari ufashe icyuma cyo gukaragira. Yakaragiraga yitondesheje ibiganza bye kandi afite umutima witaye ku ruzabibu. Hari amashami akora ku butaka; ayo agomba kuvanwa ku biyafatiye ku butaka, maze agahabwa icyerekezo gishya. Ayo mashami agomba kwerekeza hejuru, maze akabonera mu Mana ibyo kuyafata biyashyigikira. Ibibabi byinshi bibuza imbuto kubona umucyo no gukura, bigomba gukatwa. Udushami tutari ngombwa tugomba gukatwa, kugira ngo haboneke inzira y'imirasire ikiza ya Zuba ryo Gukiranuka. Nyir'uruzabibu avanaho ibibabi bidafite akamaro, kugira ngo imbuto zise neza kandi zibe nyinshi." – *Ibid.*, p.677.

## 6. IBIBAZO BYO KUZIRIKANWA

Kuwa Gatandatu
15 Kanama

1. Ni gute nakomeza kuba muri Kritso?
2. Ni gute nshobora kurushaho kungukira mu "gukaragira" uruzabibu Kwe?
3. Mbese uku "gukaragira" kuzagira uwuhe musaruro mu mibereho yanjye?
4. Ni ukubera iki Kristo akoresha uruzabibu kugira agaragaze uyu mushyikirano [tugirana na We]?
5. Ni ikihe kintu cy'ibanze gituma imibereho y'Umukristo yera imbuto?

Ku Isabato, 23 Kanama 2025

**Icyigisho 8**

# Urukundo rwa Kivandimwe

**ISOMO RYO KUZIRIKANWA:** "Ndabaha itegeko rishya ngo mukundane nk'uko nabakunze, mube ariko namwe mukundana." (Yohana 13:34).

**Ibitabo Byifashishijwe:** *Imigani ya Kristo,* p.376 – 389.

"Abantu bose buzuye Umwuka We bazakunda nk'uko na we yakundaga. Ihame ryatumye Kristo agira icyo akora, niryo rizakomeza kubayobora mu mishyikirano yose bagirana hagati yabo" – *Uwifuzwa Ibihe Byose,* p.678.

## 1. ITEGEKO RISHYA

Kuwa Mbere
17 Kanama

a. Ni urukundo rungana iki rwerekanywe na Cyitegererezo ukomeye, kandi ni iki ibyo bisobanuye ku bayoboke Be? Yohana 13:1 (ahaheruka); 15:13.

"Mbega ukuntu urwo rukundo rwagutse kandi rwuzuye! Abigishwa bagombaga gukundana nkuko Kristo yabakunze. Icyo cyagombaga kuba igihamya gihamiriza ab'isi yuko Kristo yari muri bo, akaba ababereye ibyiringiro by'ubwiza. Icyo gihe abigishwa ntibari basobanukiwe igice gishya cy'iryo tegeko, ariko nyuma y'imibabaro ya Kristo, nyuma yo kubambwa Kwe, kuzuka Kwe, no kuzamurwa mu ijuru Kwe, batangiye kugira ibitekerezo runaka ku byerekeranye n'icyo urukundo rw'Imana rwasobanuraga, hamwe n'urukundo bagombaga kugaragarizanya. Nyuma y'aho Umwuka Wera abamanukiye ku munsi wa Pentekote, urwo rukundo rwarahishuwe." – *Ibimenyetso by'Ibihe*, kuwa 20 Ukwakira 1898.

b. Mbese imbuto ya mbere y'Umwuka Wera ni iyihe, kandi ni ibihe bihamya bigaragaza ko iyo mbuto irimo irushaho kutugira abantu batunganye? Abagalatiya 5:22; 1Yohana 4:11 – 13; 3:18.

"Ukuzura kw'imibereho ya Gikristo kugerwaho iyo imbaraga ihatira umuntu gufasha abandi no kubahesha umugisha ihora itemba imuturukamo." – *Ibyakozwe n'Intumwa*, p.551.

## 2. ITEGEKO RISHYA (BIRAKOMEJE)

Kuwa Kabiri
18 Kanama

a. Ni mu buhe buryo Kristo yerekeje ku rukundo rwa kivandimwe avuga ko ari "itegeko rishya"? Yohana 13:34.

"Ku bigishwa ba Yesu, iri tegeko ryari rishya; kuko batari barigeze bakundana nk'uko Kristo yabakunze. Yabonye ko ari byiza ko bagengwa n'imitekerereze mishya; bakarangwa n'ibikorwa bishya; kandi binyuze mu bugingo ndetse no mu rupfu Rwe bagahabwa ubusobanuro bushya bw'urukundo. Itegeko ryo gukundana ryari rifite ubusobanuro bushya bugendanye n'ukwitanga kwa Kristo. Umurimo wuzuye w'ubuntu uboneka mu murimo uhoraho w'urukundo, umurimo wo kwiyanga ndetse no kwitanga. Buri saha y'igihe cyose Kristo yabaye hano ku isi, urukundo rw'Imana rwavaga muri We rutemba nk'imigezi idakama. Abantu bose buzuye Umwuka We bazakunda nk'uko na we yakundaga. Ihame ryatumye Kristo agira icyo akora, niryo rizakomeza kubayobora mu mishyikirano yose bagirana hagati yabo." – *Uwifuzwa Ibihe Byose,* p.677,678.

b. Ni iki kigaragaza ko turi abana b'Imana n'incuti za Kristo? Abaroma 8:14; 1Yohana 3:10.

"Idini igizwe no gukora ibyo Kristo yavuze; atari ukubikora kugira ngo biguheshe ubuntu bw'Imana, ahubwo ari uko twahawe impano y'urukundo Rwe kandi tutari tubikwiriye. Ntabwo Kristo abara umuntu ho agakiza kubw'ibyo muntu avuga yizera gusa, ahubwo ni kubwo kwizera kugaragarizwa mu mirimo yo gukiranuka. Gukora bitari ukuvuga gusa, ni byo byitezwe ku bayoboke ba Kristo. Imico yubakwa binyuze mu bikorwa. 'Abayoborwa n'Umwuka w'Imana bose ni bo bana b'Imana.' (Abaroma 8:14). Ntabwo ari abo Umwuka akora ku mitima, ntabwo ari abiyegurira imbaraga y'Umwuka rimwe na rimwe, ahubwo abayoborwa n'Umwuka ni bo bana b'Imana." – *Ibitekerezo byo ku Musozi w'Umugisha,* p.149,150.

"Imico n'amatwara y'abayoboke ba Kristo bizaba nk'ibya Shebuja. Ni we cyitegererezo, akaba urugero rwera kandi rutunganye rwahawe Abakristo kugirango barwigane. Abayoboke Be nyakuri bazakunda bene se kandi babane mu mahoro. Bazakunda abaturanyi babo nk'uko Kristo yabahaye urugero kandi bazitanga uko bashoboye kose niba mu kugenza batyo bashobora kwemeza abantu kureka ibyaha byabo no guhindukira bakemera ukuri." – *Ibihamya by'Itorero,* vol 3, p.58,59.

## 3. IZINA RIDASANZWE

Kuwa Gatatu
19 Kanama

a. Ni irihe zina Yesu yise abayoboke Be b'indahemuka, kandi ni ukubera iki? Yohana 15:15,14.

"Kristo aravuga ati: 'Muri incuti zanjye, nimukora ibyo mbategeka.' Iki nicyo gisabwa; iki ni igipimo kigenzura imico y'abantu." – *Ibihamya by'Itorero*, vol 4, p.188.

"Iki gihe turimo ni amahirwe akomeye n'intizo yera ku bagaragu b'Imana. Izi ntizo nizirindwa mu budahemuka, ingororano y'umugaragu ukiranuka izaba ikomeye igihe Shebuja azavuga ati: "Ngwino ugaragaze ibyo wakoze mu busonga bwawe." Umurimo ukoranywe umwete, utarimo kwikunda, kwihangana, umuhati udacogora, uzabona ingororano nyinshi. Yesu azavuga ati: 'uhereye ubu sinkibita abagaragu, ahubwo muri inshuti zanjye, n'abatumirwa banjye'. Gushimwa na Shebuja ntibishingiye ku bunini bw'umurimo wakozwe, ntibiterwa n'ubwinshi bw'ibyungutswe, ahubwo biterwa no kuba indahemuka muri bike. Ntabwo ari kubw'umusaruro mwinshi tugeraho, ahubwo icyo Imana ireba ni impamvu idutera gukora. Iha agaciro umutima mwiza no kuba indahemuka ikabirutisha ugukomera k'umurimo wakozwe." – *Ibid.*, vol 2, p.510,511.

b. Ni uwuhe mugambi watumye Yesu aduhitamo, kandi ni izihe nshingano ziherekeza ayo mahirwe? Yohana 15:16,17.

"Umukiza wacu yatugaragarije urukundo rudashobora kungana n'urw'abantu. Igihe twari intere kandi turi gusamba, yatugiriye impuhwe. Ntiyigeze akikira ngo yigendere anyuze ku rundi ruhande, maze ngo adusige tudafite gifasha kandi twihebye ngo turimbuke. Ntiyigeze aguma mu rugo Rwe rwera kandi runezerewe, aho yakundwaga n'ingabo zose zo mu ijuru. Yabonye uburyo twari dukennye cyane, yita ku kibazo cyacu, nuko ahuza inyungu Ze n'iz'abantu. Yapfuye kugirango akize abanzi Be. Yasenze asabira abamwishe. Yabwiye abayoboke Be yerekeza ku rugero Rwe bwite, agira ati: 'Ibyo mbibategekeye kugirango mukundane', 'mukundane nk'uko nabakunze.' Yohana 15:17; 13:34." – *Imigani ya Kristo*, p.381,382.

"Dushobora kuvuga ko turi abayoboke ba Kristo, dushobora kuvuga ko twizera buri kuri kose ko mu ijambo ry'Imana; ariko ibyo ntacyo bizamarira bagenzi bacu, keretse gusa ukwizera kwacu nikugaragarira mu mibereho yacu ya buri munsi." – *Ibid.*, p.383.

## 4. GUTOTEZWA N'AB'ISI

Kuwa Kane
20 Kanama

### a. Mbese ni iki ab'isi bakorera inshuti za Kristo? Yohana 15:18,19.

---

"Iyo abantu bahurije hamwe, batabitewe n'inyungu runaka cyangwa ko babihatiwe, ahubwo babitewe n'urukundo, baba bagaragaje ugukora kw'imbaraga isumba ubushobozi bwa kimuntu. Ahantu uku guhuriza hamwe kugaragaye, ni igihamya ko ishusho y'Imana iba yerekaniwe mu bantu, kandi ko ihame rishya rihesha ubugingo ryashinze imizi. Ibyo bigaragaza ko hari imbaraga muri kamere y'Imana ituma dushobora gutsinda abamarayika ba Satani, kandi ko ubuntu bw'Imana bukuraho kwikanyiza gusanzwe mu mutima w'umuntu.

"Uru rukundo ruramutse rugaragajwe mu itorero, nta kabuza bizarakaza Satani. Kristo ntiyigeze ashakira abigishwa Be inzira yoroshye." – *Uwifuzwa Ibihe Byose,* p.678.

### b. Ni ukubera iki ab'isi barenganyije Kristo, kandi ni kuki n'abayoboke Be na bo barenganywa? Yohana 3:19,20; 15:20,21.

---

---

"Hagati yo gukiranuka n'icyaha, hagati y'urukundo n'urwangano, no hagati y'ukuri n'ibinyoma; hari intambara idahwema. Igihe umuntu agaragaza urukundo rwa Kristo n'ubwiza bwo kwera, aba yirukana umuhashya ingabo z'ubwami bwa Satani, maze umutware w'ikibi agahagurukira kumurwanya. Gutotezwa no gutukwa bitegereje abantu bose buzuwemo n'Umwuka wa Kristo. Imiterere y'akarengane ihinduka ikurikije ibihe, ariko ihame ryako, ari wo mwuka ugahatse, ni wa wundi wishe intore z'Uwiteka uhereye mu gihe cya Abeli." – *Ibitekerezo byo ku Musozi w'Umugisha*, p.29.

"Ukuri kw'Imana ntikwigeze gukundwa na benshi mu isi. Buri gihe umutima wa kamere wanga ukuri. Ndashimira Imana ko tugomba kureka urukundo dukunda iby'isi, n'ubwibone bwo mu mutima, n'ikintu cyose kijya gusa no kuramya ibigirwamana, kugirango tube abayoboke b'umuntu w'i Kaluvari. Abumvira ukuri ntibazigera bakundwa kandi ngo bubahwe n'ab'isi. Ku minwa y'Umwigisha wavuye mu ijuru, igihe yagenderaga hagati mu bana b'abantu, humvikanye aya magambo ngo 'Umuntu nashaka kuba umwigishwa wanjye, yikorere umusaraba we ankurikire.' Yego! Kurikira Uwatubereye urugero. Mbese yishakiraga gushimwa no kubahwa n'abantu? Oya rwose! None se tuzashaka kubahwa no gushimwa n'ab'isi?

"Abadakunda Imana ntibazakunda abana b'Imana. Tega amatwi amagambo yo mu nyigisho mvajuru: 'Muzabona ishyano abantu [bose] nibabavuga neza.' " – *Ibihamya by'Itorero*, vol 2, p.491.

## 5. URUKUNDO RW'IMANA MU MIBEREHO Y'ABIZERA

Kuwa Gatanu
21 Kanama

a. Ni gute intumwa Pawulo yagaragaje itandukaniro riri hagati y'urukundo rwa Gikristo rw'icyiganano n'urw'ukuri? 1Abakorinto 13:1–8.

---

---

"Urwego rwo hejuru mu kwizera umuntu yakwirata uko rwaba rumeze kose, niba umutima we utuzuye gukunda Imana na bagenzi be, uwo ntabwo ari umwigishwa nyakuri wa Kristo. Nubwo yagira kwizera gukomeye ndetse n'imbaraga yo gukora ibitangaza ariko adafite urukundo, ukwizera kwe kuba nta gaciro gufite. Ashobora kwerekana ko agira Ubuntu bwinshi bwo gutanga, ariko niba ashobora no gutanga ibyo atunze byose kugira ngo agaburire abakene nyamara abitewe n'indi mpamvu itari urukundo nyakuri, iki gikorwa nticyatuma yemerwa n'Imana. Ashobora kugira ishyaka ryo gupfa azize ukwizera kwe, nyamara niba bidatewe n'urukundo, Imana izamureba nk'umuntu ufite ubwaka watwawe cyangwa indyarya ifite icyo igamije." – *Ibyakozwe n'Intumwa*, p.318,319.

b. Ni iki dukwiriye kumenya ku byerekeranye n'ibyaranze [itorero ry'i Filadelifiya] byashimwe na Kristo nk'uko biri mu Byahishuwe 3:10 – 12, hamwe n'amasezerano ahabwa abarangwa nabyo?

---

---

"Imyambaro iboneye kandi yera ntitegurirwa kwambwarwa n'umuntu uwo ariwe wese nyuma yuko yinjiye mu marembo y'umurwa. Abazinjira bose bazaba bambaye ikanzu yo gukiranuka kwa Kristo kandi izina ry'Imana rizaboneka mu ruhanga rwabo. Iryo zina ni ikimenyetso intumwa yabonye mu iyerekwa, bikaba bigereranya umutima wo gusobanukirwa no kumvira amategeko y'Imana yose. Ntihazabaho gutwikira ibyaha n'amakosa kugirango bihishire imico y'abantu idatunganye, nta myambaro izameswa igice; ahubwo imyambaro yose izaba iboneye kandi idafite ikizinga." – *Umwigisha w'Urubyiruko*, kuwa 18 Kanama 1886.

## 6. IBIBAZO BYO KUZIRIKANWA

Kuwa Gatandatu
22 Kanama

1. Ni iyihe miterere y'urukundo rw'Imana Kristo ashaka gukuza muri jye?
2. Ni iki kimbuza kwakira urukundo rwa Kristo ruzira ubwikanyize mu buryo bwuzuye?
3. Ni gute itegeko rya Kristo ryaba rishya kuri jye?
4. Ni ukubera iki ntagomba gutangazwa [no kugerwaho] n'akarengane?
5. Sobanura imigisha yahawe abizera bo mu gihe cya Filadelifiya.

Ku Isabato, 30 Kanama 2025

Icyigisho 9

# Umurimo w'Umwuka Wera

**ISOMO RYO KUZIRIKANWA:** "Ubwo azaza azatsinda ab'isi, abemeze iby'icyaha n'ibyo gukiranuka n'iby'amateka." (Yohana 16:8).

**Ibitabo Byifashishijwe:** *Ibihamya by'Itorero,* vol 8, p.14 – 23.

"Binyuze mu Byanditswe Byera, Umwuka Wera avugana n'umutima, maze agashyira ukuri mu mutima. Uko niko agaragaza ibinyoma maze akabyigiza kure y'umutima. Ni kubw'Umwuka w'ukuri ukorera mu ijambo ry'Imana, Kristo yiyegereza abo yatoranije." – *Uwifuzwa Ibihe Byose,* p.671.

## 1. "SINZABASIGA NK'IMPFUBYI"

Kuwa Mbere
24 Kanama

a. Ni ibihe birushya abigishwa bari kuzahura nabyo nyuma yo kuzamurwa mu ijuru kwa Kristo? Yohana 16:1 – 3.

"Uwiteka azi byose byerekeye abagaragu Be b'indahemuka bari muri za gereza cyangwa baciriwe mu birwa bahorwa izina Rye. Imana ibana nabo ikabahumuriza. Iyo umwizera ahagaraye mu nkiko z'isi avugira ukuri, Kristo ahagarara iruhande rwe. Akarengane n'ibitutsi byose ahura na byo, bigera no kuri Kristo. Kristo yongera gucirwa urubanza binyuze muri uwo mwigishwa We. Iyo hari ushyizwe mu nzu y'imbohe, Kristo yuzuza urukundo Rwe mu mutima we." – *Uwifuzwa Ibihe Byose*, p.669.

b. Ni ubuhe bwishingizi bwahawe abigishwa; kandi ni mu buhe buryo? Yohana 14:18; 15:26.

"[Kristo] yiyemeje gutanga Uwari kumuhagararira, akaba ari uwa gatatu mu Bumana. Iyo mpano nta yindi yagereranywa na yo. Impano zose yari kuzitangira muri imwe, bityo rero Umwuka w'Imana; ya mbaraga ihindura abantu, ikabamurikira, kandi ikabeza, niwe wari kuba impano Ye." – *Imibereho yanjye y'uyu Munsi*, p.36.

## 2. UMURIMO W'UMUFASHA

Kuwa Kabiri
25 Kanama

**a. Ni irihe tandukaniro ryari kubaho mu isano yari hagati ya Kristo n'abayoboke Be nyuma yo kuzamurwa mu ijuru Kwe? Yohana 16:7.**

"Kuva icyo gihe, binyuze mu Umwuka, Kristo yagombaga gutura mu mitima y'abana Be buri gihe. Ubumwe bari bafitanye na We bwari bukomeye kuruta igihe yari kumwe na bo. Umucyo, urukundo, n'imbaraga bya Kristo wari utuye muri bo, byarabagiranaga muri bo." – *Kugana Yesu,* p.75.

**b. Ni uwuhe murimo ukomeye Umwuka Wera yari kuzakorera abanyabyaha? Yohana 16:8 – 11.**

"Umwuka Wera ni igikoresho gihindura umuntu mushya kugira ngo agakiza kazanywe n'urupfu rw'Umucunguzi wacu kabashe kugira umumaro. Umwuka Wera ahora ashaka kwerekeza ibitekerezo by'abantu ku gitambo gikomeye cyatangiwe ku musaraba w'i Kaluvari, kugira ngo ahishurire ab'isi urukundo rw'Imana, kandi akingurire umutima wemejwe ibyaha kwakira ubutunzi bukomeye bwo mu Byanditswe Byera.

"Iyo amaze kwemeza abantu ibyaha no kwereka imitima yabo urugero rwo gukiranuka, Umwuka Wera atuma bazinukwa iby'iyi si, akabuzuza kwifuza ubutungane. Umukiza yaravuze ati: "Azabayobora mu kuri kose." Yohana 16:13. Niba abantu bifuza guhindurwa, hazabaho kwezwa k'umuntu wese uko yakabaye. Umwuka Wera azafata iby'Imana maze abyandike mu mutima. Kubw'imbaraga Ye, inzira y'ubugingo izagaragara ku buryo ntawe uzayiyoba." – *Ibyakozwe n'Intumwa*, p.52,53.

**c. Ni uwuhe murimo wundi w'ingenzi Umwuka Wera yagombaga gusohoza imbere y'ab'isi? Yohana 15:26.**

"Kunga ubumwe n'Umwuka Wera ndetse n'ubuhamya bw'umuhamya muzima, nibyo bigomba kuburira isi. Umukozi ukorera Imana ni we gikoresho kinyuzwamo ubutumwa mvajuru, kandi Umwuka Wera aha ijambo ry'ukuri ubutware buva ku Mana." – *Ellen G. White, Ubusobanuro bwa Bibiliya bw'Abadiventisiti b'Umunsi wa Karindwi,* vol 6, p.1053.

## 3. GUHAMYA KRISTO

Kuwa Gatatu
26 Kanama

a. **Uretse Umwuka Wera, ni nde wundi wagombaga guhamya ibya Kristo? Yohana 15:27; 1Yohana 1:1 – 3. Ni mu buhe buryo?**

“Umucuruzi ashobora gucuruza mu buryo buzatuma Shebuja ahabwa icyubahiro bitewe n’ubudahemuka bwe. Niba ari umuyoboke nyakuri wa Kristo, azashyira idini rye mu byo akora byose kandi ahishurire abantu umwuka wa Kristo. Umukanishi ashobora kuba umunyamwete kandi w’indahemuka uhagarariye Uwakoranaga umwete mu mibereho yoroheje yo mu misozi y’i Galilaya. Umuntu wese uvuga izina rya Kristo, yakagombye gukora ku buryo abandi; bashobora kwerekezwa ku guhimbaza Umuremyi n’Umucunguzi wabo kubwo kubona imirimo ye myiza....

“Dushobora gukora inshingano zoroheje cyane zo mu buzima dufite umutima w’urukundo ‘nk’abakorera Databuja mukuru’ Abakolosayi 3:23. Niba urukundo rw’Imana ruri mu mutima, ruzagaragarira mu mibereho. Umubavu mwiza wa Kristo uzatuzenguruka, kandi icyitegererezo dutanga kizazahura abandi kandi kibaheshe umugisha.” – *Kugana Yesu,* p.82,83.

b. **Ni irihe sezerano ry’igihe kizaza ryahawe ubwoko bw’Imana mu bihe by’isezerano rya kera binyuze mu muhanuzi Yoweli? Yoweli 2:28,29.**

c. **Ni ryari kandi ni gute iri sezerano ryasohoye by’igice? Ibyakozwe n’Intumwa 2:1 – 7, 16 – 18.**

“Kuzamurwa mu ijuru kwa Kristo cyari ikimenyetso cy’uko abayoboke Be bagombaga guhabwa umugisha basezeraniwe. Bagombaga gutegereza uyu mugisha mbere y’uko binjira mu murimo wabo. Igihe Kristo yinjiraga mu marembo y’ijuru yimikiwe hagati y’abamarayika bamuramyaga. Uyu muhango urangiye, Umwuka Wera yamanukiye ku bigishwa mu muriri mwinshi, Kristo nawe ahabwa icyubahiro gihwanye n’icyo yahoranye ibihe bidashira ari kumwe na Data wa twese. Gusukwa k’Umwuka Wera ku munsi wa Pentekote bwari ubutumwa bw’ijuru buvuga ko kwakirwa k’Umucunguzi kurangiye. Nk’uko isezerano Rye ryari riri, yari amaze kohererereza abayoboke Be Umwuka Wera uvuye mu ijuru nk’ikimenyetso cy’uko We nk’umutambyi n’umwami yahawe ubutware bwose mu ijuru no mu isi, kandi ko ari Uwasizwe kugira ngo ayobore ubwoko Bwe.” – *Ibyakozwe n’Intumwa*, p.38,39.

## 4. MURI IKI GIHE CYACU

Kuwa Kane
27 Kanama

**a. Ni gute dusobanukiwe ko isezerano riboneka muri Yoweli 2:28 – 32 ryerekeza kuri twe? Ibyakozwe n'Intumwa 3:19.**

---

"Iryo sezerano ni iryacu nk'uko ryari iryabo, nyamara se mbega ukuntu ari gake cyane ryerekanwa imbere y'abantu, n'uburyo ryakirwa mu itorero! Nk'ingaruka yo guceceka kuri iyo ngingo y'ingirakamaro cyane, mbese ni irihe sezerano tutazi neza uko rizasohozwa mu buryo bugaragara kurusha iri sezerano rihebuje ry'impano y'Umwuka Wera, ituma umurimo wacu w'iby'umwuka utanga umusaruro? Isezerano ry'Umwuka Wera rishyirwa mu biganiro byacu kandi usanga ari mu buryo bwose budafite aho buhuriye n'ibyo tuvuga. Ubuhanuzi bwagiye bwitabwaho, inyigisho zivuga imyizerere yacu zagiye zisobanurwa; ariko icy'ingenzi ku itorero kugirango rishobore gukuza imbaraga z'iby'umwuka n'ubushobozi, kugirango umurimo wo kubwiriza ushobore kwemeza imitima, n'abantu bahindukirire Imana, [cyarirengagijwe] ahanini kirekerwa mu maboko y'abagabura." – *Ibihamya ku Bagabura,* p.174.

"Abizera b'abakorerabushake nibahaguruka bagakora umurimo uko bashoboye, bakajya ku rugamba birwanaho, buri muntu wese akareba ibyo yageraho mu gukiriza Yesu imitima, tuzabona benshi bava mu birindiro bya Satani kugirango bahagarare munsi y'ibendera rya Kristo. Abantu bacu nibakurikiza umucyo baherewe muri aya magambo make yo kubigisha, tuzabona rwose iby'agakiza k'Imana. Hazakurikiraho ikangura ritangaje. Abanyabyaha bazihana, kandi benshi bazongerwa mu itorero. Imitima yacu nituyisabanya na Kristo, maze imibereho yacu igafatanya n'umurimo We, Umwuka wamanukiye abagishwa ku munsi wa Pentekote azatumanukira." – *Ibihamya by'Itorero*, vol 8, p.246.

**b. Ni igiki twakagombye guhozaho intekerezo muri iki gihe, kandi ni iki tugomba gusengera dushyizeho umwete tugisaba Uwiteka? Yohana 16:12 – 14; Zekariya 10:1.**

---

---

"Mbega ukuntu twese dukeneye umubatizo w'Umwuka Wera! Nitubatizwa n'Umwuka, iteka tuzakorana umutima wari muri Kristo, dufite ubugwaneza, kwihangana, imbabazi, n'impuhwe, tugaragariza umunyabyaha ko tumukunda ariko kandi twanga n'icyaha urunuka." – *Ivugabutumwa*, p.369.

"Mu bwoko bw'Imana hakeneye kubamo ikanguka kugirango umurimo w'Imana urusheho kujya mbere ufite imbaraga. Dukeneye kubatizwa n'Umwuka Wera. Dukeneye gusobanukirwa ko Imana izongera ku mubare w'ingabo Zayo abantu bafite ubushobozi n'imbaraga zo guteza impinduka mu bandi. Abo bantu ni bo bagomba gukora uruhare rwabo mu murimo wo kuburira isi." – *Ibid.*, p.558,559.

## 5. IMYITEGURO

Kuwa Gatanu
28 Kanama

a. Ni gute tugomba kwitegura gusukirwa Umwuka Wera mu mbaraga y'imvura y'itumba? Hoseya 6:1 – 3.

---

---

"Nabonye ko benshi birengagiza umwiteguro ukenewe cyane nyamara bakaba bari bategereje igihe "cy'ihemburwa" "n'imvura y'itumba" bibategurira kuba abantu bashyitse bazahagarara mu munsi w'Uwiteka kandi bakaba imbere Ye. Mbega uko mu gihe cy'akaga nabonye abantu benshi badafite ubwihisho! Bari barasuzuguye imyiteguro yari ikenewe; kubw'ibyo ntibajyaga guhabwa ihemburwa abantu bose bagomba kuba bafite kugira ngo babe bakwiriye kuba mu maso y'Imana yera. Abantu banga kugororwa n'abahanuzi maze ntibereshe ubugingo bwabo kumvira ukuri kose, ndetse bakaba bizera ko ari beza cyane nyamara atari ko bari mu by'ukuri, nibagera mu gihe cyo gusukwa kw'ibyago by'imperuka, nibwo bazabona ko bari bakeneye kugororwa no gutunganyirizwa kuba ku nyubako [y'Imana]. Ariko muri icyo gihe nta gihe cyo kubikora kizaba kikiriho kandi nta Muhuza wo kubasabira imbere ya Data wa twese uzaba ukiriho. Mbere y'uko iki gihe kigera, hazavugwa amagambo ateye ubwoba ngo: "ukiranirwa agumye akiranirwe, uwanduye mu mutima agumye yandure, umukiranutsi agumye akiranuke, uwera agumye yezwe." Nabonye ko nta muntu n'umwe wabashaga guha undi ihemburwa. Bazarihabwa gusa nibatsinda ibitero byose, bagatsinda ubwibone, kwikanyiza, gukunda iby'isi ndetse bagatsinda ijambo ribi ryose n'ibikorwa bibi byose. Kubw'ibyo, twari dukwiriye kurushaho kwegera Uwiteka kandi tugashishikarira gushaka uwo mwiteguro ukenewe kugira ngo utubashishe guhagarara mu rugamba ku munsi w'Uwiteka. Nimutyo abantu bose bibuke ko Imana yera kandi ko nta n'umwe ubasha gutura aho iri uretse ibiremwa byera." – *Inyandiko z'Ibanze*, p.71.

## 6. IBIBAZO BYO KUZIRIKANWA

Kuwa Gatandatu
29 Kanama

1. Ni uwuhe murimo Umwuka Wera arimo gukorera muri njye, kandi ni gute ashaka kunkoresha ku rugero rwagutse kurutaho nk'igikoresho kiri mu biganza by'Imana?
2. Ni iki gishobora kuba cyambuza kwakira Umwuka Wera mu buryo bwuzuye?
3. Ni uruhe ruhare ngira mu gufasha itorero ryanjye kwakira Umwuka Wera mu buryo bwuzuye?
4. Sobanura imirimo y'Umwuka Wera ku isi.
5. Sobanura ukuntu ubuhanuzi bwo muri Yoweli 2:28 – 32 bwasohoye.

# Amaturo y'Isabato ya Mbere

Ku isabato 6 Nzeri 2025

**Azagenerwa Ishuri ry'i Mahoko, mu Rwanda**




Repubulika y'u Rwanda ni igihugu kiri muri Afurika y'iburasirazuba, kikaba gihana imbibi na Tanzaniya, Repubulika iharanira Demokarasi ya Kongo, Ubugande, n'Uburundi. Ubukungu bw'igihugu bwateye imbere cyane kuva mu ntangiriro y'umwaka wa 2000 binyuze mu kohereza ikawa n'icyayi mu mahanga ndetse no gukora ubuhinzi, isabune, ingufu zibyara amashanyarazi, amazi yo mu macupa, n'ibindi. U Rwanda ruzwi cyane nk'igihugu cy'imisozi igihumbi, mu myaka ya vuba aha, rwatangiye gukurura ba mukerarugendo kubera ubwiza bwarwo – cyane cyane imigezi n'ibiyaga, harimo n'ibiri hafi y'umujyi wa Mahoko, aho dufite umushinga w'ishuri ryacu.

Mu baturage batuye icyo gihugu basāga miliyoni 13, ururimi kavukire rukoreshwa ni ikinyarwanda, naho izindi ni igifaransa, icyongereza (ururimi rukoreshwa mu butegetsi rukaba ruvugwa na 20 ku ijana by'abaturage), n'igiswahili. Mu baturarwanda, 43.7% ni Abagatolika, 37.7% ni Abaporotesitanti, 11.8% ni Abadiventisiti b'Umunsi wa Karindwi (bavugwaho ko ari itsinda ritandukanye n'abandi Baporotesitanti), naho 2.0% ni Abayisilamu, bakurikirwa n'abandi.

Tutitaye ku kuba hano abantu bose bavuga ko bafite idini babarizwamo, muri iyi si igenda irushaho kuba mbi, tubona ko ari ngombwa cyane gushora imari mu burezi bw'abana bacu. "Uburezi nyakuri ni uguhugurirwa kuba umubwirizabutumwa. Buri muhungu wese n'umukobwa wese w'Imana ahamagarirwa kuba umubwirizabutumwa. Duhamagarirwa gukorera Imana ndetse na bagenzi bacu; kandi intego y'uburezi bwacu yakagombye kuba iyo kudutegura kugirango tube dukwiriye gukora uyu murimo." – *Umurimo wo Gukiza*, p.395.

Kubera ko abana bacu bagoswe n'ibintu by'iyi si, birushaho kugorana kubarinda amayeri y'umwanzi. Ibyahoze bikumiriwe kugerwaho, ubu biri hafi y'abana bacu binyuze kuri telefoni zigezweho n'ibindi bikoresho by'ikoranabuhanga. None se ni gute dushobora kuba twiteguye gukora umurimo w'ivugabutumwa mu gihe abana bacu bo ubwabo badashobora kuba bawiteguye? Dufite impungenge zikomeye kurushaho kubera ko abana bacu biga mu mashuri ya leta bahatirwa kujya kwiga ku munsi w'Isabato. Kubw'ibyo rero, birakenewe mu buryo bwihutirwa.

Kubera ko amafaranga dufite adahagije, turasaba abavandimwe bacu ku isi hose kudufasha mu mpano zanyu kugirango iri shuri ryubakwe.

Mu gihe amaturo y'Isabato ya Mbere ari gukusanywa, turabinginze mutange mutitangiriye itama, kugirango Imana ihererwe icyubahiro muri uyu mushinga w'ishuri uri gukorerwa muri iki gihugu cy'imisozi igihumbi. Turasenga dusaba Uwiteka kugirango ahundagaze imigisha myinshi ku mpano n'abazitanga.

*Bene so na bashiki banyu bo mu Rwanda*

Ku Isabato, 6 Nzeri 2025

**Icyigisho 10**

# Kristo asengera Abigishwa Be (1)

**ISOMO RYO KUZIRIKANWA:** "Ndabasabira. Sinsabira ab'isi, ahubwo ndasabira abo wampaye kuko ari abawe, kandi ibyanjye byose ni ibyawe, n'ibyawe na byo ni ibyanjye kandi nubahirijwe muri bo." (Yohana 17:9,10).

**Ibitabo Byifashishijwe:** *Ibihamya by'Itorero,* vol 5, p.737 – 746.

"Iri sengesho [ryo muri Yohana 17] ni icyigisho cyerekana ukudusabira Umukiza yari kuzakora ari inyuma y'umwenda ukingiriza, igihe igitambo Cye gikomeye yatangiye abantu, ni ukuvuga kwitanga ubwe, cyari kuba cyararangiye." – *Ellen G. White, Ubusobanuro bwa Bibiliya bw'Abadiventisiti b'Umunsi wa Karindwi,* vol 5, p.1145.

## 1. ISENGESHO RIHERUKA KRISTO YASENZE ARI KUMWE N'ABIGISHWA BE

Kuwa Mbere
31 Kanama

a. Yesu amaze guha abigishwa Be amabwiriza, ni iki yabakoreye ku ncuro ya nyuma? Yohana 17:1,9.

"[Yohana 17:1 – 6] Iri niryo sengesho rya nyuma Kristo yasenze ari kumwe n'abigishwa Be. Yarisenze mbere gato yuko ajya mu gashyamba ka Getsemani, aho yagombaga kugambanirwa kandi agafatwa." – *Ellen G. White, Ubusobanuro bwa Bibiliya bw'Abadiventisiti b'Umunsi wa Karindwi*, vol 5, p.1145.

b. Ni iki Kristo ahishura mu ntangiriro y'iryo sengesho? Yohana 17:1,2.

"Igice cya cumi na karindwi cya Yohana kivuga mu buryo bwumvikana neza imiterere y'Imana na Kristo, ndetse n'isano bafitanye." – Ibid.

"Nimwige igice cya cumi na karindwi cya Yohana musenga. Iki gice nticyakagombye gusomwa incuro nyinshi gusa, ahubwo ukuri kwacyo kugomba kuribwa kandi kugasobanuka mu buryo bwuzuye." – *Ibihamya by'Itorero*, vol 8, p.80.

## 2. UMUSARURO UTURUKA MU KUMENYA KRISTO

Kuwa Kabiri
1 Nzeri

a. Ni ukuhe kuri shingiro Yesu yavuze ko ari ishingiro ry'ubugingo buhoraho? Yohana 17:3.

---

---

"Kumenya Imana nk'uko yahishuriwe muri Kristo ni bwo bumenyi abakijijwe bakwiriye kugira. Ubu ni bwo bumenyi buhindura imico y'umuntu. Iyo ubu bumenyi bwakiwe mu bugingo bwongera kurema umuntu mo ishusho ya Kristo. Ubu ni bwo bumenyi Imana ihamagarira abana Bayo kwakira kuko hirya yabwo ibindi byose ari ubusa gusa ndetse nta n'icyo biri cyo." – *Ibyakozwe n'Intumwa,* p.475.

"Yesu yaravuze ati: 'Data na we abakunda ubwe.' Niba ukwizera kwacu tukwerekeje ku Mana, binyuze muri Kristo, kuzagaragara ko ari 'nk'igitsika umutima gikomeye kandi gishikamye, cyinjira hirya y'umwenda ukingiriza ahera cyane, aho Yesu yatwinjiriye atubanjirije.' Ni iby'ukuri ko hari igihe tuzahura n'ibiduca intege, tugomba kwitega ko tuzahura n'imibabaro, ariko kandi ibintu byose byaba ibikomeye cyangwa ibyoroheje; tugomba kubishyira mu maboko y'Imana. Ntabwo Imana ijya ihangayikishwa n'ubwinshi bw'ibidutera agahinda cyangwa ngo iremererwe n'uburemere bw'imitwaro yacu. Yita kuri buri rugo kandi ikagota buri muntu ku giti cye; yita ku mirimo yacu yose itubyarira inyungu no ku mibabaro yacu yose. Imana imenya amarira yacu yose, kandi ikorwa ku mutima ikababazwa n'ubumuga bwacu. Ibishuko byose n'ibigeragezo byose hano byemererwa kutugeraho kugirango bisohoze imigambi y'urukundo Imana idukunda, 'kugirango dushobore kuba abasangiye na Yo ubutungane Bwayo' bityo tube abahabwa umunezero wuzuye uboneka mu kuhaba Kwayo." – *Ibihamya by'Itorero,* vol 5, p.742.

b. Mbese kumenya Kristo bisobanuye iki, kandi ni uwuhe musaruro w'ubwo bumenyi? Gereranya Hoseya 6:3 na Yohana 17:3.

---

"Dushobora kumenya Imana binyuze mu kumenya Kristo gusa..... Kumenya Kristo mu buryo bukiza ni ukugira ubumenyi bw'iby'umwuka butuma umuntu agira ubuzima, ni ukuvuga gushyira mu bikorwa amagambo Ye. Turamutse tutabikoze, ibindi byose ntacyo byaba bimaze.

"Kristo yaje muri iyi si kugirango ahishure Data wa twese. Mbega ukuntu yagaragaje ukwihangana, ukuntu yagaragaje impuhwe zirangwa n'ubwuzu, ukuntu yagaragaje impuhwe z'Imana, mbega ukuntu yagaragaje ko yari afite intego ikomeye! Ntiyigeze ananirwa cyangwa ngo acike intege. Yari umuntu utunganye mu buryo bwose, kandi urukundo Rwe nta kintu warugereranya nacyo. Buri ntambwe yose yateraga yashyiraga mu bikorwa ukwigomwa no kwitanga. Mu rupfu Rwe, yabaye ihishurwa ry'uko hazabaho ukwiyunga hagati y'Imana n'abantu." – *Ibimenyetso by'Ibihe*, kuwa 27 Mutarama 1898.

a. **Mu murimo We hano ku isi, ni iki cyari kigize imibereho ya Kristo? Yohana 17:4.**

"Mu bikorwa byose by'ineza Yesu yakoze, yashakaga kwereka abantu imico y'Imana, ariyo ya kibyeyi kandi irangwa n'ineza. Mu byigisho Bye byose yashakaga kwigisha abantu ukuri gutangaje ko 'Imana yakunze abari mu isi cyane, byatumye itanga Umwana wayo w'ikinege kugira ngo umwizera wese atarimbuka, ahubwo ahabwe ubugingo buhoraho.' Yesu yifuza ko dusobanukirwa urukundo rwa Se, kandi ashaka kumutwegereza binyuze mu kutugaragariza ubuntu Bwe bwa kibyeyi....

"Yesu yaje mu isi kugirango yerekanire imico y'Imana mu mibereho Ye bwite, kandi yakuyeho ibinyoma Satani yari yaratangije, maze ahishura ubwiza bw'Imana. Ni kubwo kubana n'abantu gusa yashoboraga guhishura imbabazi, impuhwe, n'urukundo bya Se wo mu ijuru; kuko ari mu bikorwa byo kugira neza gusa yashoboraga kugaragaza ubuntu bw'Imana." – *Abahungu n'Abakobwa b'Imana*, p.139.

b. **Ni iki Yesu yasabye Se ku iherezo ry'umurimo We wo ku isi? Yohana 17:5.**

"Kristo ntasabira ko icyubahiro cya kamere y'umuntu kigaragara; kuko iyo kamere y'umuntu itigeze ibaho mbere yuko abaho. Asenga Se ku byerekeranye n'icyubahiro yari afite cyo kuba ari umwe n'Imana. Isengesho Rye ni iry'umuhuza, [abo asabira] arabingingira kugirirwa ineza yo kugaragarizwa bwa bwiza bw'Imana yari afite igihe yari umwe n'Imana. Aravuga ati: Reka inyegamo ikurweho, kandi ureke ubwiza bwanjye bumurike, bwa bwiza nari mfite ndi kumwe nawe isi itararemwa." – *Ibimenyetso by'Ibihe*, kuwa 10 Gicurasi 1899.

"Iyi si ni akantu gato k'ubusabusa uyigereranije n'ubunini bw'ahantu Imana yaremye. Nyamara iyi si yacumuye imeze nka ya ntama imwe yazimiye; ifite agaciro gakomeye mu maso y'Imana kuruta izindi mirongo icyenda n'icyenda zasigaye mu rwuri. Kristo, Umugaba w'urukundo wo mu bikari byo mu ijuru, yavuye mu mwanya we w'icyubahiro, yiyambura icyubahiro yari asangiye na Se, kugirango akize isi yazimiye. Kristo yasize amasi ataracumuye twagereranya n'intama mirongo cyenda n'icyenda zamukundaga, maze aza muri iyi si kugira ngo "ashenjagurirwe gukiranirwa kwacu." Yesaya 53:5. Imana ubwayo yaritanze binyuze mu Mwana wayo kugira ngo ibone uko inezezwa no kwakira intama yazimiye." – *Imigani ya Kristo*, p.190,191.

## 4. GUTEGURA ABASIMBURA

**Kuwa Kane**
**3 Nzeri**

a. Kuba abigishwa barifatanyije na Kristo, mbese ni iki bemeye badakebakeba ku byerekeranye n'amagambo Ye? Yohana 7:17; 17:7. Ni iyihe nshingano dufite muri iki gihe?

---

---

"Abashaka kumenya ukuri no gusobanukirwa ubushake bw'Imana, abantu b'indahemuka ku mucyo kandi bafite umwete mu gukora inshingano zabo za buri munsi, nta kabuza bazamenya amahame y'ukuri, kuko bazayoborwa mu kuri kose. Kubw'ibikorwa by'ubuntu Bwayo, ntabwo Imana isezerana kumenyesha abantu ukuri Kwayo ku gahato, mu gihe bo badashakisha ukuri kandi badafite icyifuzo cyo kukumenya. Abantu bafite ubushobozi bwo gucecekesha Umwuka w'Imana; kuko ubushobozi bwo kwihitiramo buri mu biganza byabo. Bafite umudendezo wo gukora icyo bihitiyemo. Bashobora kumvira binyuze mu izina n'ubuntu by'Umucunguzi, cyangwa se bagasuzugura, ariko bakibonera ingaruka zabyo. Umuntu afite uburenganzira busesuye bwo kwakira cyangwa kwanga ukuri kwera kandi kw'iteka ryose. Umwuka w'Imana akomeza kugenda yemeza abantu, kandi imitima ifata umwanzuro wo kwemera cyangwa kwanga ukuri." – *Ibihamya by'Itorero,* vol 3, p.427,428.

b. Ni iki Yesu yabwiye Se ku byerekeranye no kwizera kw'intumwa? Yohana 17:8. Ni gute ayo magambo atureba muri iki gihe?

---

"[Yohana 17:3,8] Hano hari umurimo wadushyizwe imbere, wo kuba intumwa zihagarariye Kristo nk'uko na We yari intumwa ihagarariye Data wa twese mu isi. Tugomba kwigisha abantu amagambo twaherewe mu byigisho bya Kristo.... Turi mu gihe kigereranywa n'umunsi w'impongano, kandi ntitugomba gucisha bugufi imitima yacu imbere y'Imana no kwatura ibyaha byacu gusa, ahubwo tugomba no gukoresha impano zacu zose zo kwigisha, tugashaka kwigisha abo duhura na bo, kandi tukabafasha kumenya Imana na Yesu Kristo Uwo yatumye, binyuze mu cyitegererezo n'urugero tubaha." – *Uburezi bwa Gikristo*, p.157.

c. Ni bande Yesu yasenze asabira mu buryo bwihariye muri Yohana 17? Yohana 17:9,20.

---

---

"[Kristo] arimo gusabira aboroheje hanyuma y'abandi, abakandamizwa cyane n'abababaye cyane kuruta abandi, abageragejwe cyane n'abashutswe." – *Umuhamagaro wacu Uhanitse*, p.49.

## 5. KRISTO YAHEREWE ICYUBAHIRO MU BIGISHWA BE

Kuwa Gatanu
4 Nzeri

a. Ni gute Yesu ahabwa icyubahiro binyuze mu bigishwa Be? Yohana 17:10,11. Ni iki gikenewe kugirango uwo murimo ukorwe?

---

---

---

"Kristo ateganya ko gahunda y'ijuru, umugambi w'ubutegetsi bw'ijuru, ndetse n'ubumwe bw'ijuru, bigaragarira mu itorero Rye ku isi. Bityo agahabwa icyubahiro binyuze mu bantu Be. Kandi binyuze muri bo, Zuba ryo Gukiranuka rirasira abatuye isi bose.... Itorero, kuko ryahawe gukiranuka kwa Kristo, ni ububiko Bwe, aho imbabazi Ze nyinshi, ubuntu Bwe n'urukundo Rwe bigomba kuboneka mu bwinshi. Kristo yitegereza abantu Be mu kwera kwabo n'ubutungane bwabo, akababona nk'ingororano yo kwicisha bugufi Kwe no gukomera kw'icyubahiro cya Kristo — We sōko ubwiza bwose n'icyubahiro biturukaho." – *Uwifuzwa Ibihe Byose,* p.680.

"Kuba bari bunze ubumwe na Kristo gusa ni byo byari gutuma abigishwa bagira ibyiringiro byo guhabwa imbaraga y'Umwuka Wera yo kubana nabo ndetse no gukorana n'abamarayika bo mu ijuru. Bafashijwe n'izi ntumwa mvajuru bari kugaragariza isi ko bashyize hamwe kandi bakanesha mu rugamba barwanaga ubudasiba n'imbaraga z'umwijima. Uko bari gukomeza gukorera hamwe, intumwa zo mu ijuru zari kubajya imbere zikabafungurira inzira; imitima igategurirwa kwakira ukuri kandi abantu benshi bakagarurirwa Kristo. Igihe cyose bari gukomeza kunga ubumwe, Itorero ryari kujya mbere ari "Ryiza nk'ukwezi, rirabagirana nk'ikizubazuba, riteye ubwoba nk'igitero cy'ingabo zigendana ibendera." Indirimbo ya Salomo 6:10. Nta kintu na kimwe cyari kubangamira iterambere ry'Itorero. Itorero ryari kujya mbere ritsinda, risohoza neza inshingano ryahawe n'Imana yo kwamamaza ubutumwa bwiza ku b'isi." – *Ibyakozwe n'Intumwa*, p.90,91.

## 6. IBIBAZO BYO KUZIRIKANWA

Kuwa Gatandatu
5 Nzeri

1. Ni gute kumenya Kristo kwanjye bwite bishobora kugira ingaruka ku hazaza hanjye h'iteka?

2. Ni mu buhe buryo ubunararibonye bwanjye bwa Gikristo bushobora gukoreshwa nk'igikoresho cyo kwigisha abandi kiri mu biganza by'Imana?

3. Ni iki nakora kugirango ndusheho guhesha Kristo icyubahiro mu buryo bwuzuye?

4. Ni mu yihe mimerere yaranze Yesu ubwo yasengaga ubuheruka ari kumwe n'abigishwa Be?

5. Sobanura impamvu z'ukuza kwa mbere kwa Kristo.

Ku Isabato, 13 Nzeri 2025

**Icyigisho 11**

# Kristo asengera Abigishwa Be (2)

**ISOMO RYO KUZIRIKANWA:** "Nabamenyesheje izina ryawe kandi nzaribamenyesha, ngo urukundo wankunze rube muri bo, nanjye mbe muri bo." (Yohana 17:26).

**Ibitabo Byifashishijwe:** *Imibereho Yejejwe,* p.61 – 69.

"We nk'umutambyi mukuru wejejwe, [Kristo] asabira ubwoko Bwe. We nk'Umwungeri w'indahemuka akoraniriza umukumbi We mu gicucu cy'Ishoborabyose, azikoraniriza mu bwugamo bukomeye kandi butekanye. We ubwe ategereje intambara iheruka na Satani, kandi atera intambwe ajya kuyirwana." – *Uwifuzwa Ibihe Byose*, p.680.

## 1. KUNGA UBUMWE MURI KRISTO

Kuwa Mbere 7 Nzeri

a. Ni ikihe kintu cy'ingenzi kugirango itorero rigere ku nsinzi Yesu yavuze kenshi mu isengesho Rye ryo kwinginga? Yohana 17:11 (ahaheruka), 21 – 23.

---

---

"[Kristo] asenga asaba ko abigishwa Be baba umwe, nk'uko na We ari umwe na Se; kandi ubu bumwe bw'abizera bugomba kubera ab'isi igihamya cy'uko ari We wadutumye, kandi ko dutanga ubuhamya bw'ubuntu Bwe." – *Imibereho yanjye y'Uyu Munsi,* p.252.

"Niba twegera Imana, buri muntu ku giti cye, ubwo se ntimubona umusaruro bizagira? Mbese ntimwibonera yuko aribwo tuzegerana? Ntidushobora kwegera Imana kandi ngo tujye ku musaraba umwe, imitima yacu nidahurizwa mu bumwe butunganye." – *Umuhamagaro wacu Uhanitse,* p.96.

b. Ni gute ubumwe bw'itorero bushobora kugerwaho kandi bugasigasirwa? 1Yohana 1:7.

---

"Kuba abizera bazaba bunze ubumwe na Kristo bizatuma na bo bunga ubumwe hagati yabo, kandi uwo niwo murunga w'ubumwe urambye cyane kuruta indi yose iri ku isi. Turi umwe muri Kristo, nk'uko Kristo ari umwe na Se. Abakristo ni amashami, kandi ni amashami gusa, mu Muzabibu muzima." – *Ibihamya by'Itorero,* vol 5, p.47.

## 2. NTABWO ARI AB’ISI

Kuwa Kabiri
8 Nzeri

a. Mbese ni iki Yesu avuga ku byerekeranye n’abigishwa Be n’isi? Yohana 17:13,14. Ni ukubera iki ab’isi babatoteza?

“Abakristo bo mu itorero rya mbere bari abantu badasanzwe. Imyitwarire yabo itagira amakemwa no kwizera kwabo kudakebakeba byahoraga ari ikirego kibuza amahoro abanyabyaha. Nubwo bari bake, batagira umutungo mwinshi, badafite imyanya ihanitse n’ibyubahiro bikomeye, bateraga ubwoba inkozi z’ibibi z’ahantu hose imico yabo n’inyigisho zabo byamenyekanaga. Niyo mpamvu abanyabyaha babanganga nk’uko umunyabibi Kayini yanze murumuna we Abeli. Impamvu yatumye Kayini yica Abeli ni yo yatumye abanze kumva ijwi ry’Umwuka Wera bica ubwoko bw’Imana. Ni cyo cyatumye Abayuda banga Umukiza bakanamubamba; kuko ukwera n’ubutungane by’imico Ye byahoraga bicyaha kwikunda no kononekara kwabo. Kuva mu gihe cya Kristo kugeza ubu, abigishwa Be b’indahemuka bagiye bangwa kandi bakarwanywa n’abakunda inzira z’icyaha kandi bakazigenderamo.” – *Intambara Ikomeye,* p.46.

b. Ni uwuhe mugambi Imana ifitiye abana Bayo ku bijyanye n’impinduka isi ibagiraho? Yohana 17:15,16.

“Akoresheje urugero Rwe bwite, Umukiza yerekanye ko abayoboke Be bashobora kuba mu isi nyamara ntibabe ab’isi. Ntiyazanywe no kwifatanya n’ibinezeza byayo biyobya, ngo aze kujyanwa hirya no hino n’imigenzo yayo no gukurikiza imikorere yayo; ahubwo yaje gukora ibyo Se ashaka, aza gushaka no gukiza icyazimiye. Igihe Umukristo afite iyi ntego imbere ye, ashobora guhagarara atandujwe n’ibimukikije. Uko azaba ameze kose cyangwa ibyo azaba arimo byose, yaba afite icyubahiro cyangwa acishijwe bugufi, azerekana imbaraga y’idini nyakuri mu gukorana ubudahemuka inshingano ye.” – *Ibyakozwe n’Intumwa,* p.467.

“Isi ntifite Abakristo nyakuri bahagije; itorero rirabakeneye; umuryango mugari w’abantu urabashaka. Isengesho Kristo yasenze asabira abigishwa Be ni iri: ‘Sinsaba ko ubakura mu isi, ahubwo ubarinde umubi.’ Yesu azi ko turi mu isi, tukaba tugerwaho n’ibishuko byayo, ariko aradukunda kandi azaduha Ubuntu bwo kunesha ingeso zayo mbi. Yifuza ko twagira imico itunganye, kugirango ukuraragira kwacu bitazatuma abandi bagira ukudatungana kw’imico mbonera.” – I*bihamya by’Itorero,* vol 5, p.334.

## 3. IMBARAGA IBONEKA MU KURI

Kuwa Gatatu
9 Nzeri

a. Ni iki ukuri kugirira abantu bakuzi kandi bakagukurikiza? Yohana 8:32; 17:17.

"Umusemburo w'ukuri niwakirwa mu mutima, niwo uzagenga ibyifuzo, utunganye ibitekerezo, kandi utume imyifatire irushaho kuba myiza....

"Ijambo ry'Imana rigomba kugira ingaruka yo kweza mu mishyikirano tugirana na buri wese mu bagize umuryango w'ikiremwamuntu. Umusemburo w'ukuri ntuzatuma habaho umwuka wo kurushanwa, gukunda kuba umuntu ukomeye, n'icyifuzo cyo kuba uw'imbere. Urukundo nyakuri ruturuka mu ijuru ntirurangwa no kwikanyiza kandi ntiruhinduka. Ntirushingiye ku cyubahiro cy'umuntu. Umutima w'umuntu wakiriye ubuntu bw'Imana urushaho gukunda Imana n'abo Kristo yapfiriye. Umuntu ntaharanira kumenyekana. Ntabwo akunda abandi kubera ko bamukunda ndetse bakaba bamushimagiza, cyangwa kubera ko bamushimira ibyiza yakoze, ahubwo abakunda kubera ko ari umutungo Kristo yaguze. Iyo ibimutera kugira icyo akora, amagambo ye, n'ibikorwa bye abantu batabisobanukiwe cyangwa bikagaragazwa uko bitari, ntabwo ababara, ahubwo akomeza kugendera ku mahame ye akiranuka. Ni umugwaneza kandi atekereza ku bandi, yicisha bugufi mu bitekerezo bye, nyamara yuzuye ibyiringiro, buri gihe ahora yiringiye imbabazi n'urukundo by'Imana." – *Imigani ya Kristo,* p.100,101.

b. Ni gute ukuri kwasobanuwe? Zaburi 119:142.

"Ukuri nkuko kuri muri Yesu ni ukumvira buri tegeko rya Yehova. Ni umurimo ukorwa n'umutima. Ukwezwa kuvugwa na Bibiliya si ukwezwa kw'ikinyoma kwa kundi utazabona ugushakishije mu Byanditswe, ahubwo kukiringira ukwiyumva neza n'amarangamutima mu cyimbo cyo gushakisha ukuri nk'ubutunzi buhishwe. Ukwezwa kuvugwa na Bibiliya kuzayobora abagufite mu kumenya ibyo Imana ibasaba no kubyubahiriza." – *Lift Him Up*, p.152.

c. Ni gute dushobora kwejeshwa ukuri? Yohana 17:19; 16:13 (ahabanza).

"Kristo yavuze ko We ubwe yiyejeje kugirango natwe dushobore kwezwa. Yiyambitse kamere yacu, maze abera abantu icyitegererezo kitagira icyasha. Nta cyaha yakoze, kugirango natwe dushobore kwegukana insinzi, bityo twinjire mu bwami Bwe turi abaneshi. Yasenze adusabira kugirango twejeshwe ukuri. Mbese ukuri ni iki? Yaravuze ati: 'Ijambo ryawe niryo kuri.' Abigishwa Be bagombaga kwezwa binyuze mu kumvira ukuri." – *Imibereho Yanjye y'uyu Munsi,* p.252.

## 4. KUGIRA IMPUHWE ZIGERA KURE

Kuwa Kane
10 Nzeri

**a. Twabwirwa n'iki ko Kristo yadushyize mu isengesho Rye ry'ubuhuza? Yohana 17:20.**

"Ibyo Kristo yari byose ku bigishwa Be, ni nabyo ashaka kubera abana Be muri iki gihe." – *Kugana Yesu*, p.75.

"Abacunguwe na Kristo ni amabuye y'agaciro Ye, ubutunzi Bwe bw'igiciro cyinshi kandi bwihariye." – *Ibihamya by'Itorero*, vol 6, p.309.

**b. Ni ubuhe bwishingizi dufite muri iki gihe bw'uko Kristo atwitaho binyuze mu Umwuka Wera? Yohana 14:16.**

"Amagambo yabwiwe abigishwa ba Yesu aratubwirwa natwe. Umufasha ni uwacu nk'uko ari uwabo. Mu bintu bitungurana no hagati mu rwango rw'ab'isi, Umwuka atanga imbaraga ikomeza abantu bari mu kaga no ku rugamba kandi akanatuma basobanukirwa gutsindwa n'amakosa byabo. Mu gahinda no mu kababaro, igihe aho tubona hasa n'ahijimye, ahazaza hakaba hateye ubwoba kandi tukumva tudafite kirengera ndetse turi twenyine, muri ibyo bihe nibwo Umwuka Wera ahumuriza umutima agasubiza isengesho ryo kwizera." – *Ibyakozwe n'Intumwa,* p.51.

"Mu isaha tumukeneye cyane, ubwo gucika intege byarenga ubugingo, nibwo ijisho ryitegereza rya Kristo ribona ko dukeneye ubufasha Bwe. Isaha yo gucika intege ya muntu ni isaha yo gukora kw'Imana. Iyo imbaraga zose za muntu zananiwe, nibwo Yesu aza kudufasha, kandi kuhaba kwe kwirukana umwijima kandi kugakuraho igicu cyo gushoberwa." – *Ibihamya by'Itorero,* vol 4, p.530.

**c. Ni ikihe cyifuzo Yesu yagaragaje mu izina ry'ubwoko Bwe mu gusoza isengesho Rye? Yohana 17:24.**

"Mbere y'uko imfatiro z'isi zishingwa, Data wa twese n'Umwana bari barafatanije mu isezerano ryo kuzacungura umuntu igihe yari gutsindwa na Satani. Bari barahuje umugambi mu isezerano ridakuka ko Kristo yagombaga kuba inshungu y'inyokomuntu. Iri sezerano Kristo yararisohoje." – *Uwifuzwa Ibihe Byose*, p.834.

## 5. KUGIRANGO TUMENYE IZINA RYE

Kuwa Gatanu
11 Nzeri

a. Ni gute dushobora kugaragaza Data wa twese binyuze muri Kristo? Yohana 17:25,26.

"Kristo yivugiye ko yoherejwe mu isi nk'uhagarariye Data wa twese. Mu bwiza bw'imico Ye, mu mbabazi n'impuhwe Ze, mu rukundo Rwe n'ineza Ye, ahagarara imbere yacu nk'ufite ubutungane mvajuru, akaba ari ishusho y'Imana itaboneka." – *Ibihamya by'Itorero*, vol 5, p.739.

b. Ni iki dukwiriye guhora dushyira mu mwanya wa mbere mu mibereho yacu? Yohana 9:23,24.

"Ukwirata kose ko hari icyiza twigejejeho ntacyo bimaze.

"Itegeko ntirivuga ngo 'Uwirata yirate ubwe', ahubwo riravuga ngo 'Uwirata yirate Imana'..... Bityo rero, nta mpamvu abantu bafite yo kwihesha icyubahiro. Imigisha yose babona, n'imico myiza bafite, babikesha ubuntu bwa Kristo. Nta muntu n'umwe ugomba kwishyira hejuru ngo ni we ufite ubwenge cyangwa gukiranuka....

"Abafite ubunararibonye bwimbitse mu by'Imana, nibo bari kure y'ubwibone cyangwa kwishyira hejuru. Bafite igitekerezo cy'uko ari abantu bacishije bugufi hanyuma y'abandi, kandi bakagira ibitekerezo bihanitse ku byerekeranye n'ubwiza n'icyubahiro bya Kristo.... Igihe amaso yacu tuyahanze mu ijuru, kandi tukamenya neza imico ya Kristo, tuzashyira hejuru Umwami Imana mu mitima yacu.

"Uko umuntu agenda amenya amateka y'Umucunguzi, niko agenda abona ko afite inenge zikomeye; kuba adasa na Kristo abona bikomeye cyane ku buryo abona ari ngombwa kugira ihinduka rikomeye mu mibereho ye. Akomeza kwiga afite icyifuzo cyo kumera nk'Uwamubereye urugero rukomeye." – *Abahungu n'Abakobwa b'Imana*, p.235.

## 6. IBIBAZO BYO KUZIRIKANWA

Kuwa Gatandatu
12 Nzeri

1. Ni iki nakora kugirango nkomeze kunga ubumwe na bene data?
2. Ni gute nshobora kungukirwa n'isengesho Kristo yasenze asabira abigishwa Be?
3. Ni mu buhe buryo nshobora kurushaho kumenya izina ry'Imana?
4. Sobanura amagambo ya Kristo agira ati: "Ntabwo ari ab'isi".
5. Vuga muri make ubusobanuro Bibiliya itanga ku birebana n'ijambo "ukuri".

Ku Isabato, 20 Nzeri 2025

**Icyigisho 12**

# Kuregwa kwa Kristo

**ISOMO RYO KUZIRIKANWA:** "Nuko Yesu abwira Petero ati "Subiza inkota mu rwubati rwayo, mbese igikombe Data ampaye ne kukinyweraho?" (Yohana 18:11).

**Ibitabo Byifashishijwe:** *Inyandiko z'Ibanze,* p.165 – 168.

"Igihe giteye ubwoba cyari kigeze – igihe cyagombaga kugaragaza umwanzuro w'iherezo ry'abatuye isi." – *Uwifuzwa Ibihe Byose,* p.690.

## 1. IGIHE GIKOMEYE

Kuwa Mbere
14 Nzeri

a. Igihe Yesu yari amaze gusoza isengesho Rye ryo kwinginga, ni hehe yajyanye n'abigishwa Be kandi bari bafite uwuhe mugambi? Yohana 18:1; Matayo 26:36.

---

---

b. Igihe Umwami Yesu yararikiraga abigishwa Be batatu kumuherekeza, mbese ni iki yabasabye; kandi kubera iki? Mariko 14:33,34.

---

---

"[Satani] yari afite umugambi wo gutuma ububi bwiyongera cyane, ku buryo byari gutuma icyaha gisa nk'aho kidashobora gutangirwa impongano, ku buryo Umwana w'Imana washakaga gukiza isi yari yazimiye, yagombaga gutsikamirwa n'umuvumo w'icyaha. Imikorere y'umwanzi w'umunyamwete mu kwereka Kristo ubwinshi bw'ibicumuro, byamuteye umubabaro ukomeye ku buryo yumvaga adashobora kuguma kuba ari kumwe n'umuntu uwo ariwe wese. Ntiyashoboraga kwihanganira ko n'abigishwa Be babona imibabaro Ye igihe yitegerezaga amakuba y'isi. Ndetse n'incuti Ze magara yakundaga cyane ntizari zikwiriye kuba ziri kumwe na We. Inkota y'ubutabera yari ibanguye, kandi umujinya Imana yari ifitiye gukiranirwa wari kuri Yesu Kristo wari mu mwanya w'umuntu, kandi akaba umwana w'ikinege wa Se." – *Ellen G. White, Ubusobanuro bwa Bibiliya bw'Abadiventisiti b'Umunsi wa Karindwi,* vol 5, p.1102,1103.

## 2. AGAHINDA GAKOMEYE CYANE

Kuwa Kabiri
15 Nzeri

**a. Ni ikihe kintu cy'ingenzi gikubiye mu isengesho Kristo yabanje gusenga ari i Getsemani? Mariko 14:35,36.**

---

---

"Kristo icyo gihe yari ahagaze mu mwanya utandukanye n'uwo yigeze ahagararamo mbere. Umubabaro yari afite wasobanurwa neza n'aya magambo y'umuhanuzi ngo, "Byuka wa nkota we, urwane n'umushumba wanjye, urwane n'umuntu mugenzi wanjye, ni ko Uwiteka Nyiringabo avuga." Zekariya 13:7. Nk'impongano ndetse n'ubwishingizi ku muntu wacumuye, Kristo yarababajwe kuko yari ageze mu butabera bw'Imana. Yabonye neza icyo ubwo butabera busobanura. Mbere yaho yakoraga umurimo wo gusabira abandi; ariko noneho yari akeneye na We uwamusabira.

"Ubwo Kristo yumvaga ubumwe bwe na Se buvuyeho, yatinye ko muri kamere Ye ya kimuntu atazashobora guhangana n'urugamba yari hafi kurwana n'imbaraga z'umwijima. Igihe Kristo yageragezwaga mu butayu, ahazaza h'inyokomuntu hari hageze ahakomeye. Ariko Kristo yaranesheje. None rero ubu ngubu umushukanyi yaje yiteguye kurwana urugamba rukomeye kandi ruheruka. Kandi mu gihe cy'imyaka itatu y'umurimo wa Kristo, umushukanyi yakomeje kwitegura. Yari azi ko ari mu mazi abira. Yari azi ko natsindwa uru rugamba, ibyiringiro bye byo kuba umutware bizayoyoka; amahanga y'isi akegukanwa na Kristo; maze akamburwa ubutware ndetse akajugunywa hanze. Ariko iyo Kristo aza gutsindwa, isi yari guhinduka ubwami bwa Satani, kandi ikiremwamuntu cyari guhinduka imbata ya Satani ibihe byose. Kubera ibibazo bigendanye n'urwo rugamba byari imbere Ye, umutima wa Kristo wari ufite ubwoba bwinshi bwo gutandukana n'Imana." – *Uwifuzwa Ibihe Byose,* p.686,687.

**b. Igihe yagarukaga avuye mu isengesho Rye ry'akababaro kenshi, mbese yasanze abigishwa Be bameze gute? Yabacyashye mu buhe buryo? Mariko 14:37,38.**

---

"Yahagurutse bimuruhije, agenda ategwa, maze agana aho yasize bagenzi Be. Ariko yasanze basinziriye. Ahari iyo aza gusanga basenga, byari kumworohereza uburibwe. Iyo aza gusanga bari gushaka ubuhungiro mu Mana, kugira ngo imbaraga ya Satani itabaganza, yari gukomezwa no kwizera kwabo gushikamye. Ariko ntabwo bari bitaye ku magambo y'umuburo yababwiye ati, "Mube maso kandi musenge". Bwa mbere bari babanje guterwa ubwoba no kubona Shebuja, wajyaga ahorana ituze n'ubutwari, arwana n'umubabaro ndetse n'agahinda birenze ubwenge bw'umuntu. Barasenze ubwo bumvaga gutaka kwe yari atewe n'umubabaro. Ntabwo bifuzaga gutererana Umwami wabo, ahubwo bari bashobewe bafite ubwoba, nyamara bashoboraga kwirinda ubwo bwoba iyo bakomeza gusenga no kwinginga Imana. Ntabwo basobanukiwe neza n'akamaro ko kuba maso bagasenga ngo batajya mu moshya." – *Ibid.*, p.688.

## 3. AGAHINDA GAKOMEYE CYANE (BIRAKOMEJE)

Kuwa Gatatu
16 Nzeri

a. Ni irihe sengesho rya kabiri rya Kristo, kandi ni iki abigishwa Be bakoraga? Matayo 26:42,43. Ni ubuhe buhanuzi bwasohoye icyo gihe? Yesaya 52:14.

---

---

"Mbere y'aho gato, Yesu yakunze guhagarara ashikamye nk'igiti cy'inganzamarumbo cy'umwerezi, yihanganiye umugaru mwinshi w'abamurwanya. Abantu badashobotse, bafite imitima yuzuye uburyarya n'ubuhendanyi, bagerageje cyane kuganza Yesu no kumutera urujijo ariko ntibababigeraho. Yahagaze mu mbaraga z'icyubahiro cy'ijuru nk'Umwana w'Imana. Ariko noneho yari ameze nk'urubingo rwagoramishijwe n'umuyaga ukaze. Yari yaregereje indunduro y'umurimo we afite intsinzi, kandi kuri buri ntambwe yose yari yaratsinze imbaraga z'umwijima. Kubera icyubahiro yari asanganywe, yari yarahamije ko ari umwe n'Imana. Yakundaga guhimbaza Imana mu ndirimbo mu ijwi ritunganye. Yari akunze kuganira n'abigishwa Be akababahumuriza kandi akabakomeza. Ariko noneho iyi yari isaha y'imbaraga y'umwijima. Ijwi Rye ryumvikanye mu kirere cy'uwo mugoroba, kandi ntabwo ryari ijwi ryo kunesha, ahubwo ryari ijwi ryuzuye kuniha kwa muntu." – *Uwifuzwa Ibihe Byose*, p.689,690.

b. Ni gute Umwana w'Imana yahumurijwe muri icyo gihe kigoye? Luka 22:43. Ni ayahe magambo Yesaya yari yarahanuye ku byerekeranye n'umubabaro n'ihumure bya Kristo? Yesaya 53:11.

---

---

"Muri iki gihe gikomeye, igihe ibintu byose byari bigeze ahakomeye, igihe igikombe cy'amayobera cyari mu ntoke z'umunyamibabaro wahindaga umushyitsi, ijuru ryarakinguwe, umucyo urasira mu mwijima w'iyo saha ikomeye, maze marayika ukomeye uhagarara imbere y'Imana, ari we wagiye mu mwanya w'aho Satani yahoze, aza iruhande rwa Kristo. Marayika uwo ntiyazanywe no kuvana igikombe mu ntoke za Kristo, ahubwo yaje kumukomeza mu gihe yakinywaga, afite ubwishingizi bw'urukundo rwa Se. Marayika yazanywe no kongera imbaraga uwahuzaga Imana n'abantu. Yamweretse ijuru rikinguye, amubwira iby'abantu bazakizwa babiheshejwe no kubabazwa Kwe. Yamuhamirije ko Se wo mu ijuru ari umunyambaraga kandi atagereranywa na Satani, kandi ko urupfu Rwe ruzakoma mu nkokora imigambi yose ya Satani, kandi ko ubwami bw'iyi si buzahabwa abera b'Isumbabyose. Yamubwiye ko azanezezwa n'umubabaro yanyuzemo, ubwo azabona ibihumbi bitabarika by'abantu bazakizwa, kandi bagakizwa by'iteka ryose." – *Ibid.*, p.693,694.

## 4. YESU AFATWA

Kuwa Kane
17 Nzeri

a. Ni nde wayoboye igitero cyafashe Yesu? Yohana 18:2 – 5.

b. Ni iki cyabaye ku mbaga y'abantu bari barakaye bikabije igihe Yesu yabigaragarizaga? Yohana 18:6.

"Mu gihe Yesu yateraga intambwe ajya guhura n'umugambanyi we, nta mubabaro ndetse n'uburibwe byari bikigaragara mu maso He. Yateye intambwe ajya imbere y'abigishwa Be, maze arabaza ati, "Murashaka nde?" Baramusubiza bati, "Ni Yesu w'i Nazareti." Yesu arababwira ati, "Ni jye." Amaze kuvuga ayo magambo, marayika wari wahoranye na Yesu mu kababaro Ke, yaje hagati Ye n'igitero kije kumufata. Umucyo uturutse mu ijuru wamurikiye mu maso ha Yesu, hanyuma umwuka amuzaho afite ishusho y'inuma. Icyo gitero cy'abicanyi nticyashoboraga guhagarara imbere y'ubwiza bw'ijuru. Basubiye inyuma bagenza imigongo. Abatambyi, abakuru, abasirikare, ndetse na Yuda, bose baguye hasi nk'abapfuye.

"Marayika yavuye hagati yabo, wa mucyo uturutse mu ijuru urarangira. Yesu yari afite amahirwe yo kwigendera, ariko yarahagumye afite ituze muri we. Yari afite icyubahiro n'ubwiza, ahagaze hagati y'abantu binangiye imitima, batagira kivurira kandi baguye hasi ku birenge Bye. Abigishwa barabyitegereje, bacecetse kandi bumiwe." – *Uwifuzwa Ibihe Byose,* p.694.

c. Ni gute ubugambanyi bwa Yuda bwagize ingaruka kuri iyo mbaga y'abantu; kandi ni gute ubugwaneza bwa Yesu bwasobanuwe nabi na Petero? Yohana 18:7 – 10; Luka 22:47 – 50.

"Cya gitero cyashiritse ubwoba, ubwo babonaga Yuda atinyutse gukora kuri Uwo wari umaze guhabwa ikuzo mu maso yabo. Noneho batinyutse gufata Yesu, maze bahambira ya maboko y'igiciro cyinshi yari yarakoresheje ibikorwa byiza.

"Abigishwa ba Yesu bari batekereje ko Umwami wabo atazemera ko afatwa mu maboko y'ababisha. Bibwiye ko za mbaraga zateye abagize icyo gitero kugwa igihumure bakamera nk'abapfuye zari gutuma Yesu na bagenzi Be bashobora gucika bakigendera. Bacitse intege kandi bababazwa no kubona bazana imirunga yo guhambira ibiganza by'uwo bakundaga. Petero mu burakari bwe yihutiye gufata inkota ye agerageza kurwanirira Umwigisha we, ariko icyo yashoboye gukora gusa ni uguca ugutwi k'umugaragu w'umutambyi mukuru." – *Ibid.*, p.696.

## 5. GUKANDAGIRA MU MUVURE BENGERAMO VINO WONYINE

Kuwa Gatanu
18 Nzeri

a. Sobanura ukuntu Yesu yaranzwe n'urukundo rurangwa no kwihangana igihe yafatwaga. Matayo 26:51 – 53, Luka 22:50,51. Ni gute ijuru ryabibonaga?

---

---

"Ubwo abigishwa babonaga cya gitero cy'abantu bitwaje amacumu n'inkota bikubise hasi ako kanya batangiye kugira ibyiringiro. Ubwo bahagurukaga kandi bakongera gukikiza Umwana w'Imana, Petero yakuye inkota ye ayikubita umugaragu w'umutambyi mukuru maze amuca ugutwi. Yesu yasabye Petero gusubiza inkota ye mu rwubati aramubwira ati: "Mbese wibwira yuko ntabasha gusaba Data, akanyoherereza abamarayika nonaha basaga legiyoni cumi n'ebyiri?" Nabonye ko igihe ayo magambo yavugwaga, mu maso h'abamarayika hagaragaye ibyiringiro. Icyo gihe bifuzaga kuba baza bakazenguruka Shebuja maze bakamenesha iyo mbaga y'abantu bari barakaye bikabije.... Igihe Yesu ubwe yemeraga ko abanzi be bamujyana, imitima y'abigishwa nayo yaguye mu majune kandi icika intege.

"Abigishwa batinyaga ko nabo bahatakariza ubuzima bwabo, maze bose baramutererana barahunga. Yesu yasigaye wenyine mu maboko y'icyo gitero cy'abicanyi. Mbega uko icyo gihe Satani yari atsinze! Mbega umubabaro n'agahinda abamarayika b'Imana bagize! Amatsinda menshi y'abamarayika bera, buri tsinda rirangajwe imbere n'umugaba waryo, boherejwe kuza kureba ibiri kuba. Bagombaga kwandika igitutsi cyose n'ubugome bwose byakorewe Umwana w'Imana, kandi bakandika intimba yose ikomotse ku mubabaro n'ishavu Yesu yagombaga kugira; kuko abantu bose bagize uruhare muri iki gikorwa giteye ubwoba bazongera kubyibonera byanditswe nk'uko byagenze." – *Inyandiko z'Ibanze,* p.167,168.

b. Ni iki abantu bose bavuga ko bemera Kristo bagomba kwigira ku mpuguro Umwami Yesu yahaye Petero? Yohana 18:11; 1Yohana 3:15.

## 6. IBIBAZO BYO KUZIRIKANWA

Kuwa Gatandatu
19 Nzeri

1. Ni irihe rarika Kristo yahaye abigishwa Be rikaba rifite agaciro k'umwihariko kuri njye?

2. Ni gute ibyabaye ku Mwami wacu i Getsemani byakagombye kungiraho ingaruka?

3. Ni gute nakwirinda kugira ibyiyumvo nk'ibya Petero igihe Yesu yafatwaga?

4. Ni ikihe kintu cy'ibanze cyateye Kristo umubabaro ukomeye?

5. Ni gute imbaga y'abantu bari baje gufata Yesu yabyitwayemo imbere y'ubwiza bwa marayika?

Ku Isabato, 27 Nzeri 2025

**Icyigisho 13**

# Simoni Petero

**ISOMO RYO KUZIRIKANWA:** "Kandi Umwami Yesu aravuga ati "Simoni, Simoni, dore Satani yabasabye kugira ngo abagosore nk'amasaka, ariko weho ndakwingingiye ngo kwizera kwawe kudacogora. Nawe numara guhinduka ukomeze bagenzi bawe." (Luka 22:31,32).

**Ibitabo Byifashishijwe:** *Ibihamya by'Itorero,* vol 5, p.331 – 336.

"Petero yaguye bitewe no kumva ko yihagije; kandi binyuze mu kwihana no kwicisha bugufi nibwo ibirenge bye byongeye guhagarikwa." – *Imigani ya Kristo*, p.155.

## 1. IMICO YA PETERO

Kuwa Mbere
21 Nzeri

a. Igihe Petero yasangaga Yesu bwa mbere, ni iki Shebuja yamubwiye? Yohana 1:42. Ni iki tuzi ku miterere ya Petero mbere yo guhinduka kwe?

---

---

---

"Amaso ya Yesu yabonye [Petero], asoma imico ye n'amateka ye. Imibereho yo guhubuka kwe, gukunda kwe, umutima we w'impuhwe, uburwanashyaka bwe no kwiyiringira, amateka yo kugwa kwe, kwihana kwe, imirimo ye, n'uburyo azicwa bamumuhora, Umukiza arabisoma byose." – *Uwifuzwa Ibihe Byose,* p.139.

"Igihe yibwiye ko we ubwe afite imbaraga niho Petero yagaragaye ko ari umunyantege nke; kandi amaze kumenya intege nke ze nibwo yasobanukiwe uburyo akeneye kwishingikiriza kuri Kristo." – *Ibid.*, p.382.

b. Nubwo Petero yari afite inenge mu mico ye, ni irihe rarika Yesu yamuhaye? Matayo 4:18,19.

---

---

---

"Yesaya amaze kwitegereza ubutungane bw'Imana n'uburyo we adatunganye, nibwo yahawe inshingano y'ubutumwa buvuye ku Mana. Petero amaze kuyoborwa ku kwizinukwa no ku kwishingikiriza ku mbaraga y'Imana ni bwo yahamagariwe gukorera Kristo umurimo." – *Ibid.*, p.246.

## 2. UKUBA PETERO YARI UMUNTU USHOBORA KWIBESHYA NO GUSHUKWA

Kuwa Kabiri
22 Nzeri

a. Ni ikihe kintu kigaragaza ko Petero yari umuntu ushobora kwibeshya ndetse no gushukwa kimwe n'undi muntu uwo ariwe wese, ndetse na nyuma yo kubatirishwa Umwuka Wera ku munsi wa Pentekote? Abagalatiya 2:11 – 14.

---

---

"Abantu benshi bagiriye [Petero] icyizere bitewe n'ubwitonzi yagaragaje mu kwitwara ku Banyamahanga bahindutse. Yahamaze igihe gito ahakorera ibijyanye n'umucyo yahawe uturutse mu ijuru. Yaje gutsinda imitekerereze mibi yari afite ku Banyamahanga maze asangira n'Abanyamahanga bahindutse. Nyamara igihe Abayuda bamwe bagiriraga ishyaka amategeko y'imihango bavaga i Yerusalemu, Petero yahereyeko ahindura uko yitwaraga ku Banyamahanga bihanye. "Nuko abandi Bayuda na bo bose baryaryana na we, ndetse ibyo bituma na Barinaba ayobywa n'uburyarya bwabo." Izi ntege nke zagaragariye ku bantu b'abayobozi bubahwaga kandi bagakundwa, zasize ishusho ibabaje mu bitekerezo by'abizera b'Abanyamahanga. Itorero ryari rigiye gucikamo ibice." – *Ibyakozwe n'Intumwa*, p.198.

b. Ni ikihe cyigisho dushobora kwigira ku makosa Petero yakoze n'ukuntu yakosowe? Zaburi 145:14.

---

---

"Petero amaze kubona ikosa yaguyemo, uwo mwanya yahise akora uko ashoboye kose kugira ngo arikosore. Imana yo imenyera iherezo mu itangiriro, yemeye ko Petero agaragaza intege nke zo mu mico ye kugira ngo iyi ntumwa [Petero] wari uhuye n'ikigeragezo abone ko ntacyo yari afite muri we cyo kwiratana. Abantu b'indakemwa kurusha abandi nabo bazibeshya igihe bazaba bari bonyine. Imana yanabonye ko mu gihe kizaza abantu bamwe bazayoba maze bahe Petero, ndetse n'abandi bari kuzamusimbura, icyubahiro n'ububasha bifitwe n'Imana yonyine. Nyamara ibi bivugwa byerekena intege nke za Petero byari gukomeza kuba igihamya kigaragaza ko yashoboraga kwibeshya, akanashukwa kandi ko nta sumbwe yari afite ku zindi ntumwa.

"Amateka y'uku kuva mu mahame atunganye ni umuburo ukomeye ku bantu bafite imyanya ikomeye mu murimo w'Imana kugira ngo batazateshuka ahubwo bazashikame ku ihame. Uko inshingano zihawe umuntu ziba zikomeye kandi akagira n'umwanya wo gutanga gahunda no gutegeka, ni nako aba afite ingorane zo kugira ibyo yangiza iyo atagendeye mu nzira y'Uwiteka kandi ngo akore akurikiza imyanzuro yafashwe n'inama rusange y'abizera." – *Ibid.*, p.198,199.

## 3. PETERO SI WE RUFATIRO RW'ITORERO

Kuwa Gatatu
23 Nzeri

a. Ni iki Yesu yavuze ku byerekeranye n'urufatiro rw'itorero? Matayo 16:16 – 19.

"Ukuri Petero yahamije ni rwo rufatiro rwo kwizera kw'abemera Kristo bose. Kandi ni nako Kristo ubwe yavuze ko ari ubugingo buhoraho. Nyamara kumenya uku kuri ntibyagombaga kuba impamvu yo kwikuza. Kuba Petero yarabihishuriwe ntibyakomotse ku bwenge cyangwa gutungana kwe. Nta na rimwe, ikiremwamuntu ubwacyo, gishobora kugera ku bwenge bw'Imana.....

"Ijambo Petero risobanura ibuye, – ibuye risanzwe. Petero ntabwo yari urutare Itorero ryubatsweho. Amarembo y'ikuzimu yaramushoboye ubwo yihakanaga Umwami we akoresheje kurahira. Itorero ryubatswe kuri wa Wundi amarembo y'ikuzimu atashoboraga guherana." – *Uwifuzwa Ibihe Byose,* p.412,413.

b. Kimwe na Petero, mbese ni iki abandi bahanuzi n'intumwa bavuze ku byerekeranye n'urufatiro nyakuri rw'itorero? Yesaya 28:16; 1Abakorinto 3:11; 1Petero 2:3 – 6.

"Imbere y'Imana n'abamarayika bo mu ijuru, imbere y'ingabo z'ikuzimu zitagaragara, Kristo yubatse itorero Rye ku Rutare ruzima. Urwo rutare ni Kristo ubwe, umubiri We wavunaguwe, ugakomeretswa ku bwacu. Kandi kuba Itorero ryubatswe kuri urwo rutare, amarembo y'ikuzimu ntazarishobora....

"Mu myaka ibihumbi bitandatu, kwizera kubatswe kuri Kristo. Mu myaka ibihumbi bitandatu imyuzure n'imiraba bikomoka ku mujinya wa Satani byikubise ku Rutare rw'agakiza kacu; ariko ntirwanyeganyega.

"Petero yahamije ukuri kwerekeye urufatiro rwo kwizera kw'itorero, maze Yesu amuha icyubahiro nk'umuntu wari uhagarariye umuryango w'abizera bose. Yaravuze ati, "Nzaguha imfunguzo z'ubwami bwo mu ijuru, kandi icyo uzahambira mu isi kizaba gihambiriwe mu ijuru, n'icyo uzahambura mu isi kizaba gihambuwe mu ijuru."

" 'Imfunguzo z'ubwami bwo mu ijuru' ni amagambo ya Kristo. Amagambo yose yo mu Byanditswe Byera ni aye, kandi n'ayo nicyo kimwe. Ayo magambo afite imbaraga zo gukinga no gukingura ijuru." – *Uwifuzwa Ibihe Byose,* p.413.

## 4. KUGWA KWA PETERO NO KWIHANA KWE

Kuwa Kane
24 Nzeri

a. Sobanura inenge ikomeye Petero yari afite mu mico. Mariko 14:14:27 – 29.

---

---

"Ku byerekeranye na buri tsinda ryagereranywaga n'Umufarisayo n'umukoresha w'ikoro, hari icyigisho dushobora gukura mu mateka y'intumwa Petero. Mu ntangiriro y'ukuba umwigishwa kwe, Petero yibwiraga ko yari akomeye. Kimwe nk'Umufarisayo, we yumvaga ko 'atari ameze nk'abandi bantu'.... Petero ntiyari azi akaga kari kamwugarije. Ukwiyiringira byaramuyobeje. We ubwe yibwiraga ko ashobora kunesha igishuko; ariko mu masaha make cyane ikigeragezo cyaraje, maze yihakana Umwami we akoresheje indahiro." – *Imigani ya Kristo*, p.152.

b. Ni gute Yesu yafataga uwo mwigishwa w'umwibone? Luka 22:31,32.

---

---

"Igihe isake yabikaga, yibutse amagambo ya Kristo, yaratunguwe kandi aterwa ubwoba n'ibyo yari amaze gukora maze arahindukira areba Shebuja. Muri ako kanya Kristo yahuje amaso na Petero, bityo Petero yarisobanukiwe ubwe binyuze mu ndoro ya Kristo icengera, yarangwagamo agahinda, impuhwe, n'urukundo yari amufitiye. Petero yasohotse hanze, ararira arahogora. Uko Kristo yamwitegereje byamukoze ku mutima. Petero yafashe icyerekezo gishya, nuko yihana icyaha cye ababaye cyane. Yari ameze nk'umukoresha w'ikoro mu kwicuza afite umutima umenetse no kwihana kwe, kandi kimwe nka wa mukoresha w'ikoro, [Petero] yarababariwe. Indoro ya Kristo yamwijeje ko yari kubabarirwa.

"Icyo gihe noneho kwa kwiyiringira kwe ntikwari kukimurangwaho. Ntiyongeye kugira ubwirasi ukundi." – *Imigani ya Kristo*, p.152 – 154.

c. Nyuma yo kuzuka Kwe, ni iki Yesu yabajije Petero? Yohana 21:15 – 17. Ni ukubera iki Yesu yabisubiyemo inshuro eshatu, kandi se Petero yamushubije iki? Luka 22:31,32.

---

"[Petero] yasuzuguje Kristo; maze bituma bagenzi be bamutakariza icyizere. Bibwiraga yuko atazemererwa gusubira mu mwanya yari afite muri bo mbere, kandi na we ubwe yiyumvagamo ko yatumye icyizere bamugiriraga kiyoyoka. Mbere yo guhamagarirwa gusubira mu murimo we wo kuba intumwa, yagombaga guhamiriza imbere y'abo bose ko yihannye. Iyo ibyo bitabaho, nubwo bwose icyaha cye yari yarakihannye, cyashoboraga kwangiza imbaraga yari afite nk'umugabura wa Kristo. Umukiza yamuhaye uburyo bwo gusubirana icyizere cya bagenzi be, bityo mu buryo bushoboka bwose, akavanaho igisuzuguriro yari yarashyize ku butumwa bwiza." – *Uwifuzwa Ibihe Byose*, p.811.

## 5. GUHAMIRIZWA MU MURIMO W'UBUGABURA

Kuwa Gatanu
25 Nzeri

a. Vuga bimwe mu bintu by'ingenzi biranga ukuba umwigishwa. Abakolosayi 1:10,11; 3:12 – 14. Ni iki twakwigira ku buryo Kristo yitwaye kuri Petero?

"Ntabwo ubutumwa bwiza bujya bugirana ubwumvikane n'ikibi. Ntabwo bushobora kwemera inzitwazo z'icyaha. Ibyaha bikorewe mu rwihisho bigomba kwihanirwa imbere y'Imana mu rwihisho, ariko ibyaha bikorewe mu ruhame bikenera kwihanirwa mu ruhame. Igisebo umwigishwa wa Kristo atejwe n'icyaha cye kijya kuri Kristo. Gihesha Satani intsinzi kandi kikagusha ba nyamujya irya n'ino. Mu gutanga igihamya cy'uko yihannye, yishingikirije ku mbaraga za Kristo, uwo mwigishwa agomba gukuraho icyo gisebo." – *Uwifuzwa Ibihe Byose*, p.811.

"Uburyo Umukiza yitwaye kuri Petero bwagombaga kumwigisha we ubwe no kwigisha bagenzi be. Ubwo buryo bwabigishaga gusanga umuntu waguye mu cyaha bafite kwihangana, impuhwe, ndetse n'urukundo rubabarira. Nubwo Petero yari yihakanye Umwami we, ntabwo urukundo Yesu yari amufitiye rwigeze na mba rudohoka. Urwo nirwo rukundo umwungeri agomba kugirira intama n'abana bazo ashinzwe kwitaho. Mu kuzirikana intege nke ze no kugwa mu cyaha kwe, Petero yagombaga kuragirana umukumbi we ubugwaneza nk'ubwo Kristo yamugiriye.

"Ikibazo Kristo yari yabajije Petero cyari gisobanutse. Yerekanye ingingo imwe rukumbi isabwa kugira ngo umuntu abe umwigishwa We kandi amukorere umurimo. Yaravuze ati: "Urankunda?" Icyo ni cyo kintu cy'ingenzi umuntu agomba kuba yujuje. Nubwo Petero yari kuba yujuje ibindi, ariko adafite urukundo rwa Kristo ntiyari gushobora kuba umwungeri w'indahemuka wo kuragira umukumbi wa Shebuja. Ubumenyi, kugira neza, kuba intyoza, kunyurwa no gushimira ibyo wakorewe, ndetse no kugira ishyaka, byose birafasha mu murimo mwiza, nyamara iyo urukundo rwa Kristo rutari mu mutima w'Umukristo, umurimo we uba imfabusa." – *Ibid.*, p.815.

## 6. IBIBAZO BYO KUZIRIKANWA

Kuwa Gatandatu
26 Nzeri

1. Kimwe nka Petero, ni gute nshobora kwibeshya ku byerekeye imico yanjye?

2. Ni gute nakwirinda inenge z'imico zagaragaye kuri Petero?

3. Ni ibihe byigisho nakura ku kugwa kwa Petero no kwihana kwe?

4. Nyuma y'ukuzuka kwa Kristo, ni ukubera iki byabaye ngombwa ko Kristo abaza ikibazo Petero imbere ya bagenzi be, kandi ibyo twabyigiraho iki?

5. Sobanura urufatiro Kristo yubatseho itorero Rye, kandi ugaragaze imfunguzo z'ubwami bw'ijuru.

# Amaturo y'Isabato ya Mbere




## Ku Isabato, 5 Nyakanga

### Azafasha kubaka urusengero rwa Aruwe muri Tahiti

Mbega ukuntu ari iby'ingirakamaro ko kuri icyo kirwa cyitaruye cyo mu Nyanja ya Pasifika haboneka inzu y'Imana iturukamo umucyo!

( Reba p. 4 )



## Ku Isabato, 2 Kanama

### Azagenerwa Icyiciro cy'Uburezi mu Nteko Nkuru Rusange

Kugirango abavugabutumwa bakiri bato bagere ku ntego mu murimo, bakwiriye kuba ari abantu bafite ubumenyi. Nimutyo dukomeze gutegura gahunda y'amasomo yabo.

( Reba p. 25 )




## Ku Isabato, 6 Nzeri

### Azagenerwa Ishuri ry'i Mahoko, mu Rwanda

Kurinda no kwigisha abana biba bigamije kubagira abavugabutumwa b'indahemuka bakorera Uwiteka.

( Reba p. 51 )